

INTAMBARA IKOMEYE

ITARIGEZE KURWANWA



Urakoze, Mwene Data Orman. Uwiteka aguhe umugisha.

² Mwaramutse, nshuti. Nshimishijwe cyane no kuba hano muri iki gitondo, kandi ni nk'aho bitari byiteguwe, ndakeka, ku bwanjye, kandi nzi neza ko bishobora kuba kw'iteraniro. Kandi nari ndimo gusoma gusa nuko... Urakoze, mushiki wanjye. Kandi Uwiteka yasaga nk'aho yashyize akantu gato ku mutima wanjye, ko kuzanira Itorero, kandi natekereje ko igihe kigeze cyo kubikora. Noneho ubu...

³ Ubwo nageraga yo, nta n'ubwo nari nzi ko tuzaba turi hano iki Cyumweru, Natangaje ko mfite u—u Ubutumwa kw'Itorero. Kandi ndashaka, niba Imana ibishaka, kuzana ubu Butumwa Kuyumweru gitaha. Kandi hazabaho igihe kirekire, rero, birashoboka ko tutazasohoka mbere ya kumi n'ebiyiri n'igice, cyangwa saa saba, bishobotse, niba dukurikije uko amasaha ajyenda. Ibyo byari k'umutima wanjye igihe kirekire, kandi ndatekereza ko ngomba guha rubanda igisubizo ngo kuki ntigeze ngaragara mu gikorwa. Kandi nabwirije hirya no hino, ariko nzi neza ko kitigeze gisohoka neza nkuko bigombaga kuba. Ndatekereza rero, Uwiteka abishaka, Kucyumweru gitaha, nzagira umwanya yo gufata igihe cyanyje nkagaragaza gusa, impamvu n'ikibitera, kandi mbamenyesheje, nshingiye ku Ibyanditswe Byera, uko ibintu bimeze, uko murasobanukiye, gusa kumenya impamvu bijyanye n'ibi byose. Kubera ko, birashoboka ko nzajya mu mahanga cyangwa ahandi hantu kure. Ntegereje noneho kugira ngo ndebe inzira Azanyoboramo ngo ngende. Ubushize...

⁴ Nko mu majoro atatu ashize, cyangwa amajoro abiri, nahamagawe kuri telephone hafi mu ma saa sita z'ijoro; kwari ugusengera umugore runaka wari mu bitaro. Barampamagara, barambwira bati: "Senga." None nibagiwe izina bampaye yitwa, ngo... Bavuze ko ari inshuti ya Madamu James Bell, mushiki wacu hano ku rusengero, mushiki wacu w'umwirabura, wizerwa cyane, umugore mwiza. Nizera ko izina ryari Shepherd, ni ryo bampaye. Nuko mva ku buriri ndapfukama, nuko—nuko mbibwira umugore wanjye. Telephone ihamagara irangurura, iramukangura. Nanjye ndavuga nti: "Tugomba gusengera Madamu Shepherd, mushiki wacu ni ko yitwa, iyo ni inshuti ya Madamu James Bell." Twaramusengeye rero, anyuma dusubira mu buriri.

⁵ Hanyuma nka saa kumi cyangwa saa kumi n'imwe, bukeye,

nongera kwakira telefone. Yari Billy. Nuko aravuga, ngo ntabwo yari Madamu Shepherd, ni Madamu Bell, we ubwe, ntabwo yari inshuti ya Madamu Bell. “Yari Madamu Bell, kandi ari mu bitaro, bikomeye cyane.” nyuma yo kw’ihutira kujya mu bitaro, dusanga yari yavuye mu mubiri kera. Uwiteka yari yahamagaye Madamu Bell, mu Rugo.

⁶ Madamu Bell yabaye umuterankunga wizerwa hamwe natwe hano ku rusengero, imyaka myinshi. Jye n’umugabo we James, twarakoranye, hamwe na data, hashize imyaka myinshi, hanze, twiruka... Twakoresheje ayo mashami kuva Pennsylvania kugera Colgate, mumyaka myinshi ishize, ndakeka hashize imyaka mironko itatu, cyangwa irenga. Kandi dukunda Mushikiwacu Bell. Yari umuntu ukomeye.

⁷ Kandi ndumva yari afite igitero gikaze cyindwara ya gasabo k’indurwe, kandi bo... Muganga we, wari uzi neza iki kibazo icyo ari cyo, icyo gihe yari hanze y’umuji. Nuko umuganga mushya aza kumureba, maze—maze atanga inama yo kubagwa byihutirwa, ariko ntiyayirokoka. Kandi—kandi yari... Ndatekereza ko... Uburyo mbyumvamo, ni uko umuganga we usanzwe atari kumwandikira ku—kubagwa, kubera yari aremereye kandi agasabo kindurwe we wari mubi. Kandi yari afite amabuye, ngira ngo, cyangwa ikindi kintu kirimo, maze—maze Uwiteka amugirira impuwe. Yagira icyo ibibazo mbere kandi Uwiteka yari yarabyitayeho, inshuro nyinshi. Ariko byabaye gusa... Ni byiza, niba tubizanye mu bipimo byuzuye, twavugaga ibi: Imana yari yarahamagaye Mushiki wacu Bell, kandi ni yo nzira yagombaga gufatwa, murareba.

⁸ N’uburyo ibyo Yabuze... yabizanye hafi yanyje, ku buryo nibwiraga ko ari Madamu... ma Madamazera Shepherd. Sinari nzi umufasha w’Umwungeri. Umudamu we ashobora kuba ari hano, muri iki gitondo, kandi nshobora kumumenya iyo ndebye mumaso ye. Ariko, byavuzwe ko ari Madamu Shepherd. Kandi niba byose byarakozwe gutya, rero ibyo niba ari... Niba nzi ko ari Madamu Bell wari umerewe kuriya, Birashoboka ko naringiye aho hanze nkamusabira ako kanya. Hanyuma, murareba, ibyo, wenda Imana ntiyashakaga ko dukora ibyo. Noneho, “Turabizi ko ibyo bintu byose bikorera hamwe kubwo kuzanira ibyiza abakunda Imana.”

⁹ Kandi nzi neza ko Mushikiwacu Bell yakunze Umwami wacu. Yari umugore mwiza. Noneho, ni umwe muri twe. Hano, ntabwo tugira tureba uko amabara y’imibiri yacu ateye. Umuryango w’Imana ntushushanya imirongo y’amabara. Twaba turi umutuku, umutuku ujimwe cyane, umukara, cyangwa umuhondo, ntacyo bitwaye, cyangwa se umweru. Ibyo ari byo byose, turi abavandimwe muri Kristo. Natwe rero—turamukunda. Kandi tuzamukumbura, mu rusengero. Ni gute nzabura, Mushikiwacu Bell, mu bakomeye, b’ingirakamaro, munini, nibuka za “amina” twumvaga ziva hariya mu mfuruka.

Kandi umujyane mu rugo, buri igihe yavugaga gusa kubyerekeye Umwami Yesu.

¹⁰ Niba kandi mbyumva neza, ntabwo nigeze mbimenya kugeza mu mwanya muto ushize, ariko ntekereza ko imihango yo kumushyingura bizabera hano mu rusengero. [Mwene Data Neville aravuga ngo: “Nibyo.”—Ubwanditsi.] Kuri uyu wa kabiri utaha saa [“Saba zuzuye.”] saa saba zuzuye. Kandi ndatekereza ko mwebe na nyje tugomba kuyobora [“Ni byo.”] muri uyu muhango wo gushyingura.

¹¹ Ariko, ni mw’iteraniro gusa, dore turi abanyanteye nke muri iki gitondo, ku bijyanye na Mushiki wacu Bell, reka duhagarare gusa mu kanya gato, mu gihe twunamishije imitwe yacu.

¹² Mana y’ubuzima, itanga kandi igatwara ubuzima, nkuko Yobu wa kera yabivuze, “Uwiteka aratanga kandi Uwiteka agatwara; hahimbazwe Izina ry’Uwiteka.” Mu myaka mike ishize, Wohereje Mushiki wacu Bell hagati muri twe, kugira ngo abe umuturage hamwe na twe, mu muryango rusange w’Imana. Turagushimira kubwo guhumeka kose yagiriye imbere yacu, mbega ukuntu yakundaga kuririmba no gutanga ubuhamya, kandi akuzura Umwuka kugeza igihe ashobora kuvuza induru no gutaka. Kandi ntiyatewe ipfunwe n’Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo, kuko, kuri we, Byari Imbaraga z’Imana ku gakiza. Kubona imyaka ye ibaze, kandi igihe kirageze ubwo twese tugomba gusubiza. Kandi wamutwaye muri iki gitondo, kugira ngo abe Imbere Yawe. Kubera ko, mu by’ukuri, iyo tuvuye hano, tuba turi Imbere y’Imana.

¹³ Mana, turagushimiye muri byose. Turasenga ngo Uhe umugisha umugabo we, inshuti yanjye, James; umuhungu we, abakobwa be, abo bese. Twumvise ko umuhungu we ari gufata indege yo kuza murugo, ikamuvana mu Budage, mu mirimo y’igisirikare, kugirango aze mu rugo, guha icyubahiro cya nyuma uko ashoboye, kw’isi, nyina w’itabye Imana. Ni gute umutima w’uwo musore ugomba kuba uhinda umushyitsi muri iki gitondo. Ndamusengera, Mwami. Mana, umuhe umugisha. Imigisha kuli Jimmy, ameze ate kandi... n’ukuntu agjya akorera hanze hakurya, n’amasaha ananiza, kugirango abone ibikwiriye bwo kubaho by’umuryango we. Ndasenga ngo umuryango ukomeye utazatandukana, ariko uruziga rw’umuryango ntuzatandukane muri kiriya Gihugu hakurya.

¹⁴ Reka, Mwami, noneho dushimangire intwaro hamwe n’ingabo, ikomeye gato, hanyuma tujye ku rugamba nonaha, kurwana n’umwe uri hasi y’uwo twarwanye na we mu cyumweru gishize. Turasenga ngo Udukomeze kandi uduhe imbaraga, maze udufashe gukomeza, kandi umunsi umwe twese dushobora kongera guteranira hakurya. Kubera ko tubisabye mw’Izina rya Yesu. Amina.

15 Noneho roho ya mushiki wacu yagiye iruhukire mu mahoro. Ndashaka kuvuga ngo—ngo gahunda yo gushyingurwa kwe ibwirizwe hano Kucyumweru, cyangwa Kuwakabiri, kandi twabikora... Abazaza bose tubifurije ikaze. Ndayekaga ko mwene Data Neville hano afite uko gahunda iteye, kandi namwe murayifite. Noneho, uyu muni, njye...

16 Murebe, ntabwo hari benshi cyane. Niba hashobora kuba hari ahantu hari intebe zazaniwe mwene Data na Mushiki wacu Slaughter bari inyuma hariya. Nabonye umpamagara kuri telefone, Mushiki wacu Slaughter, kwari ugusengera uwawe... wa Mushiki wacu Slaughter, Mushikiwacu Jean Slaughter n'ukuntu afite uwo muriro w'urukwavu, twaremuka. Mu by'ukuri afite ikibazo kitoroshye, ariko twizeye Imana ko azamera neza.

17 Noneho turashaka gusoma Ibyanditswe Byera. Kandi ndashaka kwigisha muri iki gitondo, nkoresheje igihe cyanyije nitonze, 'Kubera ko kuva ngarutse mvuye hanze, Arizona, neza, umuhogo wanyije urahirira gusa.

18 Noneho, ku Cyumweru gitaha, ntumuzibagirwe, kandi ngira ngo Billy yamaze kohereza ama—amatangazo. Kandi bizaba ari umurimo umara igihe kirekire, turizeye, muzaze kare uko mubishoboye. Turashaka gutangira, neza nka saa tatu na mirongo itatu, cyangwa ndashaka kuvuga, saa yine. Kandi bishobora kuba, mwibuke, hafi saa saba cyangwa saa saba... wenda, cyangwa saa sita n'igice, saa saba, ikintu nk'icyo, amasaha atatu cyangwa ane, cyangwa arenga, ni yo nshaka gufata, kandi ndafata Ibyanditswe gusa. Muzane amakaramu yanyu n'impapuro, hanyuma mubishyire ahagaragara. Hano hari ikibazo, urabaza—ibaze, urabona, kandi bishoboka ko dushobora kubisobanura, dukora uko dushoboye kugirango dufashe.

19 Noneho reka dusome Ibyanditswe bimwe, ubanza, ubungubu. Mfite ahantu hatatu muri Bibiliya, nifuza gusoma. Kandi ubanza hamwe muri ho, niba mushaka gushyiraho akamenyetso, kandi niba mufite ikaramu, nshaka kubyifashisha, muri iki gitondo, ku nyandiko nyinshi nifuza... cyangwa Ibyanditswe byinshi, ahubwo, ndashaka kubyifashisha. icya mbere kiraba muri Petero wa mbere 5: 8-10, Abefeso 6: 10-17, na Daniyeli 12: 1-14. Noneho, mu gusoma, dufate umwanya uhagije.

20 Abantu bose mu bigaragara baricaye. Rero, bake ni bo bahagaze, inyuma no ku ruhande. Ariko tugiye kugerageza kubinyuramo vuba bishoboka kandi tubarekure, noneho tugiye gusengera abarwayi.

21 Kubona umudamu muto uryamye hano muri iki gitondo, arwaye cyane. Ndabyumva kuko ejo yari arembye cyane. Nanjye—Nashakaga ko yumva, muri iki gitondo, mbere, mbere y'uko musengera. Kandi nzi imiterere y'uyu mudamu muto muto.

Kandi ararembye cyane, ariko twabonye Data ukomeye cyane wo mw'Ijuru watsinze ibirenze indwara zose. Kandi nabonye u—umuto. . .

²² Nabajije Madamu Woods niba ashobora gusoma, ariko we—we yari yanze gato ku—kubikora. Ingingo imwe, aho rwose umuganga yatunguwe. Ubwo, yarimo anenga gukira indwara guturuka ku Mana kandi ntiyemeraga ko hagira umuntu ubivuga mu biro bye; ndetse n'umuforomokazi, na we ni uko. Rero, byabaye, kubona umurwayi wari urwaye kanseri, kanseri nini. Ntiyashakaga kugira icyo abikoraho, nuko amwohereza ku rindi vuriro. Ntibashakaga kugira icyo babikoraho aho ngaho, nuko bamusubiza inyuma. Nabwo. . . Yoo, yari iri kw'ibere, kandi yari ameze nabi. Uruhu rwose rwari rwarariwe. Kandi kanseri, yamanutse mw'ibere, mu rubavu. Ndayekaga ko mwumva icyo nshaka kuvuza.

²³ Babonye inshuti yacu y'umuganga wo muri Noruveje yicaye hamwe natwe muri iki gitondo.

²⁴ Yateguye ibikoresho bye byose, kuko yavuze ko yari abizi—ko yashakaga ko abagwa no gukurwaho amabere. Kandi kari akazi kavusha amaraso cyane. Kandi—nuko afata ibyo akeneye, ibintu byose. Umuforomokazi yateguye umudamu amuzana mu cyumba cy'imbagwa, hanyuma asubira gushaka ibikoresho byo. . . byakagombye gukoreshwa na muganga n'umufasha we, gukuraho amabere. Kandi rero bari bafite igitambaro n'ibintu bimurambitseho. Nuko baratangira. . .

²⁵ Igihe yatangiraga guhindukira, umugabo we yashakaga kumenya niba ashobora kujya mu cyumba maze agasenga. Yari umubwiriza wejewe. Yicara aho iruhande rw'ukuguru kw'igitanda, maze arasenga. Isomo, umuganga ntiyanyuzwe neza n'ibyo, murabizi, kuba yari aho. Ariko igihe cyose atashoboraga kubireba, ntibyashoboraga kumubabaza, kuki, “Ndayekaga ko byose byari byiza; ntabwo—ntabwo yari gucika intege.”

²⁶ Rero mu gihe twari twicaye, dusenga, haza umuriri mu cyumba. Muganga arahindukira ngo ajye ku. . . hamwe n'igikoresho cye, kugira ngo atangire gukuraho amabere. Aterura ipaki ku yindi. Nta n'inkovu yari kw'ibere; nta n'inkovu. Aravugaga ati: “Bira—bira. . . Biragenda?” Maze aratangira. . . nuko Umuforomokazi atanga ubuhamya bwe. Bombi barasohoka bahinduka abapentekote, buzuye Umwuka Wera, bakorera Umwami. Nta n'inkovu!

²⁷ Muganga Holbrook yatanze ubuhamya, we ubwe, yagize ati: “Umunota umwe mbere yaho, hari u—umugore wari uryamye aho, n'umuforomo, na kanseri nini ikomeye yose yasagambye kw'ibere rye. Kandi umunota umwe nyuma yaho, nta n'inkovu yari ikimuriho.” Nguwo umwe mu baganga bacu beza mu bavura

hano muri Amerika. Yavuze ko icyo gihe yari yizeye. Kandi, nyamara, yari umudiyakoni mw'itorero. Murareba?

²⁸ Murareba, abantu batekereza gusa ko itorero ari ikintu ujjyamo gusa, kandi ni, "Yoo, ujjyayo kwiga kuba mwiza, cyangwa ikindi nk'icyo." Ntabwo ari byo, nshuti. Oya. Imana ni Imana. Uyu muni irakomeye nk'uko yari iri, ni ko yahoze. Kandi ni ko izahora ibihe byose. Kandi ni i . . . Turayikunda gusa.

²⁹ Noneho, turashaka gusoma nonaha duhereye kuri Petero wa mbere, igice cya 5, umurongo wa 8 n'uwa 10, kugira ngo tuwutangirireho.

Mwirinde n'ibisindisha, . . . mube maso; kuko umurezi wanyu satani, . . . azerera nk'intare, yivuga ashaka uwo aconshomera:

mumurwanye mushikamye . . . kandi mufite kwizera gukomeye, muzi yuko bene Data bari mu isi muhuje imibabaro.

Kandi Imana igira ubuntu bwose yabahamagariye ubwiza bwayo buhora buri muri Yesu Kristo izabatunganya rwose ubwayo ibakomeze ibongerere imbaraga nimumara kubabazwa akanya gato.

³⁰ Ukuntu Imana ari iyo gushimwa! Noneho turebe mu gitabo cy'Abefeso. Turashaka guhindukirira hano mu gitabo cy'Abefeso, igice cya 6, kandi ndashaka gusoma umurongo wa 10 kugeza ku murongo wa 17, nashyizeho ikimenyetso.

ibisigaye mukomere mu Mwami, no mu mbaraga z'ubushobozi bwe bwinshi.

Mwambare intwari zose z'Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n'uburiganya bwa satani.

Kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubili, ahubwo dukirana n'abatware, n'abafite ubushobozi, n'abatega iyi si y'umwijima w'isi—w'iyi si y'umwijima, n'umyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.

Nuko rero mutware ubwanyu intwari zose z'Imana, kugira ngo mubashe gukomera ku muni mubi, . . . kandi murangije byose, mubashe guhagarara mudatsinzwe.

Muhagarare mushikamye, mukenyeye ukuri, . . . mwambaye gukiranuka nk'icyuma gikingira igituza;

mukwese inkweto ari zo butumwa bwiza bw'amahoro bubiteguza;

Kandi ikigeretse kuri ibyo, . . . mutware kwizera nk'ingabo, ariko muzashoboza kuzimisha imyambi ya wa mubi yose yaka umuriro.

Mwakire agakiza kabe ingofero, mwakire n'inkota y'Umwuka, ari yo Jambo ry'Imana:

31 Noneho mu gitabo cya Daniel, ndashaka kuhasoma ibindi. Noneho, Daniel igice cya 12. Ndashaka gutangirira ku muni wa 1, kandi ngasoma i—igice kirekire cyaho, imirongo cumi n'ine.

Maze icyo gihe...Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya uhagarikira abantu azahaguruka: hazaba ari igihe...cyumubabaro utigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe: nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo bazarokorwa.

kandi benshi bo muri bo bazaba barasinziye mu gitaka bazakanguka, kandi bamwe bazakangukira ubugingo buhoraho,...abandi bazakangukira gukorwa n'isoni no gusuzugurwa iteka ryose.

Kandi abanyabwenge bazarabagirana nk'umucyo wo mu isanzure ry'ijuru; n'abahinduriye—abahinduriye benshi ku bukiranutsi bazaka nk'inyenyeri iteka ryose.

nuko wowe, Danyeri bumba—bumba i...igitabo, ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka: benshi bazajajara hiryu no hino, kandi ubwenge buzagwira.

Nuko nyewe Danyeri nditegereza mbona abandi bagabo babili bahagaze, ...umwe ku nkombe yo hakuno y'uruzi, undi kuyo...ku nkombe yo hakurya y'uruzi.

Umwe abaza wa mugabo wari wambaye umwenda w'igitare wari hejuru y'amazi y'urwo ruzi, Ibyo bitangaza...bizagarukira he?

Mbona wa mugabo wari wambaye umwenda w'igitare wari hejuru y'uruzi, atunga ukuboko kw'iburyo nukw'ibumoso ku ijuru, numva arahira Ihoraho iteka ryose ngo bizamara igihe n'ibihe n'igice cy'igihe; kandi ati: nibamara kumenagura imbaraga z'abera,...ibyo byose bizahera ko birangire.

32 Ndizera ko nza guhagarikira aho ngaho. Ndashaka gufata inyandiko, niba yakwitwa inyandiko, uhereye aho, kugira ngo ntange uyu mwanzuro: *Intambara Ikomeye Itarigeze Kurwanwa*. Ni byo nshaka gukoresha kubw'inyandiko.

33 Noneho, uko naje kubona ibi kubw'iyi nyandiko muri iki gitondo: Ni bwo tukigaruka; abayobozi bamwe, hano ku rusengero, hamwe nanjye ubwanjye, twari turi muri Arizona. Twasohotse rwose, kugira ngo duhurire i Phoenix, hamwe na Mwene Data Sharrit, ku rusengero rwe. Ariko igihe namenye ko—ko mwene Data yari mu mujyi, afite amateraniro mw'ihema, ubwo, noneho numvise ntashaka na gato ibijyanye no gukora amateraniro. Natekereje ko wenda nazayakora ku Cyumweru nyuma ya saa sita, kugira ngo hatagira ubabangamira mu matorero yabo. Ariko, mbona, ko afite amateraniro yo ku

Cyumweru nyuma ya saa sita, na we. Kandi nari—nari mpangayikishijwe gato no kugira amateraniro.

³⁴ Natwe rero bavandimwe, aho gukomeza umunsi wose, nk'uko twari twagiye guhiga, twinjiye mu muji, turitegura, maze tujya kwa Mwene Data Allen. Mwene Data A. A. Allen yari afite amateraniro. Twagiye rero muri ayo materaniro, maze Mwene Data Allen abwiriza ikibwiriza gikomeye. Twari dufite i—igihe, igihe cyiza, cyo kumva mwene Data Allen, kumva—abaririmbyi, n'ibindi, uko baririmbaga, barangurura, kandi bafite umurimo ukomeye.

³⁵ Hanyuma, twabonye inzira yose, ukuboko k'Umwami. Aho twajyaga hose, Umwami Yesu yaradusangaga. Kandi hariho ikintu kidasanzwe mu kuba wenyine, mu butayu. Hariho ikintu hagati ahongaho, niba uri wenyine muri ubwo buryo, hari ikintu kigukurura. Ni byo, ndakeka, ni yo mpamvu yonyine ituma nkunda aho hantu hitaruye. Ujya kure y'imbaraga z'umwanzi, nk'uko twabigenje hano.

³⁶ Satani ntacyo atwaye keretse niba afite icyo yakora. Afite... Muribuka ya madayimoni yirukanwe muri Lejiyo? Yari afite... ashaka gukora ibibi byinshi, nuko ashaka kujya mu ngurube. Rero, amadayimoni agomba kugira icyo akora, kugira umuntu akoreramo.

³⁷ Kandi ubwo ni bwo buryo Imana ikora. Igomba kutugira. Idushingiyeho, kugira ngo Ikore binyuze muri twe.

³⁸ Kandi benshi baje mu gihe twari mu rugendo, bazana inzosi. Kandi Umwami Yesu ntabwo yigeze ananirwa ariko atanga ibisobanuro neza, kandi biba byo, neza neza.

³⁹ Noneho Yatubereye mwiza, kutuyobora k'umukino no kutubwira aho ugeze. Kandi, murabizi, gusa kuba hafi gutya, ni byiza gusa. Shyira nzira, ijoro, hafi y'umuriro w'ikigo, kure y'abantu bose, ku birometero n'ibirometero, hanyuma wirebere i—inkongi y'umuriro izenguruka impande zose. Kandi, yewe, byari byiza cyane!

⁴⁰ Mwene Data umwe waho, wari ufitanye ikibazo n'umugore we, yagize... Mu myaka yashize, yazamuye umutwe mu materaniro, aho nari ndi gukorera umurimo. Kandi nari nabasabye kunamisha umutwe hasi; narwanaga n'umwuka mubi utarashakaga gusohoka mu—mu mugore, kuri ruhimbi. Nuko umudamu, gusa utiyubashye, yazamuye umutwe uko byagenda kose. Maze umwuka usohoka mu mugore, ku ruhimbi, ujya muri we. Kandi iyi ni imyaka igera kuri cumi n'ine, umudamu ameze nabi cyane; bikabije, ndetse n'uburwayi bwo mu mutwe, kugeza ubwo akora gusa ibintu bidakwiriye. Urugero, yasize umugabo we, aragenda arongorwa n'undi mugabo mu gihe yabanaga n'umugabo we; yavuze ko atazi ko yabikoze. Kandi rero—bagerageje kumusuzuma kubw'ibi... Ibyo mubyita iki, iyo wowe... Amazinda? Ni... Mbega, buri

gihe iryo zina. Ndayekaga ko ari byo, muganga. Ariko ntabwo ari byo. Byari umwuka. Na we... Kandi umudamu yari inshuti yanjye nziza. Ariko kuva muri iryo joro, ubwo, yaranyanze nkana. Birumvikana, ushobora kubona impamvu yabyo.

⁴¹ Ariko rero, igihe umugabo we yazaga, twarapfukamye mu cyumba turasenga, noneho Umwuka Wera aramanuka. Ni byo. Hanyuma abonekera umugabo we muri iryo joro, mu nzozi. Yagarutse afite inzozo, yibwira ko ari urwenya. Ngwino urebe, cyari igisubizo nyine cyo gukira k'umugore we. Mbega ukuntu ibyo Umwuka Wera yabigenje!

⁴² Hasi hariya muri Tucson, hamwe na Mwene Data Norman hamwe na bo, kandi ahongaho Uwiteka yatangiye gukora ibikomeye, ibintu bifite imbaraga no guhishura ibintu.

⁴³ Ijoro rimwe, icyankuruye kuri uyu mwanzuro hano, nari mpagaze hamwe na mwene Data Wood na Mwene Data Sothmann. Kandi twari... Hari nko mu ma saa kumi z'ijoro, narebaga mu kirere, maze ubwoba bwinshi buransaga. Nuko ndavuga nti: "Reba gusa! Ingabo zose zikomeye, zo mw'ijuru!" Nuko ndavuga nti: "Ibintu byose biratunganye neza."

⁴⁴ Umuvandimwe Wood ati: "Witegereje inyenyeri ebyiri nto cyane ziri hamwe, ku buryo, byatumye bisa nk'urumuri."

⁴⁵ Ndavuga nti: "Ariko, murabizi, Mwene Data Wood, ukurikije ubuhanga, muri urwo ruhererekana rw'Inyenyeri, Inyenyeri Ntoya, Inyenyeri Nini, izo nyenyeri ntizigaragara hejuru ya santimetero ebyiri; kandi zari kure y'izindi kuruta uko turi kure yazo. Niba kandi zishatse kuza kuri iyi si, byafata, ibilometero ibihumbi n'ibihumbi mw'isaha, byatwara imyaka amagana n'amagana kugira ngo zigere kw'isi." Maze ndavuga nti: "Muri ubu buryo bukomeye, bugari cyane hano, nyamara bakatubwira ko barebera mu madarubindi yabugenewe, bashobora kureba imyaka miriyoni ijana na makumyabiri y'umucyo, hanze aho; kandi haracyariho ukwezi n'inyenyeri. Kandi—kandi, nyamara, Imana yaremeye buri yose muri zo. Izishyira hagati yabo."

⁴⁶ Maze ndavuga nti: "Hari ahantu hariya, igihe kimwe, bigeze kunyereka zodiaci, mu ndeberakure; uherezeye ku Isugi, ukagera mu gisekuru cya Kanseri, hanyuma ukamanuka kugeza ku ntare ari yo iheruka, Leo intare. Ukuza kwa mbere kwa Kristo, kwanyuze kw'isugi; ukuza kwa kabiri, kunyura ku Ntare yo mu muryango wa Yuda." Ndavuga nti: "Nagerageje uko nshoboye ngo ndebe iyo zodiaci, maze sinashobora kuyibona. Ariko, nyamara, irahari. Ababihuguwemo, bazi ko ihari. Yobu yarayibonye. Abagabo bakundaga kuyireba. Yari Bibiliya, ku munsu umwe. Ariko muri urwo rusobe rwose rwa miliyoni na miliyari—y'imyaka, Imana yicaye hagati yazo, kandi Irazitegereza iri hasi. Pawulo azirimo. Mama azirimo, ahantu runaka, azitegereza."

⁴⁷ Kandi natekereje kuri gahunda y'izo ngabo zo mw'ijuru, nta n'imwe muri zo itari mu mwanya wayo. Buri yose muri zo yubahiriza igihe cyayo, neza. Ingabo zikomeye z'Imana! Natekereje ku basirikare; ese byagenda gute uko kwezi kuramutse kuvuye mu mwanya wako, isi yahita yongera gutwikirwa n'amazi, mu minota mike. Isi yahita imera nk'uko yari imeze igihe Imana yahitagamo kuyikoresha, kugira ngo idushyire hano kw'isi. "Ntiyari ifite ishusho, yariho ubusa, kandi hariho umwijima, kandi amazi yari asandaye hose kw'isi." Niba kandi ukwezi kongeye kuva mu mwanya wako, ni ko byakongera kumera. Iyo ukwezi gutigise gato kuri kure y'isi, imiraba irazamuka. Iyo kumanutse, igakurikirana no kwivumbagatanya kw'inyanja. Ni ingabo zikomeye z'Imana. Kandi ubwo natekerezaga kuri...uko kubaho kw'ingabo zikomeye z'Imana hariya...

⁴⁸ Noneho, twagiye kuryama. Maze ntangira gutekereza ukuntu muri ibyo byose nta na kimwe kiva mu mwanya wacyo. Byose byashyizwe mu mwanya. Niba habayeho kwimuka, ahantu runaka, muri byo, ni kubw'impamvu, kandi byagira ingaruka kuri iyi si. Gusa tubona ibisubizo byabyo ubungubu, uhereye kuri bimwe muri byo byimukira ahandi hantu. Bihita bibaho. Bigira ingaruka kuri buri kintu.

⁴⁹ Kandi naratekereje, rero, niba izo ngabo zikomeye zo mw'ijuru, nka ziriya, zigomba kuguma mu mwanya wazo, kugirango zishyire ibintu byose kuri gahunda, tuvuge iki ku kajagari k'ingabo zo mw'isi? Ni gute, iyo kimwe kivuye kuri gahunda, burya ibintu byose bita umurongo! Gahunda yose y'Imana irahungabana iyo umunyamuryango umwe ataye umurongo. Tugomba guhora duharanira gukomeza gahunda y'Umwuka.

⁵⁰ Kandi ndashaka, imbere y'Imana ko, muri iki gitondo, ko twaza gukora igikorwa nyacyo cyo gukiza abarwayi, ko dushobora kugumana iki gice...itsinda duteraniye hano muni y'iki gisenge muri iki gitondo, mu mutekano nk'uyu, ko Umwuka Wera yashyira buri rugingo rw'Umubiri, hano muri iki gitondo, mu mutekano nk'uyu, kugeza igihe hazabaho gukira k'ubugingo n'umubiri, niba tugumye mu mwanya yacu gusa.

⁵¹ Noneho, nk'uko nabivuze ngitangira, uyu mudamu wari urwaye kanseri Dogiteri Holbrook afata...yari agiye kuyihagarika. Noneho, Imana yateje urusaku ruza muri iryo vuriro, hanyuma ikuraho iyo kanseri itanasize inkovu, ese ntimuzi ko iyo Mana imwe iri hano? Kandi ikintu kimwe itegereje, ni kubw'i—Ingabo zayo kugira ngo zigume mu mwanya wazo, nk'inyenyeri, zigume mu mwanya.

⁵² Noneho, mwari mubizi, twagize intambara ku zindi ntambara, n'ibihuha by'intambara? Kandi isi niramuka ihagaze, tuzagira izindi ntambara nyinshi. Ariko se muriyumvisha ko

muby'ukuri hariho imbaraga ebyiri gusa mw'isi yose? Mu itandukaniro ryacu ryose hagati y'amahanga, n'ikinyuranyo hagati y'ikintu n'ikindi, n'ibindi byose, byose biganisha ku bubasha bubiri. Hariho imbaraga ebyiri gusa, kandi hariho ubwami bubiri gusa; imbaraga ebyiri, n'ubwami bubiri. Ibisigaye byose, utuntu duto duto, duhujwe na bumwe muri ubwo bubasha. Kandi izo mbaraga ni imbaraga z'Imana hamwe n'imbaraga za Satani. Ni byo... Intambara yose, imidugararo yose, ibintu byose byabayeho, bigengwa n'imbaraga z'Imana cyangwa imbaraga za Satani, 'kubera ko ni zo mbaraga ebyiri zonyine zihari. Kandi ni zo mbaraga z'ubuzima zikaba n'imbaraga z'urupfu. Noneho, ubwo ni bwo bubasha bwonyine.

⁵³ Kandi Satani ashobora gusa... Imbaraga ze, afite, ni imbaraga zigoramye z'Imana. Ntabwo ari imbaraga ze nyazo. Ni ukugoreka imbaraga z'Imana, ibyo Satani afite byose. Urupfu ni ubuzima buhinduye gusa. Ikinyoma ni ukuri gusa kugoretse. Murareba? Ubusambanyi ni i—igikorwa cyakoreshejwe nabi, igikorwa gikiranuka cyakoreshejwe nabi. Murareba? Ibintu byose Satani afite ni ibintu bigoretse, ariko ni imbaraga.

⁵⁴ Natwe, uyu muni, twicaye hano, kandi imbaraga zimwe cyangwa izindi zigiyeye kutugenzura. Reka rero twirukane ibibi. Reka dufate umwanya wacu nk'inyenyeri zo mw'ijuru.

⁵⁵ Nk'uko Bibiliya ibivuga, "Inyenyeri zizerera," hejuru mu Gitabo cya Yuda, "zikuraho isoni zabo bwite." Kandi ntidushaka kuba inyenyeri zizerera; mwibaze niba *ibi* ari byo, mwibaze niba na *biriya* ari byo, mwibaze niba *bizabaho*, mwiibaze niba... uko bishoboka kose. Ntimuzerere. Mugume mumere nka ziriya nyenyeri zo mw'ijuru, nk'ubasirikare nyabo ku murimo bashinzwe. Muagarare aho, mwizeye! Ubuzima n'urupfu.

⁵⁶ Noneho, ingabo, iyo rwose ari ingabo, igihugu cyitegura kurwanya ikindi gihugu, bagomba kubanza gutuza no kumenya icyiza n'ikibi, bakagenzura niba bashoboye kurwanya ikindi igihugu cyangwa batabishoboye. Yesu yarabyigishije. Niba kandi abantu babikora, niba amahanga yabikora ya—yakwicara, agahagarara agatekerezza kuri ibyo bintu, impande zombi, ntitwazongera kugira intambara.

⁵⁷ Noneho, turabimenye, niba umuntu atabikoze, niba abayobozi b'ingabo z'igihugu batabanje kwicara, hanyuma ngo bashushanye barebe ko ari ukuri, n'impamvu zabo n'itego zabo neza, kandi ngo barebe niba bafite imbaraga n'ubushobozi buhagije bwo gutsinda ingabo ziri imbere, rero aho bizera ko bazatsindwa.

⁵⁸ Aho ni ho Jenerali Custer yakoze ikosa rye rikomeye. Jenerali Custer, nk'uko mbyumva, yari afite itegeko rya leta, ryo kutajya mu gihugu cya Sioux, kuko cyari igihe cy'iyobokamana kuri bo. Cyari igihe cyo gusenga. Bakoraga ibirori. Ariko Custer yaragiye arasinda, nuko atekereza ko

azabikora uko byagenda kose. Yagomaga kwambuka, ryaba ari itegeko cyangwa atari itegeko. Nuko icyo gihe bararashe mu by'ukuri abantu b'inzirakarengane, barabarasa. Ndatekereza ko banakubise bamwe muri bo. Bari abasikuti, hanze, bahiga ibiryo, byo kugaburira u—ubwoko bwabo mu gihe basengaga. Nuko Custer, yambuka, arababona, atekereza ko bari inyuma yabo, nuko barasa muri ba basukuti. Maze aba basukuti baratoroka, baragaruka. Bakoze iki? Bitwaje intwaro, maze baraza. Kandi iryo ryari iherezaho rya Jenerali Custer, kuko aticaye ngo atekereze, mbere.

⁵⁹ Ntacyo yari afite cyo gukora ahongaho. Ntabwo yari afite uburenganzira bwo kuhaba. Yari yarigijeyo Abahinde kuva ku nkombe y'Iburasirazuba, hirya no hino mu Burengerazuba, uko byagenda kose. Kandi bagiranye amasezerano, ariko yishe ayo masezerano. Igihe yarengaga ku masezerano, yatsinzwe urugamba.

⁶⁰ Kandi rero ingabo, mbere na mbere, mu kwitegura urugamba, ubanza hagomba kubaho gutoranya, bamwe mu basirikare. Bagomba kwambarira urugamba. Bagomba gutozwa kurwana.

⁶¹ Kandi nizera ko intambara ikomeye itarigera kurwanwa, ubu yiteguye gushyirwa mu bikorwa. Nizera ko Imana yagiye itoranya abasirikare bayo. Nizera ko yagiye ibambika, ibatoza. Kandi urugamba rw'intambara ubu ruteganiywe, rwiteguye gutangira.

⁶² Iyi ntambara ikomeye, ya mbere itarigeze kurwanwa, yatangiriye mw'Ijuru, igihe Mikayeli n'abamalayika Be barwanaga na Lusiferi n'abamalayika be. Bwa yatangiriye, intambara ya mbere yabereye mw'Ijuru. Rero, icyaha nticyaturutse kw'isi, cyatangiriye mw'Ijuru.

⁶³ Hanyuma cyajugunywe giturutse mw'Ijuru, cyirukanwa mw'Ijuru, kiza kw'isi, kigwira abantu. Noneho icyari intambara y'abamalayika, gihinduka intambara z'abantu. Kandi Satani yaje gusenya ibyo Imana yaremye, ibyo Imana yaremye kugira ngo bibe ibyayo Yonyine. Yari afite, Satani, yaje kubirimbura. Ni cyo yari agamije, kwari ukubirimbura. Noneho intambara itangirira hano kw'isi, itangirira muri twe, kandi kuva icyo gihe irakomeje.

⁶⁴ Noneho, mbere y'uko intambara iyo ari yo yose ishyirwa ku murongo, hagomba kubanza guhitamo aho baturira, cyangwa ahantu urugamba rugomba kurwanirwa, ahantu hatoranijwe.

⁶⁵ Mu Ntambara ya Mbere y'Isi Yose, yashyizwe cyane, atari-ku butaka- bw'umuntu n'ahantu barwaniye. Hagomba kuba ari ahantu hatoranijwe.

⁶⁶ Nk'igihe Isiraheli yajyaga kurwana n'abafilisitiya, hariho u—u—umusozi kuri buri ruhande aho bateraniye. Aho ni ho Goliyati yasohotse maze ahamagara ingabo za Isiraheli. Aho ni

ho Dawidi yamusanze, mu kibaya, igihe yambukaga umugezi muto unyura hagati y'imisozi yombi, yafashe amabuye.

⁶⁷ Hagomba kuba ari ahantu hatoranijwe. Kandi muri ibi, hariho i—ikibuga cyemeranijweho, ntabwo ari-ikibuga-cy'abantu, kandi barwanira *hano* hantu. Gusa ntibabikora, umwe arwanira *hano*, undi *hano*, undi akiruka agana *hano*. Hano habera urugamba ni ho bahurira bagapima imbaraga zabo, aho buri ngabo zipimra imbaraga zazo ku zindi ngabo, ahantu humvikanweho ho guhurira. Noneho, ntimu (ntimutume) ibi bibacika.

⁶⁸ Igihe iyi ntambara ikomeye yatangiraga kw'isi, hagombaga kubaho aho guhurira. Hagombaga kubaho ahantu hatoranijwe kugira ngo urugamba rutangire, kandi urugamba rukaze. Kandi icyo kibuga cy'intambara gitangirira mu bitekerezo by'abantu. Aho ni ho intambara itangirira. Ubwenge bwa muntu bwatoranirijwe kuberamo urugamba, ni ho rutangirira, kandi ni byo kuko ibyo byemezo bifatwa mu bitekerezo, umutwe. Noneho, ntabwo bigeze babitangira mu muryango runaka. Ntabwo bigeze babitangirira mu bukanishi. Ikibuga ntikigeze gitangirira aho. Kubw'ibyo, iryo shyirahamwe ntirishobora na rimwe, ntirishobora gukora umurimo w'Imana, kubera ko ibibuga by'intambara, aho ugomba guhurira n'umwanzu wawe, biri mu bitekerezo. Ugomba kugira amahitamo yawe. Birakureba.

⁶⁹ Ndashaka ko uyu mwana w'umukobwa hano, urwaye cyane, kugira ngo mbimenye neza ngomba gutega amatwi, by'ukuri.

⁷⁰ Ibyemezo bifatirwa mu bitekerezo, umutwe. Hariho aho Satani ahurira na we, kandi ni ho ibyemezo biri, kuko Imana yaremye umuntu muri ubwo buryo.

⁷¹ Noneho, mfite (niba mwarebaga inyandiko yanjye hano) ikarita nto yashushanyijwe. Nari nyifite hano nta gihe kinini gishize, ku... ikorehwa ku kibaho. Ikiremwa muntu gikozwe nk'uruheke rw'ingano. Ni imbuto. Ikiremwa muntu ni imbuto. Mu buryo bw'umubiri, uri imbuto ya so na nyoko; kandi ubuzima buturuka kuri so, imitere igakomoka kuri nyoko. Rero, byombi, hamwe, igi na—n'amaraso, biraterana. Kandi mu karemangingo k'amaraso harimo ubuzima. Kandi aho aho ni ho itangirira, igakura, igakora u—umwana. Noneho, imbuto iyo ari yo yose igira igishishwa inyuma; imbere ni urubuto; kandi imbere muri rwo harimo imbuto y'ubuzima. Ni byiza, ni yo nzira twakozwemo. Turi umubiri, ubugingo, n'umwuka. Inyuma, ni umubiri, igikonoshwa; imbere muri cyo, harimo umutimanama n'ibindi, n'ubugingo; n'imbere mu bugingo, harimo umwuka. Kandi umwuka uyobora ibindi byose.

⁷² Noneho, niba uza kwicara ugeze mu rugo, ugashushanya impeta eshatu ntoya. Uraza kumenya ko umubiri wo hanze ufite ibyumviro bitanu uhura nabyo, ari byo kureba, kuryoherwa,

gukorakora, kunukirwa, kumva. Ni byo byumviro bitanu bigenga umubiri w'umuntu.

⁷³ Imbere mu mubiri harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bugengwa n'ibyo wibwira, umutimanama, kwibuka, ibitekerezo, n'urukundo. Ni cyo kintu kiyobora ubugingo.

⁷⁴ Ariko, umwuka, ufite imyumvire imwe gusa. Umwuka... Yoo, reka tuwuhabwe. Umwuka ufite imyumvire imwe, kandi ubwo buryo ni, ubuyiganza, ni ukwizera cyangwa gushidikanya. Ni byo rwose. Kandi hariho inzira imwe gusa yo kubigeraho, ni amahitamo yawe. Ushobora kwemera gushidikanya cyangwa ushobora kwemera kwizera, kimwe muri byo ushaka gukoresha. Kubw'ibyo, Satani atangirira ku gice cy'ingenzi, kugira ngo atume umwuka w'umuntu ushidikanya kw'Ijambo ry'Imana. Imana itangirira ku gice cy'ingenzi, gushyira Ijambo Ryayo muri uwo mwuka. Aho ni ho muri. Ni ryo ribikora.

⁷⁵ Niba iri torero, ubungubu rishobora gushyirwa hamwe, no gushyira hamwe ku buryo buri muntu yagira imyumvire imwe, ahantu hose nta gicucu na kimwe cyo gushidikanya cyahaba, ntihakongera kubaho umuntu ufite intege nke hagati yacu, mu minota itanu. Nta muntu n'umwe waba hano wakwifuzaga Umwuka Wera ngo ntawuhabwe, niba washobora gusa gutunganya cya kibazo by'umwihariko. Noneho, hari aho urugamba rutangirira, ni mu bitekerezo byawe, niba ubishaka.

⁷⁶ Noneho nimwibuke, ntabwo ari Ubumenyi bwa Gikristo, noneho, ibitekerezo biri hejuru ya byose. Ibyo ntibifite... Ubwenge bwemera Ubugingo, ari ryo Jambo ry'Imana, kandi bizana Ubugingo. Gusa ibitekerezo byanyu ntibishyitse. Ariko, Ijambo ry'Imana, ryazanye umuyoboro w'ibitekerezo byanyu. Murareba? Ntabwo ari igitekerezo, nk'uko Ubumenyi bwa Gikristo bubikora, butekereza ku bintu. Oya. Ntabwo ari ibyo.

⁷⁷ Ariko, ubwenge bwanyu burabyemera. Burabifata. Ubwenge bwanyu bugenzurwa n'iki? Umwuka wanyu. Kandi umwuka wanyu ufata Ijambo ry'Imana, kandi ni cyo kintu cyabonye Ubugingo muri cyo. Bizana Ubugingo muri mwe. Yoo, mwene Data! Iyo ibyo bibaye, iyo Ubuzima bumanutse kuri uwo muyoboro, muri mwe, Ijambo ry'Imana rigaragarira muri mwe. "Yoo niba mugumye muri njye, kandi Amagambo yanjye akaguma muri mwe, noneho musabe icyo mushaka cyose kandi muzagihabwa."

⁷⁸ Noneho ibyo bitanga iki? Muhereye hagati mu mutima, aribwo bugingo, kuva aho mugakomeza, muugaburira buri muyoboro. Ikibazo cyabyo ni, duhagaze hano dushidikanya cyane, tugerageza kwakira ibiri *hariya*. Mugomba kubireka; maze mukanyura muri uwo muyoboro hamwe n'Ijambo ry'ukuri ry'Imana, hanyuma rikajya hanze, ubwaryo, mu buryo bwikora. Ni ko bimeze muri ryo. Ni cyo kintu cy'ingenzi, ni ikiri muri ryo.

Uburyo bwa Satani bwo gukora buva imbere.

⁷⁹ Noneho, wavuga uti: “Ntabwo nibye. Ntabwo nywa inzoga. Ntabwo nkora ibi bintu.” Ibyo ntaho bihuriye.

⁸⁰ Murareba, ni ibiri imbere. N’ubwo waba mwiza gute, uko waba unezerewe kose, uko waba umunyakuri kose, ibyo bintu birubahwa. Ariko Yesu aravuga ati: “Cyeretse umuntu wongeye kuvuka ubwa kabili.” Murareba? Hari ikintu kiberamo imbere. Niba mutabikoze, ibyo byaba ari ibihimbano, kuko mu mutima wanyu mwifuza kubikora uko byagenda kose. Ntibishobora kuba ibihimbano. Bigomba kuba ari impamo.

⁸¹ Kandi hariho umuhanda umwe wonyine ushobora kugerayo, kandi unyura mu nzira y’umunezero wigenga, ukinjira mu bugingo, binyuze mu bitekerezo byanyu. “Nk’uko umuntu atekereza mu mutima we, ni ko amezze.” “Nimubwira uyu musozi muti: ‘Imuka,’ kandi ntimugire gushidikanya mu mutima wanyu, ahubwo mukemera ko ibyo mwavuze biza gusohora, ubwo rero mushobora kubona ibyo mwavuze.” Murabyumva? Aho ni ho muri. Murareba? Hano hari ibibuga by’intambara. Niba mwabona gusa ibyo bitangira, bwa mbere.

⁸² Duhangayikishijwe cyane no kubona ibintu byakozwe. Duhangayikishijwe cyane no kugira icyo dukorera Imana. Uyu mudamu muto ntabwo... arahangayitse, nta gushidikanya, ahangayikishijwe no kubaho. Ashaka kumererwa neza. Abandi bari hano, bashaka kumererwa neza. Kandi icyo twunvise ibyerekeye icyo kibazo, nka dogiteri, izuka ry’abapfuye, ibintu bikomeye Imana yacu yakoze, duhita duhangayika. Kandi ikintu cyabyo ni, tugerageza kugera kuri ibyo byumviro, dufata ikintu hano, nk’umutimanama.

⁸³ Abantu benshi rero, inshuro nyinshi, bumvise nabi Ijambo. Kandi ibi nabyumvise nabi, mu guhamagara ku gicaniro. Ndavuga nti: “Ntabwo nari mbirimo cyane ku muhamagarwo wo ku gicaniro,” ntabwo bivuze ko udakwiye guhamagarira ku gicaniro.

⁸⁴ Ariko umuntu afata undi umuntu ukuboko, Aravuga ati: “Yoo, mwene Data John, urabizi? Njyewe nawe twari abaturanyi muri iki gihe cyose. Zamuka uze hano ku gicaniro, ngwino.” Arimo gukora iki? icyampa nkagira ikibaho hano, nabereka ibyo akora. Arimo kugerageza gukora binyuze mu bugingo bwe, ku rukundo. Ibyo ntibikora. Ntabwo ari inzira. Mu by’ukuri, ntabwo ari byo.

⁸⁵ Birashoboka ko arimo gukora mu (ibiki?) kwibuka, binyuze mu bitekerezo by’ubugingo bwe. “Yoo, mwene Data John, wari ufite umubyeyi mwiza. Yarapfuye kera cyane.” Kwibuka! Murareba? Ntushobora kubikora.

⁸⁶ Bigomba kumanuka ku murongo w’ibigo byigenga. Wowe, wowe ubwawe, reka Ijambo ry’Imana... Ntabwo uza kuko nyoko yari umugore mwiza. Ntabwo uza kuko uri umuturanyi mwiza. Uje kubera ko Imana iguhamagarira kuza, kandi na

Yo ukayemera ukurikije Ijambo Ryayo. Iryo Jambo ni cyo risobanura cyose. Iryo Jambo! Iyaba washoboraga kuvana ibintu byose mu nzira, umutimanama wose, ibyumviro byose, hanyuma ukareka Ijambo rikinjira, iryo Jambo rizagaragara neza cyane rwose.

⁸⁷ Hano, murebe icyo Rihishe? Muravuga muti: “Noneho, ubu,” muravuga muti: “neza neza, ibi, umutimanama n’ibyumviro, ndetse n’ibindi, ntugire icyo ubikoraho, mwene Data Branham?” Muby’ukuri, nta kibazo. Ariko niba waretse Ijambo rikinjira, ukaritwikiriza umutimanama, noneho Ntirishobora gukura; rizaba ijambo ryahinduwe.

⁸⁸ Wigeze ubona imbuto nziza y’ikigori yatewe mu butaka, ukareka inkoni ikagwa hejuru yayo? Izakura bigoranye. Umuzabibu uwo ari wo wose, ikintu cyose gikura, byakibaho, kuko hari ikintu cyakibujije gukura.

⁸⁹ Ni byiza, ni cyo kibazo kijyanye no Kwizera kwa pentekote uyu muni. Twararetse ibintu byinshi birakubangamira, Kwizera twigishijwe, Umwuka Wera watuye muri twe. Twararetse ibintu byinshi, duhindukirira undi muntu.

⁹⁰ Kandi satani ahora agerageza kuberekana ku ntege nke z’umuntu runaka, nyamara aba agerageza kubabuza ubuhamya nyabwo bw’ukuri. Azabereka ku ndyarya, igihe runaka, yagiye atesha agaciro kintu runaka. Ntabwo yabikoze, kuko yateshaga agaciro. Ariko niba biva kw’isoko nyayo y’Ijambo ry’Imana, “Ijuru n’isi bizashira, ariko Ijambo ryanjye ntirizavaho,” Rigomba kuguma aho.

Murabona, bashiki banjye?

⁹¹ Rigomba kwemerwa mu bitekerezo, noneho Rikemerwa n’umutima. Noneho Ijambo ry’Imana rihinduka impamo, noneho ibyumviro byose by’ubugingo n’umubiri bisukurwa gusa n’Umwuka Wera. Noneho imyumvire yawe y’Imana, umutimanama wawe w’Imana, ibintu byose byubaha Imana, bikunyumamo. Ahantu hose nta gushidikanya guhari. Nta kintu na kimwe gishobora guhaguruka.

⁹² Nta kintu gishobora kuzamuka mu bitekerezo, no kuvuga ngo: “Ni byiza, ndibuka Miss Jones yagerageje kwizera Imana, na Miss *Kanaka-na-kanaka*. Miss Doe yagerageje kwiringira Imana ngo imukize, inshuro imwe, biramunanira.” Murareba?

⁹³ Ariko niba uwo muyoboro umaze guhanagurwa no gukurwaho, ukuzuzwa imbere n’Umwuka Wera, ibyo ntibyaza mu bitekerezo, tutitaye kuri Miss Jones n’ibyo yakoze. Ni wowe n’Imana, hamwe, nta wundi muntu keretse mwebwe babiri. Murankurikiye. Ngiyo intambara yanyu. Mumwice mu ntangiriro. Mumuhagarike apfire mu nzira ye. Ntibiterwa n’igihe mwamara ngo mutinze intambara. Ni ibyo, muyihagarike nonaha!

⁹⁴ Niba muje, maze mukabarekera kwibuka n’umutimanama, n’ibintu byose, mubitekerezeho, “Ni byo, nshobora kunanirwa. Ntibyaba ari byo.” Ntimukabikore, na rimwe.

⁹⁵ Ibintu byose mubijugunya ku ruhande, mugafungura umuyoboro, mukavuga muti: “Mana, Ijambo ryawe ni ukuri Iteka ryose, kandi ni Iryanjye. Niba itorero ryose ryananiwe, niba isi yose yananiwe, nyamara sinshobora kunanirwa, kuko mfashe Ijambo ryawe.” Hano hari intambara. Ni cyo kintu gihari.

⁹⁶ Kubera iki Imana Ishobora byose yakuraho kanseri mw’ibere ry’umugore, nta nkovu, maze ikareka umwana akaryama maze agapfa? Oya, mugenzi.

⁹⁷ Umukobwa muto muto uherutse hano, ntabwo hashize igihe kirekire, yari avuye mu mashuri yisumbuye. Nyina yarampamagaye, aravuga ati: “Mwene Data Branham, umukobwa wanjye yarwaye indwara ya Hodgkin.” Iyo ni kanseri, irema ibibyimba. Abaganga bafashe igice cy’umubili ku muhogo we, baracyohereza, kandi ni indwara ya Hodgkin rwose.

⁹⁸ Nuko aravuga ati: “Ibikurikira birameneka, bishobora kumenekera ku mutima. Iyo bigenze bityo, ahita apfa.” Aravuga ati: “Ntarabona... Uburyo barimo kubimena, asigaje, ibyo ari byo byose, amezi atatu, kugira ngo abeho.”

⁹⁹ Nyina ati: “Nabigenza nte? Musubize kw’ishuri?”

¹⁰⁰ Aravuga ati: “Mureke agende, kuko wenda azagenda bitunguranye.” Aravuga ati: “Gusa mureke agende abeho mu buzima busanzwe, nk’uko abishoboye. Ntugire icyo umubwira.”

Umukecuru arambwira ati: “Nkore iki?”

¹⁰¹ Ndavuga nti: “Muzamure umushyire ku murongo w’amasengesho.” Ndavuga nti: “Uzane na we.” Niyumvisemo ibintu bisekeje.

¹⁰² Kandi ubwo umukobwa muto yazaga, mu gitondo, yari afite iminwa isa n’ubururu, kubera ibyo yisize, kandi nkuko ishuri ribifite. Nuko—nuko akantu gato karaza. Sinari nzi uwo ari we; yari agiye kumpamagara kuri terefone. Namufashe ukuboko. Ndavuga nti: “Waramutse, mushiki wanjye.” Yari ari aho. Yari uwo. Mu kanya gato, nitegereje nyina mbona bombi badafite Imana, badafite Kristo. Ndavuga nti: “Ni gute ushobora gutegereza gukirira aha hantu? Uraza kwemera Yesu Kristo nk’Umukiza wawe bwite?” Ndavuga nti: “Uraza muri iki kidendezi hano hanyuma ubatizwe mw’Izina rya Yesu Kristo kugira ngo ubabarirwe ibyaha byawe?”

Baravuga bati: “Turaza kubikora.”

¹⁰³ Yoo, muzi uko byagenze. Uwo mugore ashobora kuba yicaye hano muri iki gitondo. Benshi muri mwe murabizi. Mwene Data Mike Egan, umwe mu bashinzwe umutekano

hano, yakurikiranye iki kibazo. Ibyo byabaye hashize imyaka igera kuri ine cyangwa itanu. Akana k'agakobwa kasubijwe kwa muganga, nta n'indwara n'imwe ya Hodgkin bigeze bamusangamo.

¹⁰⁴ Ikibazo cyari ikihe? Mugomba kubanza gufungura umuyoboro. Mugomba gushyiraho Umusirikare, Umwuka Wera, ugashyirwa ku rugamba, ugafata Ijambo ry'Imana. Ni Ijambo. Kandi Ahagarara hariya, muri icyo gihe nta kintu na kimwe cyawuhagarika. Nta kintu cyabasha... Buri miyoboro yindi yose ikurwaho. Ni nk'icyuma gishyushya gifire umuyoboro ufunze; nugishyiramo umuriro, bizaturika bitwike ibintu byawe. Ni cyo kibazo ku Bakristo benshi bishyira hejuru, ni ukubera ko badasukura imiyoboro yabo, ntibamanuka ngo binjiremo imbere. Mugomba kuyisukura, umutimanama, ubwenge, ibitekerezo, mugashyira ku ruhande ibintu byose, muhereye imbere mugana inyuma, hamwe n'iri Jambo ry'Imana ritagoretse, uko ni ko Kuri.

¹⁰⁵ Nta kibazo niba ibihumbi icumi bapfuye kuri *uru* ruhande, uyu munsu, bizeye; ibihumbi icumi bapfiriye kuri *ruriya* ruhande, ejo, bizeye; ibyo ntaho bihuriye nanjye. Ndi umuntu ku giti cyanjye. Ni njye wizeye. Ni njye ubyizera. Kandi turabona ko nyuma y'ibyo, niba dushaka gufungura imiyoboro yacu noneho, niba tubishoboye, tukareba. Turasanga ko *uyu* n'*uriya*, n'*uyu* hamwe n'*uriya*, ibihumbi muri bo, batanga ubuhamya.

¹⁰⁶ Ariko satani we agerageza kugaruka neza. Murareba, niba ashobora kwinjirayo, rwose, azayobya ingabo zawe ako kanya.

¹⁰⁷ Niba mufite ibyumviro byanyu, murareba, kuryoherwa, kumva, guhumurirwa, no gukorakora, byose ni byiza, ariko ntumukabyizere keretse niba byemeranya n'Ijambo. Byose ni byiza, ariko, niba bitemeranya n'Ijambo, ntumukabitege amatwi. Noneho, ibitekerezo, umutimanama, kwibuka, impamvu, n'urukundo, byose ni byiza niba byemeranya n'Ijambo. Ariko niba urukundo rwawe rutemeranya n'Ijambo, rukureho. Wahita ujya gutumagura itabi, byihuse. Murareba? Niba impamvu yanyu itemeranya n'Ijambo, mujye kure yayo. Ni byo. Moteri... Niba kwibuka kwawe, niba ibitekerezo byawe, niba umutimanama wawe, ikintu icyo ari cyo cyose, kitemeranya n'icyo kiri imbere muri mwe, mukireke.

¹⁰⁸ Nonese mufite iki? Mufite umurasire w'izuba. Haleluya! Ni, Imana yashyize inyenyeri kuri gahunda maze iravuga iti: "Hagama aho mukirere kugeza igihe nzaguhamagarira!" Ziguma aho. Nta kintu na kimwe cyazinyeganyezwa. Iyo Imana ishobora gufata umuntu mu maboko Yayo, kugeza abonye ubwenge, umutimanama, ibintu byose bitunganye, kugeza agendanye n'Imana inyuma yabyo, mu mwuka, nta dayimoni kw'isi ishobora gutera gushidikanya ahongaho. Ni byo.

Arazenguruka akavuga ati: "Ntabwo wumva umeze neza."

109 Umutimanama wawe ntunahari, kubw'ibyo. Indwara irasobanutse neza, irumvikana, "Haleluya!" Icyuma kivugije ifirimbi, "Imana ihabwe icyubahiro!" Kirarabagirana, rwose, nk'uko bitunganye rwose kandi bisobanutse, kugira ngo Ijambo ry'Imana rikore, Imbaraga z'Imana. Murareba? Ni cyo kintu cy'ingenzi.

110 Hano hari urugamba rubareba. Intambara yanyu yagarutse hano mu ntangiriro, mugaruke hano mu bugingo, musubire mu mitekerereze yanyu ifungutse. I—ibitekerezo ni irembo ry'ubugingo, nako, ni irembo ry'umwuka. Ubwenge bwawe burakinguye kandi bwemera umwuka, cyangwa se bwanga umwuka. Ushobora kugira imyumvire mike, hamwe n'amarangamutima make, hamwe n'ibiyumvo bike, ibyo bintu byose. Ibyo ntaho bihuriye. Ibyo ni bike gusa ibiyumvo n'ibindi. Ariko iyo bigeze muby'ukuri, ubwenge bwawe burafunguka. Ubwenge bwawe burabyemera cyangwa bukabyanga. Ni byo, nshuti zanjye.

Mana, ntihagire n'umwe muri bo binyuraho.

111 Murareba, ni ibitekerezo byanyu bikingura urugi; cyangwa bigakinga urugi, mukumvira umutimanama wanyu, mukumvira ubwenge bwanyu, mukumvira urukundo rwanyu. Ariko iyo ubwenge bwanyu bwifunze kuri ibyo bintu, mukareka Imana, Umwuka w Ijambo Ryayo, urinjira, Ugahanagura ibintu bisigaye hanze. Gushidikanya kugashira. Ubwoba bwose bugashira. Ibiyumvo byose byo gushidikanya bikarangira. Amarangamutima yose agashira. Nta kindi gisigara gihagaze uretse Ijambo ry'Imana, kandi Satani Ryo ntashobora kurirwanya. Oya, mugenzi. Ntashobora kurirwanya. Noneho, tuzi ko ibyo ari ukuri.

112 Izi ntambara zabaye kuva ku munsu wo mu busitani bwa Edeni, intambara mu bitekerezo by'abantu. Satani yarayitangije. Yakoze iki igihe yahuraga na Eva? Ntabwo yahakanye Ijambo ry'Imana, ahubwo yarisigiriye. Yahagaritse imiyoboro mito hano. Aravugaga ati: "Ariko rwose Mana..." Itangiriro 3: 1. Murareba? "Ni ukuri, Mana, ibi bintu byose We—We—Yasezeraniye..." Yari azi ko Ijambo ari ukuri. Ariko yari azi ko adashobora gusohoka gusa ngo arituritse, atontoma gutyo, ariko we—we—Yarariryoheje.

113 Nk'uko mama yajyaga atubwira ngo dufate imiti, yagerageza gushyira umutobe w'amacunga mu mavuta y'ikibonobono. Mbega, gusa nahitamo gufata amavuta yonyine atagira umutobe w'amacunga! Ni ikintu cy'uburyarya! Murareba? We...Twakundaga kubyuka nijoro, akaduha amavuta y'amakara, kubera indwara zo mu muhogo. Nuko agafata amavuta y'amakara, agashyiramo isukari; murareba, ubwoko bw'uburyarya. Ariko byari gutwika gapfura yawe gusa, hafi aho, akamanuka, isukari imaze gushira.

¹¹⁴ Ni byiza, ni ko bimeze, nshuti zanjye. Satani agerageza ku—kuba indyarya ku byerekeye ibyo. Agerageza kukwereka ikintu cyiza, inzira yoroshye, gahunda yumvikana. Ariko nta gahunda yumvikana irenze iyo Imana yashyizeho mw’itangiriro, Ijambo Ryayo. Komeza iryo Jambo. Urishakishe. Reka Rikwiyoborere. Guma aho. Ni byo—icyo ni cyo kintu cy’ibanze.

¹¹⁵ Intambara yakomeye igihe Eva yafunguraga ubwenge bwe, kugira yumvire ibitekerezo bye. Nguwo umuyoboro byinjiriramo. Ni byo—umuyoboro byirukiye, imitekerereze ye. We, mu bugingo bwe, yatekerereje.

¹¹⁶ Amaso ye yari afite imboni. Yabonye inzoka. Yari ifite isura nziza, inzoka nziza, nziza cyane kuruta umugabo we. Yari inyaryenge cyane kuruta izindi nyamaswa zose zo mu gasozi, kandi birashoboka ko yari umugabo w’umunyakuri kuruta umugabo we. Yasaga nk’inyamaswa nini y’ingabo ihagaze aho. Mbega ukuntu yari ikomeye! Kandi yagerageje kumubwira ikintu gikomeye.

¹¹⁷ Kandi ikintu cya mbere yakoze, yafunguye ibitekerezo bye. Kandi igihe yabikoraga, ibitekerezo bya kimuntu byarayemeye. “Kubera iki, ese ibyo ntibyaba bishimishije?”

¹¹⁸ Ni cyo kintu akorera umugore uyu muni. Umugore umwe ufite umugabo muto w’igikundiro, abona umugabo ukomeye, munini, igitsina gabo. Uyu mugabo agerageza gutangiza impamvu. Mwibuke, uwo ni Satani. Ngiyo satani. Cyangwa, ibinyuranye, umugabo ku mugore, umugore ku mugabo, kimwe muri ibyo. Akora iki? Akorera muri izo mbaraga zo gutekera, umutimanama cyangwa ikindi kintu, agatangira kunyuramo.

¹¹⁹ Ariko bwa abanza guha Ijambo ry’Imana umwanya wa mbere. Umugabo ntashobora no kuza ku... Ntashobora gucumura... Haleluya! Ni ko biri. Ibi biraza kuba, bishya. Umuntu ntashobora gucumura keretse abanje guta Ijambo ry’Imana. Ntashobora no *gukora icyaha*, ni byo “kutizera,” kugeza abanje gukuraho Ijambo ry’Imana, Ukugaragara kw’Imana, ntashobora gukora icyaha.

¹²⁰ Eva ntiyashoboraga gucumura adashyize ku ruhande Ijambo ry’Imana, gufungura umuyoboro we w’ibitekerezo binyuze mu bugingo bwe, hanyuma agatangira gutekera. “Kubera iki, mu by’ukuri. Umugabo wanjye ntabwo yigeze ambwira ibi bintu, ariko ndizera ko wowe... Yambwiye ko ntagomba gukora ibi, ariko, urabizi, watumye bishoboka mu buryo binyuze. Njye—Njye nizera ko byaba ari byiza, kuko urimo kubinsobanurira neza.” Murareba, habayeho intambara ya mbere. Kandi, binyuze muri iyo ntambara, yateje izindi ntambara zose. Kandi kumena amarashe kose kwabayeho, kwatewe n’aho ngaho muri Edeni. Yasuzuguye Ijambo ry’Imana.

¹²¹ Niba kandi inyuguti imwe y’Ijambo ry’Imana itizewe, yateza ibi bibazo byose, ni gute tugiye gusubira inyuma, ntitwizere

Ijambo? Ntidushobora kubikora. Ni ngombwa guhagarika ibintu byose, umutimanama, ubwenge, no kuvuga... ibitekerezo, n'ibindi bintu byose. "Tureke ibitekerezo." Ntabwo tubitekerezaho, nta na rimwe, nta kintu na kimwe.

¹²² Gusa twemera Ijambo dushingiye ko, "Imana yabivuze," igashyiraho umuyoboro hagati yawe n'Imana. Umuyoboro wose uza gufungura hagati yawe n'Imana, muri icyo gihe.

¹²³ Hakabaho intambara, ya mbere ikomeye, ku murongo w'imbere. Reka ntidukoreshe imbunda .22; reka dufate i—igisasu cya kirimbuzi. Reka dukore akazi neza. Reka tubone igisasu cya kirimbuzi cy'Imana. "Ni ikihe, Mwene Data Branham?" K-w-i-z-e-r-a mw'Ijambo Ryayo. Ngicyo igisasu cya kirimbuzi cy'Imana. Gihuha indwara n'amadayimoni, iburyo n'ibumoso. Ki—ki kikabitsemba. Kiravangura... Yoo, ni byo... Kirasenya gusa. Kigasenya ibintu byose bitubaha Imana. Iyo kiriya gisasu cyo kwizera kiguye aho, hamwe n'Ijambo ry'Imana rigiherekeje, gikubita amadayimoni yose, uburwayi bwose, indwara zose.

¹²⁴ Muravuga muti: "Ni byo, mwene Data Branham? None se ni ukubera iki biba, kuri bamwe, ntibibe no ku bandi?"

¹²⁵ Ni ukubera umuyoboro. Mushobora kuwushaka mukawubona. Ariko mugomba kuba muwufite *hano*, mukareba *iyi* nzira. Ntabwo ari hanze *hariya*, mukarebamo; mugomba kwinjira, mukareba hanze. Murareba? Ntmushobora kunyura mu bitekerezo. Ntimushobora kunyura mu bindi bintu. Mugomba kumanuka neza ku muyoboro w'Imana, mu buryo bw'ubugingo. None mwabikora mute? Umuyoboro wa nyuma ni uwuhe?

¹²⁶ Bizasubira... mu buryo. Muravuga, mwiyumvira, muti: "Yoo, Nsho—Nshobora kubyumva. Yego, ni ho biri. Aha-ah. Yoo, Nsho—nshobora kunukirwa, cyangwa n'ibindi. Ibi bintu birahari. Yego." Ibikurikira, muratekereza muti: "Ni byiza, birasa nk'aho agomba kumenya ibyo avuga. Dogiteri avuga ko ntashobora gukira. Ibyo bigomba kuba." Murabona, hano neza mu—muribeshya. Nguwo satani ahagaze aho. Nguwo umudayimoni ubashyiramo ibyo bintu. Ntimubyizere.

¹²⁷ "Haleluya! Ijambo ry'Imana riravuga ngo nzabikora... 'Hejuru y'ibintu byose, nifuzaga ko mutera imbere mu buzima.' Ni byo." Ni gute mushobora kuba abasirikare nyabo hanze aho? Murareba, "Ndashaka ko mutera imbere mu buzima."

¹²⁸ Hano irahari, aho ngaho, iyo miyoboro, murayibona gusa, muyifungure. Ntimu...

¹²⁹ Murayirenga gusa, noneho niba Satani ashobora kunyura hariya, agengwa n'umutimanama n'ibindi bintu byose, noneho akamanuka hano kugeza ku mpera y'ubugingo, mu bitekerezo. Noneho, niba ashobora kukubona gusa... Ntimuzi—ntimuzigera mureba umwe muri yo kugeza mubanje kumwemerera *hano*. Mugomba kumureka. Ubwo iyo yinjiye,

aba afite ubuyobozi. Noneho akora iki? Atangira gukoresha umutimanama. Atangira gukoresha *ibi*, atangira gukoresha *iyi* soko. Ni ibiki? Murareba, kuryoherwa, amarangamutima, kunukirwa, kumva; ibitekerezo, umutimanama, ubwenge, impamvu, urukundo. Atangira gukoresha iyo miyoboro yose mito itandukanye, igihe cyose yashoboye kwinjira, hejuru y'*iyi* hano. Agomba kuza mu bitekerezo byanyu, mbere, kandi mugomba kubyemera. Birashoboka...Mwumve. Ashobora kubarwanya, ariko ntashobora kubageraho kugeza igihe mubyemereye.

¹³⁰ Satani ageze kuri Eva, yaravuze ati: “Urabizi, imbuto zirashimishije,” ahagarara akanya gato. Yewe, ni bwo yakoze amakosa, ubwo yahagararaga ako kanya.

¹³¹ Ntugahagarare ku busa. Ufite Ubutumwa. Yesu ariho. Imana ni Umuganga. Ubwo ni Ubutumwa. Ntugahagarare ku busa, nta bitekerezo, nta n'ikindi.

¹³² Nuko aceceka umwanya muto. Ni bwo Satani yagendeye muri ubwo bwenge. Ati: “Ni byiza, birumvikana.” Yego, ntukore ibyo. Fata gusa ibyo Imana yavuze.

¹³³ Aburahamu, byari kugenda bite iyo aza guhagarara akabanza gutekereza, ubwo Yamubwiraga ko agiye kubona umwana kuri Sara, kandi yari afite imyaka mirongo itandatu n'itanu undi afite mirongo irindwi n'itanu? Igihe yari afite ijana, undi yari—yari afite mirongo cyenda, we, akiriho, we—we—yemeye ko Ijambo ry'Imana ari ukuri. Kandi yise ibyo bintu, batari biriho, nk'aho biriho. Murareba? We...Ndetse ibyiringiro, ese hari hariho ibyiringiro? Ntiyigeze akoresha ibyiringiro.

¹³⁴ “Ni byo,” uravuga uti: “Ndizera ko nshobora kubona neza. Ndizera ko nzaba meze neza. Ndizera ko mbona Umwuka Wera. Ndizera ko ndi Umukristo. Ndizera ko nkora *ibi*.” Ntubishaka.

¹³⁵ Aburahamu ntiyigeze anabireba. Amina. “Kurwanya ibyiringiro, yakomeje kwizera Ijambo ry'Imana.” Kwizera kurenze ibyiringiro. Kwizera guturuka inyuma *aha*, mo imbere. Kwizera guturuka *aha*.

¹³⁶ Yinjira ate? Binyuze muri ubu bwenge, uru—uru rugi, urugamba rurwanwa ahongaho.

¹³⁷ Noneho, iyo mubonye urugamba rwateguwe! Noneho, satani yicaye neza ku mutima wose, muri iki gitondo. Aricaye, umutima w'umukobwa muto. Yicaye ku mitima yanyu. Yicaye hirya no hino. Arimo kuvuga ati: “Yoo, nabonye ugerageza mbere. Nigeze kubyumva mbere.”

¹³⁸ Mwirukane. Ibyo ari byo byose. Mwirukane. Bibiliya ivuga iki hano, inyandiko yacu? “Kumwirukana.” Ni byo. “Kumwirukana.” Twarabitojwe.

139 Ndatekereza nti: “Ikibazo ni ikihe kuri twebwe ababwiriza?” Ndbaza ubwoko bw’amahugurwa twahawe.

140 Imana irimo kudutoza ku bw’iyi ntambara ikomeye. Matayo 24 habivugaho, ndetse na Daniyeli 12, haravuga hati: “Hazabaho igihe cy’amakuba, atarigeze kubaho kw’isi mbere.” Kandi tubayeho muri kiriya gihe, aho umuco, n’uburere, n’ibintu, byababaje Ijambo ry’Imana, bikinjira mu bitekerezo n’ibindi n’ibindi. Intambara iriho ubu. Ni inde uzahagarara? Haleluya! Intambara yiteguye gutangira. Ariteguye ubu. Murebe ugupinga gukomeye twabonye.

141 Ni inde uzaba nka Dawidi? Akavuga ati: “Urahagarara ukareka uwo Mufilisitiya utarakebwe agasuzugura ingabo z’Imana nzima? Nzajya kumurwanya.” Amina. Imana ishaka abagabo n’abagore muri iki gitondo bashobora guhaguruka bakavuga bati: “Nzafatira Umwami kw’Ijambo Rye.” Amina. Nta kibazo cyananirana, aho *ibi* na *biriya*, n’icyo *uwo* yakoze. Ibyo ntaho bihuriye. Wowe Sawuli, n’ibindi n’ibindi, niba umutinya, subira aho ubarizwa. Ariko, ingabo z’Imana zitera imbere, amina; abagabo b’intwari, abagabo bo—bo—bo kwizera, abagabo bafite imbaraga, abagabo bumvira. Ntibagomba kuba abanyabwenge. Ntibagomba kwiga. Bagomba kuba imiyoboro. Imana ifata iyo miyoboro mito.

142 Yarahagaze akanya gato, aratekereza, aravuga ati: “Ni byiza, ubu, reka turebe.” Ni byiza, neza nka, ni iki niba . . .

143 Uyu mudamu muto, muri iki gitondo, ntagushidikanya ko dogiteri yamubwiye, ari hafi kurangiza urugendo, “Nta kintu na kimwe gishobora gukorwa.” Ni byiza, ubu, ibyo ni iby’uwo mudogiteri. Ntabwo namuciraho iteka. Uwo mugabo ni umuntu w’ubumenyi. Abona ko indwara yanesheje umubiri w’umwana. Birenze ikintu cyose. Ntabwo yabonye imiti yazayihagarika.

144 Rero iyo kanseri izanesha uwo mugore; rwose, urupfu rwanesheje uwo mwana; ariko Kapiteni Mukuru wacu, haleluya, w’izi ngabo zikomeye, Ni umuzuko n’Ubugingo. Nta kintu cyashobora kumunanira. Haleluya!

145 Ubwonko bw’ingabo burambitse muri ba kapiteni bazo, ubwenge. Rommel, mu Budage, bwari ubwonko bw’Ubudage; ntabwo ari Hitler. Ni Rommel! Ni byo. Eisenhower! Abagabo b’abasirikare! Patton! Abo bagabo bari imbere, biterwa n’uburyo batanze itegeko. Ukurikira Kapiteni wawe, niba ari we ufatwa nka jenerali runaka. Niba ari we ukwiye, niba ari jenerali w’inyenyeri enye, niba yaremejwe, niba yaremejwe ko ari we w’ukuri, mumukurikire. Ntekereza bisa nk’aho ari bibi, kuri mwebwe, mukomeze imbere ku rugamba. Kora nk’uko yakubwiye.

146 Haleluya! Twabonye Jenerali w’inyenyeri eshanu, zisomwa ngo Y-e-s-u, adushyiraho inyenyeri eshanu, k-w-i-z-e-r-a. Ntiyigeze atsindwa intambara. Haleluya! Yatsinze urupfu,

ikuzimu, n'imva. Yirukanye abadayimoni abakura mu nzira. Ni Kapiteni mukuru ukomeye. Rero, satani nta n'ubwo ari mw'ishusho.

¹⁴⁷ Intambara ikomeye itarigeze kubaho, irategurwa nonaha. Rwose, ni yo. Yoo! Haleluya!

¹⁴⁸ Iyo ntekereje! Iyo mpagaze nkamwitegereza uko akora ibintu, nkabona We ahishura ibintu, agafungura ibintu, akavuga ati: "Bizaba *gutya* na *kuriya*," ni ko bizagenda! Yoo, nimurebe inyuma *hano*, hanyuma muvuge muti: "Ni inde Kapiteni ukomeye?" Yoo, ntabwo nsubiza amaso inyuma ngo ndebe niba ari Dogiteri *Kanaka-na-kanaka*. Mbona ibyo Kapiteni yavuze. "Ni Kapiteni w'agakiza kacu." Haleluya! Agakiza ni iki? Gutabarwa! Icyubahiro! "Ni Kapiteni wo gutabarwa kwacu."

¹⁴⁹ Isaha nini yo kwishyurwa igeze hafi. Haleluya! Umusirikare, hamwe n'intwari zirabagirana, amabara atemba! Kwizera no gushidikanya ni ugushyiraho umurongo, muri uru rusengero, muri iki gitondo; gushidikanya gushyirwe ku ruhande rumwe, kwizera ku rundi ruhande. Basirikare, muhagarare ku mwanya wanyu w'akazi. Haleluya! Kapiteni wacu, Inyenyeri yo mu Ruturuturu, arayoboye. Ntajya asubira inyuma. We (nta na rimwe) ntajya amenya ijambo kuruhuka. Ntagira ikiruhuko. Amina. Rwose.

¹⁵⁰ Intambara ikomeye itarigeze kurwanwa, irakomeje hano, yego, mugenzi, hagati y'ubuzima n'urupfu, hagati y'uburwayi n'ubuzima, hagati yo kwizera no gushidikanya, yewe, mbega, hagati y'umudendeko n'ubucakara. Intambara irakomeje! Musukure amacumu yanyu, basirikare. Mwegure ibirwanisho. Imana irimo gutegura abasirikare Bayo. Amina. Imana yasize amavuta ingabo Zayo.

¹⁵¹ Amerika yambika abasirikari bayo ibyiza bashobora kwambara byose: ingofero y'icyuma, n'intwari, n'ibindi byose bashoboye kubona, ibimodoka by'intwari, ibyo bajyamo byose.

¹⁵² Imana yambika ingabo zayo. Haleluya! Ni ibihe bikoresho dukoresha? Umwuka w'Inkota, Ijambo ry'Imana! Amina! "Ijambo ry'Imana riratyaye kuruta inkota itemera habiri," Abaheburayo 4, "riratobora ndetse rigahinguranya igufwa, ndetse n'u—umusokoro w'amagufwa, ndetse n'Umurondozi w'ibitekerezo." Ijambo ry'Imana! Kwizera Ijambo Ryayo, kandi n'uburyo Imana ikoresha intwari.

¹⁵³ Ni ryo Iha Eva ngo arytwaze. Maze akamenagura intwari ye. Yabigenje ate? Mu gufungura ubwenge ngo atekereze. Ijambo ry'Imana ntiritekereswaho. Nta mpamvu. Wowe... Ni Ijambo ry'Imana gusa. Nta—nta gushidikanya kuri Ryo. Nta mpamvu yabyo. Ni Ijambo ry'Imana. Ibyo birakemutse. Ibyo byarabonetse. Ibyo bikemuka ubuziraherezo.

154 Murareba icyo nshaka kuvuga, nshuti zanyje? [Mushiki wacu aravugaga ati: “Amina.”—Ubwanditsi.] Ni Ijambo ry’Imana. Imana yarabisezeraniye. Imana yarabivuze.

155 Babwira Aburahamu bati: “Ni gute ushobora kumenya ko uzabyara uwo mwana?”

“Imana yarabivuze.” Yarabivuze.

“Ni byiza, kubera iki utaramubona?”

156 “Sinzi igihe nzamubonera, ariko ngiye kumubona. Imana yarabivuze. Ibyo ntibizambuza na gato.” Yahamagaye- . . .

157 “Kuki utasubira mu rugo rwawe, aho ukomoka?”

158 “Ngomba kuba umusuhuke n’umwimukira muri iki gihugu.” Amina! . . . ? . . . “Imana itanga amasezerano. Imana izampera umwana neza muri iki gihugu aho yanyohereje.” Haleluya!

159 Imana izagukiza neza muri iki kirere cy’Umwuka Wera, aho yagutumye. Imana izabiguhaye. Mwizere gusa. Amina. Mukingire inzira z’ubugingo n’umubiri, ibyumviro, n’umutimanama, kandi mureke Amagambo y’Imana abanze Yinjire, afate icyo mitekerereze. Hano hari urugamba.

160 Ntimuvuge muti: “Ni byiza, icyo mba nashoboraga kubyumva, icyo nza kumva icyubahirira cy’Imana kimanuka! Yoo!” Ibyo ntaho bihuriye nabyo; ntabwo ari ikintu.

161 Mufungure icyo mitekerereze. Ngurwo urugamba. Hari aho urugamba rutangirira, hano ku murongo w’imbere, ibitekerezo byawe. Mufungure, hanyuma muvuge muti: “Njye. . . Gushidikanya kwose, ndashidikanya ku gushidikanya kwanjye.” Amina. “Ndimo gushidikanya ku gushidikanya kwanjye. Nizera Ijambo ry’Imana. Njye hano, Satani.” Ikintu kigiye kubaho. Ni byo, kizaba. Yego, mugenzi.

162 Yasize amavuta abakozi bayo n’Umwuka Wayo. Yabohereje abamalayika. Abantu barabaseka, rimwe na rimwe, “abamalayika.” Mundeke—mundeke mpindukirane namwe ku bintu bimwe hano, umunota umwe gusa. Mureke turambure hano mu Baheburayo, umunota umwe gusa. Abaheburayo igice cya 4, igice cya 4, kandi mureke. . . Ndashaka kuvuga, igice cya 1 cy’Abaheburayo, mureke turambure ku murongo wa 14.

Mbese bese si imyuka iyikorera, itumwa iturutse . . .
itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa
agakiza?

. . . ariko ni nde wo mu bamalayika yigeze kubwira
iti. . . . Icara iburyo bwanjye. . . ?

. . . abamalayika bese b’Imana . . .

163 Noneho, hano Bibiliya iragaruka itubwira hano, ko Imana yohereje abamalayika. Himbazwa! Ni iyihe? ni “Imyuka iyikorera.” Himbazwa! Imyuka y’abakozi, yoherejwe (hehe?)

iturutse mu Kugaragara kw’Imana. Gukora iki? Gukorera Ijambo Ryayo. Amina! Ntibagomba gukorera tewolojiya y’itsinda runaka, ahubwo ni ugukorera Ijambo Ryayo. Ni byo. “Imyuka y’abakozi, yoherejwe.”

¹⁶⁴ Tubwirwa n’iki ko ari bo? Bibiliya iravuga ngo: “Ijambo ry’Uwiteka ryaje ku bahanuzi.” Ni byo? Aba bamalayika bakorera Ijambo Ryayo, babikesheje Umwuka Wayo; bakorera Ijambo, binyuze mu Mwuka Wera. Umwuka n’Ijambo biza ku bahanuzi, kandi abahanuzi bari bafite Ijambo ry’Imana. Ni nayo mpamvu bashoboraga gukora ibitangaza bakoze. Ntabwo yari umuntu; ahubwo yari Umwuka w’Imana muri muntu, Umwuka wa Kristo mu muntu. Ijambo ry’Imana... Ni iki yakoze? Yasukuye buri muyoboro. Imana yari yaramutoye, kandi yasizwe amavuta n’Umwuka Wera. Kandi ntabwo yari we. Nta kintu na kimwe yigeze akora kugeza abibonye mw’iyerekwa. Eliya yaravuze, ku musozi wa Karumeli ati: “Ibi byose nabikoze kw’itegeko Ryawe. Noneho, Mwami, bimenyekane ko Uri Imana.” Yoo, icyubahiro kube icy’Imana!

¹⁶⁵ Nabibonye inshuro nyinshi, iyo ubonye Umwuka w’Imana atigisa ahantu, kandi aho hantu hakajya muniyo yagusigwa! Niba iri tsinda rito hano muri iki gitondo, gusa ushobora gufata iyi mitekerereze hano, ugakura gushidikanya kose mu nzira! Ni gute ushobora kugira gushidikanya, mu gihe ubona abapfuye—abapfuye bazuka, abamugaye bagenda, impumyi zihumuka, abatumva bumva?

¹⁶⁶ Umumalayika w’Uwiteka, ndetse n’ishusho Ye imanitse hano ku rukuta, yarenze ubuhanga, ahantu hose. Akora iki? Agumana neza n’Ijambo. Amina! Rica intege buri dayimoni. Yego, Rirabikora. Ni Irihe? “Imyuka iyikorera, yoherejwe Imbere y’Imana,” gusiga amavuta abavuye Ijambo, bagumana n’Ijambo. Kandi Yemeza Ijambo n’ibimenyetso birikurikira, azana Yesu uko yari ari ejo, ni ko ari n’uyu muniyo, kandi ni ko azahora iteka ryose. Aho ni ho Ari.

¹⁶⁷ Ni gute dushobora gushidikanya, mu gihe Ari mu bumenyi, no mu bikorwa, mu buryo bw’umwuka, inzira zose zishobora kwemezwa, Ahamirijwe *hano*?

¹⁶⁸ Ikibazo ni ikihe? Ni mu bitekerezo byacu. Dufungura ibitekerezo byacu ku bintu, tuvuga tuti: “Ni byiza, ubungubu, sinzi niba bishoboka cyangwa bidashoboka. Birashoboka, ninumva meze neza ejo.” Yoo, ibyo ntibifite aho bihuriye na byo.

¹⁶⁹ Nk’uko nakunze kubivuga, Aburahamu ashobora kuba yarabwiye Sara... Yari afite imyaka yarangiye yo—yo kuba umugore. Uzi icyo nshaka kuvuga; igihe cyacyo cyo kubaho, iminsi ye makumyabiri—n’umunani. Murareba, yari afite imyaka mirongo itandatu n’itanu. Birashoboka ko yayirengeje, imyaka cumi n’itanu, makumyabiri. Aramubwira, ahari, ni mu minsi mike iri imbere, aravugaga ati: “Urumva bitandukanye, nshuti?”

“Ntabwo bitandukanye na gato.”

170 “Ibyo ntaho bihuriye na byo. Tugiye gukomeza neza, uko byagenda kose. Ni byiza, ubungubu, niba usubiye inyuma ukamera nk’umu—umukobwa ukiri muto, turabizi, binyuze muri ayo maraso y’ubuzima, rero, noneho, dusanze hariya ko bagiye gutegereza umwana, kandi byose bizaba byiza. Ubu, urumva bitandukanye muri iki gihe? Dore hashize ukwezi ansezeranije. Urumva bitandukanye, nshuti?”

171 “Habe na gato, Aburahamu. Nta kimenyetso na kimwe. Njye—Njye ndacyari uko na—nari ndi mu myaka mike ishize. Nta tandukaniro na rito rihari.”

“Icyubahiro kibe icy’Imana! Tugiye kubitangira, uko byagenda kose.”

172 “Urashaka kuvuga, Aburahamu, kuri... Nimwitegereze, niba Yaragusezeranije, rwose azaduha ikimenyetso muri *ubu* buryo. Ni ukuri Azaduha ikimenyetso.” Yoo! Haleluya!

173 “Ab’ikinyejana cy’ikinyanteye nke gisambana bashaka ibimenyetso.” Ni byo. Yari afite ikimenyetso. Cyari ikihe? Ijambo ry’Imana. Ni ry’Imana ikimenyetso.

174 Imana yakiza uyu mwana? Ijambo ry’Imana rirabivuga; niba numva ibyiyumvo, cyangwa se ntabwo. Niba ari... Uko byagenda kose, Imana yarabivuze. Ibyo birahagije.

175 Aburahamu yaravuze ati: “Shaka ibyangombwa byawe hamwe n’ibintu byose, turava mu gihugu.”

“Urajya he?”

176 “Simbizi.” Amina. “Ariko, turagenda, uko byagenda kose. Hano turagiye!” Turazinga imitwaro hanyuma tugende. Haleluya! Ngiryo Ijambo ry’ukuri ry’Imana. Ni iki cyari kimurangaje imbere? Isezerano ry’Imana, Ijambo ry’Imana. “Tugiye kuryakira.”

177 “Sohoka mu bwoko bwawe, Aburahamu. ikibazo, uko giteye, barashidikanya bakaba abatizera. Bazagushyira mu gatebo kamwe. Musohoke. Mwitandukanye, kandi mubeho ku Bwanjye.” Ni ibiki? “Reka umutimanama wawe n’ibyumviro byawe byose ubishyire inyuma yawe, nka gutyo. Fungura ibitekerezo byawe, kandi wibuke, ni Njye. Ngwino, ubane na Njye.” Amina.

178 Imana irahamagara Imbuto zose za Aburahamu, muri iki gitondo, mu buzima nk’ubwo. Intambara ikomeye irakomeje, ubu, kw’isi yose. Imana ishaka ko abana bayo bitandukanya n’iki? Murareba, kuryohereza, kumva, kunukirwa, gukorakora; ibitekerezo, umutimanama, ubwenge, impamvu, urukundo; ibintu byose. Ko bafungura ibitekerezo byabo bakareka Ijambo rikinjira hanyuma bakagendana n’Ijambo. Uwo ni we musirikare nyawe.

¹⁷⁹ Ni uko inyenyeri zihagaze. Imirasire y'izuba ntabwo yahindutse; zodiyaki. Inyenyeri yo mu ruturuturu irasira aho ikorera inshingano zayo, buri gitondo, nk'uko byahoze igihe isi yaremwaga. Inyenyeri ya nimugoroba iguma mu mwanya wayo; buri nyenyeri yose. Ikirura gito, no mu bihe bidasanzwe, kiba kiri neza neza aho kigomba kuba kiri. Inyenyeri y'Amajyaruguru iba ihagaze neza kandi ntigenda. Haleluya! Ibintu byose bizengurutse Inyenyeri y'Amajyaruguru, byose biguma hamwe, kuko biri hagati y'isi.

¹⁸⁰ Uwo ni Kristo. Amina. Ahagarara aho, ateguka ingabo Ze nka Kapiteni ukomeye.

¹⁸¹ Nka Mose ku musozi azamuye ibiganza, Isiraheli irwana, abacira inzira, maze ahagarara arambuye ibiganza. Yahagaze ibiganza biri hejuru kugeza izuba rirenze. Bagomba kureka ibiganza bye bakazamurwa. Uwo yari Mose.

¹⁸² Yari urugero rwa Kristo. Bagombaga kumenya neza ko ibiganza Bye byabamwe ku musaraba. Haleluya! Kandi yazamuwe hejuru ahabwa icyubahiro, uyu muni, yambaye imyenda Ye iriho amaraso imbere y'Imana, iburyo bwa Nyiricyubahiro Ahongaho. Kandi intambara, kuri buri musirikare, izamucira inzira. Ntabwo nitaye kubirimo kuba; hamwe n'Ijambo ry'Imana, azibohora ajye mu mudendezo. Amina.

¹⁸³ Nk'inkoko iri mu magi, byagenda bite iramutse itinye kudonda? Byagenda bite se niba itinye kudonda amagi? Byagenda bite se niba umushwi uri imbere mw'igi, akanyoni gato, gatinye kumena igikonoshwa cy'igi? Byagenda bite se niba kumvise ijwi hanze, rivuga riti: "Ntumene icyo gikonoshwa, gishobora kukubabaza"? Ariko kamere ubwayo, mu nyoni, irabiyibwira, "Kidondangeho! Toboramo umwobo."

¹⁸⁴ Reka imiryango yose ikuze ivuge iti: "Iminsi y'ibitangaza yararangiyeye. Ugiye kwibabaza. Ugiye kuba umufana."

¹⁸⁵ Tobora neza igikonoshwa, nk'uko ubishoboye. Haleluya! "Satani, genda! Ndasohokamo hano." Ni byo. "Ntabwo nkiryamye hano, si ko bikimeze. Ntabwo nkibarizwa hano, ukundi. Ntabwo ndi ku butaka bw'amadayimoni ashaje atakiriho. Ndimo guca inzira isohoka, muri iki gitondo. Amina. Ndi ikizu." Amina! Haleluya!

¹⁸⁶ Ariko ako kana k'ikizu gato, iryo josi rishonda nk'inyundo rigasubiramo hariya, kakihisha muri kiriya gikonoshwa. N'ubwo igikonoshwa cyaba gikomeye gute, karakijanagura neza. Ikintu cya mbere uzi, noneho, gishobora gukubita amababa gato. Cyari kimeze neza.

¹⁸⁷ Ca inzira. Ni byo. Wabikora ute? Ubyaturira hamwe na, "UKU NI KO UWITEKA AVUZE. UKU NI KO UWITEKA AVUZE. UKU NI KO UWITEKA AVUZE." Hanyuma, ugatangira guhumeka umwuka mwiza. "UKU NI KO UWITEKA AVUZE."

Siga umutwe wawe hanze. “UKU NI KO UWITEKA AVUZE.” Sunika cyane nonaha, urasohoka!

¹⁸⁸ Ntabwo kongeye gusubira mu gikonoshwa. Amina. Gafite umudendezo. Yoo, mbega! Iryo Jambo rimaze gushyirwaho, binyuze muri ibyo byumviro byose, imyumvire n’ibindi, kugumishwa *hano*, maze ubwo bwenge bukaguka bukarireka rigakora. Mana, gira imbabazi! Nta kintu na kimwe cyagusubiza mu bucakara. Ugira umudendezo. Uwo Umwana arekuye ntasubira mu gikonoshwa. Idini ryawe ntirishobora kugusubizayo. Satani ntashobora kugukorera ikindi kintu cyisumbuyeho. Ashobora gusifura no gutontoma, nyamara.

¹⁸⁹ Ariko uri ku Muhanda, wiruka ku muvuduko mwinsi, yewe, mbega kwiruka mu Muhanda witiriwe Umwami, umusirikare wasizwe w’umusaraba. Kandi byose ni ibizu, hamwe no kwizera, namamaza Yesu, Umucyo w’isi, wiruka mu Muhanda witiriwe Umwami. Ni byo. Yego, mugenzi!

¹⁹⁰ Iyi ni “imyuka iyikorera,” yoherejwe iturutse imbere y’Imana, kuba abakozi, gukorera (iki?) Ijambo Ryayo; ntabwo ari tewolojiya, ahubwo ni Ijambo ry’Imana. Ni imyuka iyikorera, yoherejwe n’Imana, kugira ngo iyikorere. Imyuka y’abakozi! Yoo! Kandi, mwibuke, niba ikorera ikindi kintu kitari Ijambo, ntabwo cyaturutse ku Mana. kubera ko, “Ijambo Ryayo rihora rihamirizwa mw’Ijuru.” Buri gihe, mw’Ijuru, Ijambo rya... Imana irarikurikirana. Kandi Ntizigera yohereza umwuka wo gukora ikindi kintu kitari Ijambo.

¹⁹¹ Ntizigera yohereza umwuka ufite dipolome zihanitse D.D.D., Ph.D., n’ikoro rye rizungurutse inyuma, ibintu nk’ibyo, uvuga uti: “Ni byiza, birumvikana ko iminsi y’ibitangaza yarangiye. Twese turabizi.” Oya, oya. Ibyo ntibyaturutse ku Mana. Bitandukanye n’Ijambo. Amina.

¹⁹² Yohereje abakorera Umwuka w’Ijambo. Amina.

¹⁹³ Yoo, nari mfite ibindi bintu bine cyangwa bitanu, ariko ndabireka muri iki gihe, ndabirekera ku cyumweru gitaha. Ni byo.

Satani n’abadayimoni be baratsizwe.

¹⁹⁴ Niba iyi myuka y’abamalayika yarasizwe kugira ngo ibazanire Ijambo, ibatere kwizera Ijambo, ubu ushobora kubona aho wigeze kumva umuhanuzi, umuhanuzi w’ukuri w’Imana, uhakana Ijambo ry’Imana? [Itorero riravuga riti: “Oya.”—Ubwanditsi.] Oya, mugenzi. Byagenze bite igihe imiryango yo muri iki gihe ihaguruka ikavuga iti: “Noneho, aribeshya”? Yahagaze wenyine, ahagarara wenyine. Aravuga ati: “Ni byo.”

¹⁹⁵ Murareba Mikaya hepfo hariya wa munsu, umukiranutsi wikunenga hasi, murebe, mwene Imula. Hariho abasizwe magana ane, bitwa ko, ari abahanuzi basizwe bahagaze aho hejuru, bose bagaburiwe neza, kandi bashikamye,

n'impamyabumenyi nini z'ikirenga, kandi bigishije banemeza abanyeshuri. Aravuga ati: "Zamuka, mwami wacu wubashye. Uhoraho abane nawe. Ibyo ni ibyacu. Yoshuwa yaduhaye. Zamuka rero ugifate. Ni byo rwose. Uzamuke ugifate. Ni igiki. . . " Aravuga ati: "Ni byo, Yoshu-. . . "

¹⁹⁶ Murabizi, Yehoshafati ati: "Nta wundi uhari, ahantu runaka?" Ni byo, bari bafite magana ane. Kuki utizera abo magana ane? Aravuga ati: "Ariko, rwose wabonye undi, ahantu runaka."

¹⁹⁷ Ati: "Njyewe—Njyewe. . . Ni byo, twabonye umwe. Hariho undi, ariko, yewe, ndamwanga." Ahah! Murareba?

¹⁹⁸ "Uwo—uwo, uwo ni umusore nifuza kumva, murareba." Ati: "Mumuzane. Maze turebe icyo agiye kuvuga."

¹⁹⁹ Nuko baragenda baramubwira, baravuga bati: "Noneho, tega amatwi. Shyiraho inyigisho yawe neza, muri iki gitondo, 'kubera ko ugiye kubwiriza umwami. Urimo kubwiriza kuri. . . byose—ishyirahamwe ry'umurimo *uyu-n'-uyu*, murabona, bya Palesitine, umurimo wose w'ishyirahamwe. Noneho, muribuka, dore ibyo bavuze. Namwe muravuga nkabyo. Mwizera ikintu kimwe." Akantu gato. . .

²⁰⁰ We—we yari afite umuntu mubi ahongaho. Uwo mugabo yasoje avuga muri iyi mitekerereze ishaje. Yabikoze yipfuna ibicurane, murareba, umutimanama we.

²⁰¹ "Kandi, ni byo neza, kubera iki, muzi icyo bazakora? Niba muvuga rumwe, ndatekereza ko bazakugira uhagarariye peresibiteriyani mu karere. Birashoboka ko bazabikora. Bazabikora—bazakugira umugenzuzi rusange w'akarere kaho, niba ubishaka u—upfa kwemeranya nabo gusa." Ntabwo yari umuntu w'ukuri w'Imana.

²⁰² Kuki, ibicurane bye byari byahanaguwe, umutimanama we wose kandi byose birasobanutse. Ubwenge bwe bwari bwagutse ku bw'Ijambo ry'Imana. Kandi Ijambo ry'Imana, ryonyine, ni ryo agomba kwizera. Iyo ni imyuka iyikorera. Uwo ni umwuka uyikorera.

²⁰³ Yaravuze ati: "Sinzi icyo navuga ubu. Ariko, nzakubwira iki kintu kimwe, nzavuga gusa ibyo Imana yambwiye kuvuga."

Nuko barategereza iryo joro. Yari afite iyerekwa.

²⁰⁴ Bukeye bwaho, nshobora gutekereza Mikaya ureba mu Byanditswe maze akavuga ati: "Noneho, reka turebe ubu. Mbese iryo yerekwa ryaba. . . Noneho, bose ni abagabo, hano hari ibitagenda neza ahantu runaka, 'kubera ko Bitandukanye n'ibyo bavuze. Ni byiza, Bivuga iki? Reka turebe icyo Eliya yavuze hano, umuhanuzi, kuko yari umuhanuzi. Murebe icyo. . . Ijambo ry'Uwiteka ryaje kuri Eliya. Yego. None se Ryavuze iki? 'Imbwa zizarigata amaraso yawe. Yezebeli, imbwa zizamurya. Kandi 'kubera intungane Ahabu. . . umukiranutsi Naboti.'" Yaravuze

icyo gihe...Amaze kubona ibyo, abona ko iyerekwa rye rihuza neza n'Ijambo ry'Imana, hanyuma, uriya musaza Ahabu yagombaga kumusanga.

²⁰⁵ Yagiye hanze aho, aravuga ati: “Komezwa. Ariko nabonye Isiraheli...” Murebe, ntiyatewe isoni no kuvuga ibyo yeretswe icyo gihe, 'kuko ari Ijambo ry'Uwiteka. Yari azi ko ashobora gufata icyo kintu neza. Ni igiki? Yakinguye umutima we, ibitekerezo bye, kw'Ijambo ry'Imana, kandi Ijambo ry'Imana ryari ryarahishuwe, rero yari azi ko ari Ijambo ry'Imana.

²⁰⁶ Noneho, wavugaga uti: “Yoo, iyo nza kuba Mikaya gusa!” Ushobora kuba we. Uri we. Nawe, uri we, mukundwa. Uri Mikaya, umuhanuzi. Ni iki mushobora gukora? Ibitekerezo byanyu. Twakora iki muri iki gitondo? Ijambo ry'Umwami. Murabona? Fungura ibitekerezo byawe, uvuge uti: “Noneho, urabizi, nizera ko nshobora gukira.” Nibyo, noneho, Ni iki? Ni Ijambo ry'Umwami? Yego, Ni Ijambo ry'Umwami.

²⁰⁷ Kandi *uyu* musore hano ati: “Iminsi y'ibitangaza yararangiyeye. Ntushobora gukora *ibi*. Nawe...” Mubyibagirwe. Mushyire Imana imbere.

²⁰⁸ Hano haje Ijambo ry'Umwami, kandi ararivugaga, kandi ni ko byari bimeze.

²⁰⁹ None se, Satani yakozwe iki? Satani yategetse abandi gusigwa. Noneho, Satani yasize amavuta abagaragu be. Yego rwose. Yoo. Ni byo. Yasize amavuta abagaragu be. Ni iki yabasize? Yabasize ukutizera. Satani n'abadayimoni be basize ikiremamuntu kutizera Ijambo ry'Imana.

²¹⁰ Noneho, niba mushaka kubyemeza, muhindukire murebe mw'Itangiriro 3: 4. Reka tugaruke gato twumve ibi, umunota umwe gusa, turebe niba atari yo mayeri ye ya mbere. Ni cyo kintu cya mbere yakozwe. Ntiyigera asiga amayeri amwe. Arabikora buri gihe. Noneho, murebe niba ari byo—ni cyo ari cyo. Noneho, ntabwo yigeze yemeranya n'Ijambo. Gusa yamuteye igisa no gusobanura ibintu, murabizi, gusa igisa no gukora ku buryo byumvikana nk'uko ashaka, ntafata Ijambo ryose nk'uko riri. Noneho, Itangiriro, Nahageze, Itangiriro 3: 4. Reka turebe niba ari byo byavuzwe nonaha. Byose.

Iyo nzoka ibwira umugore ngo, gupfa ntimuzapfa:

²¹¹ “Ntabwo rwose muzapfa.” Murareba uko yabivuze ahongaho? “Yoo, twizera ko iminsi y'ibitangaza yarangiye. Ntabwo twizera ko hari ikintu nk'icyo abantu bakira Umwuka Wera nk'uko bawakiriye kuri Pentekote. Yoo, uburyo ubwo ari bwo bwose wabatijwemo, ntacyo bihindura.” Murareba satani? Mureba amayeri ye? “Ni byiza, niba dogiteri yakubwiye ko udashobora gukira, ibyo birahagije.”

²¹² Noneho, kutitesha agaciro, kutizera dogiteri. Dogiteri arimo gukorera ku murongo w'ubuhanga. Kandi Dogiteri akora

ibishoboka byose, kugira ngo arokore ubuzima bw'umuntu, kandi ntibushobora kurokoka, kuko nta kindi azi gukora. Ari kw'iherezo ry'ubwenge bwe. Umugabo ni inyangamugayo. Ariko, ubungubu, igiti cy'ubwenge ni ikintu cyiza, ariko iyo tugiye kure nk'uko bigenda, hanyuma tukava ku giti cy'ubungo maze tugakomeza. Amina. Ni byo. Bizakomeza gukora. Yego.

213 Ubu, amayeri ya Satani akora iki? Yavuze iki hano? Noneho murebe ku murongo wa 1 no ku—ku murongo wa 2. Reka reka—reka dusome umurongo wa 1 hano, kugeza kuwa 3.

inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu'ishyamba zose, UWITEKA Imana yaremye. ibaza uwo mugore ngo, nukuri koko Imana yaravuze iti ntimuzarye... ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?

214 Mumutege amatwi nonaha, uburyo ari mubi, n'uburyo we—we ahindura iryo Jambo. Murareba? Ari... Ni iki arimo kugerageza gukora? Mujye mu bitekerezo bye. Murareba? Arimo kumuvugisha, Ijambo rimaze gukomera aho ngaho.

215 Noneho, ntimureke Satani ngo agire icyo ahindura. Murareba? Mukomeze Ijambo ry'Imana rikomezwe mu mitima yanyu. Murareba? Abe ariko mubigenza. Noneho nimurebe, Mikaya.

...uwo mugore arayisubiza ati, imbuto zose zo muri iyi ngobyi, twemerewe kuzirya keretse...

keretse imbuto z'igiti kiri hagati (hagati, murareba) y'ingobyi, Imana... yaraturwiyeye iti ntimuzazirye, ntimuzanazikoreho mwebwe, mutazapfa.

216 Murareba, ubungubu, iryo ni Ijambo. Arimo kubisubiramo. Noneho murebe.

Nuko iyo nzoka ibwira umugore ngo, mu by'ukuri Mwebwe ntimuzapfa:

217 Mwabonye amayeri ye? murebe? Ni iki arimo kugerageza gukora? Icyo kiremamuntu cya mbere, kirimo kugerageza gusiga uwo mugore w'igicro, umukobwa w'Imana, kimusiga kutizera Ijambo ry'Imana. Ni byo rwose ni byo arimo kugerageza kumutera gukora.

218 Ni byo agerageza kubatera gukora, bakundwa. Ni byo agerageza gukora kuri buri wese muri mwe, aho ngaho, kubasiga. Kandi ikintu cyonyine mugomba gukora ubu... Muri abakozi w'imburamumaro. Noneho mushobora kubyemera niba mubishaka. Ariko mubyirukane. Niba Eva atarahagaritse ako kanya, kugira ngo yumve! Ntimugahagarare ku busa. Ntimuhagarike.

219 Igihe—igihe Eliya yabwiraga Gehazi, ati: “Fata inkoni yanjye, genda uyirambike ku mwana wapfuye. Niba kandi hagize umuntu ubavugisha namwe, ntimumusubize. Niba hari ugerageje kubahagarika, mukomeze mugende.”

220 Murebe umugore uko yahise ahamagara umugaragu we. Yaravuze ati: “Shorera inyumbu hanyuma ikomeze imbere, kandi ntugire aho uhagarara kugeza mbigusabye.” Ni byo.

221 Iyo muhawe ubutumwa, murakomeza. Amina. Mwavuga muti: “Sinshobora kugenda. Yego ndabishoboye! Noneho, yoo, ndimo gucika intege.” Mukomeze gusa, ntumuhagarare. Mushyire ibintu byose ku ruhande, mukomeze muteme ubudacogora, bene Data, mufate inkota mu ntoki, mukomeze muteme.

222 Ninjiye muri stade y’umupira, inshuro imwe, ngiye kubwiriza. Nahagaze ku muryango ndeba hejuru, hejuru aho. Havuga ngo, “Ntabwo ari ingano y’imbwa ikenewe mu ntambara. Hakenewe ubunini bw’intambara mu mbwa.” Ni byo rero ni byo bikenewe mu gutsinda urugamba. Murareba?

223 Muravuga muti: “Reba neza. Reba amatorero yose akomeye arwanya Ibi bintu.”

224 Sinzi uko bingana. Ni intambara iri mu mbwa, ni byo bikenewe. Ni ukwizera kuri mu muntu. Niba uri ikigwari, subira mu buvumo bwawe. Ariko, bene Data, niba muri abasirikare, nimuhagarare hano. Hano hari intambara. icyiza n’ikibi biragendana. Mureke turwane.

225 Kimwe na Peter Cartwright, yagiye mu muji, aravuga ati: “Uwiteka yambwiye kwi—kwinjira hano no gukora ububyutse.” Yakodesheje ububiko bushaje, yinjiraye atangira kuhasukura.

226 Kandi umurashi ukomeye w’umujyi, masotera yari ayiregetse ku ruhande, aramanuka. Abona inzugi... Bamwe muri bo, baravuga bati: “Uriya musore arakora iki hepfo hariya?”

227 Aravuga ati: “Ni umubwiriza. Agiye kugira amateraniro, ni ko yavuze.”

228 “Ni byo,” aravuga ati: “ntekereza ko ngomba kumanuka nkamujugunya mu muhanda, nkamwirukana hano. Ibyo ari byo byose. Ntabwo dushaka ko habaho amateraniro hafi yacu.”

229 Yaramanutse rero, akomanga ku rugi. Peter Cartwright yari yambaye ikote rye, murabizi, kandi yari arimo koza amadirishya n’inkuta. Umugabo muto muto, muramuzi.

230 Umubwiriza ukuze aramuseka, murabizi, kubera kurya inkoko n’intoki ze; akaba ari cyo kimuranga uyu munsu, murabizi.

231 Yozaga gusa amadirishya kandi akorakora hirya no hino. Umurashi ukomeye aragenda, amamuka ikoti rye inyuma, masotera ayambaye ku ruhande, aravuga ati: “Urimo gukora iki?”

232 “Yoo,” aravuga ati: “Ndimo koza amadirishya.” Nuko arakomeza yoza idirishya, murabizi. Yari afite intego imwe.

Imana yamusabye gukora ububuyutse. Koza amadirishya, yo hepfo.

Aravuga ati: “Ntabwo twemera gukorera ububuyutse hafi hano.”

²³³ Aravuga ati: “Yego, ariko Uwiteka yambwiye gu—gukora ubu bubyutse.” Murareba? Yarakomeje gusa, hanze y’akazi ke. Murareba? Murareba?

²³⁴ “Ni byo,” ati: “hari ikintu kimwe wowe u—ugomba gusobanukirwa.” Aravuga ati: “Nyobora uyu muji hirya no hino.”

²³⁵ Aravuga ati: “Yoo, ni byo ukora?” Komeza woze amadirishya, murabizi.

²³⁶ Aravuga ati: “Mbere yo kugira ububuyutse, ugomba kubanza kunkubita.”

Aravuga ati: “Yego? Ni byiza, nzabikora ubutaha noneho.”

²³⁷ Amaze kwiyambura ikote rye. Yambutse hariya, ageze ku mukingo, amukubita hasi, amusimbukira hejuru. Aravuga ati: “Ngomba kurwana, niba ngomba kwihagararaho. Ongera ubutwari bwanjye, Mwami.” Mukureho igitambaro.

Aravuga ati, “Wabonye bihagije?”

²³⁸ Aravuga ati: “Yego.” Arahaguruka, amuhereza ikiganza. Yakijijwe iryo joro, mu rusengero.

²³⁹ Munteze amatwi. Murareba? Ni, fata Ijambo ry’Imana kandi utandukane no gushidikanya kose. Murareba? Ni byo, ni byo. Ngako akazi gakurikira, reka tubikore. Ni byo. Ibikurikira ngomba gukora ni ugukuraho gushidikanya kwanjye, nkakugabanya. Nguwo umurimo wanjye ukurikira, gukura ibikangisho mu nzira zanjye zose. Niba ibyumviro byanjye bimbwiye biti: “Ni byo, ukumva umerewe nabi,” igikurikira cyo gukora ni ukugabanya icyo kintu. Ni byo.

²⁴⁰ Muravuga muti: “Ni byiza, mwebwe. . . Barambwiye ngo. . . Murabizi, umutimanama wanjye umbwira, Muvandimwe Branham, ko nje. . .” Ni byiza, mushobora no kugendera icyo kintu kure. Ntaho mwakigerana. Mukore akazi kanyu gakurikira. Mukuremo ikote ryanyu mukinjiremo. Mukomeze mukore. Intego imwe, “Ngiye gutsinda.” Amina. “Sinshobora gutsindwa. Ngiye gutsinda.” Amina.

²⁴¹ Shitani arasiga. Murareba? Ni ubuhe buriganya bwe? Ni uwuhe mwanya we wa mbere yabonye? Ubwenge. Yahagaritse akanya, kugira ngo yumve ibyo avuga. “Yoo, ntuvuge utyo?”

²⁴² Aho ni ho umwana w’umukobwa yakoreye ikosa rye, na bamwe mu bagabo ni ho bakorera amakosa yabo; ni byo, yahagaritswe akanya, gusa yahagaritse akanya gato. Ni kangahe nabonye ibibazo byo gutandukana kw’abashakanye n’ibindi bibikurikira, byuririra aho.

243 “Ni byiza, ndakubwiye, Mwene Data Branham, aravugiriza asa ‘n’uzamura-agabanya’ ijwi’, murabizi, nuko ndahagarara, kandi, mvugishije ukuri, njye—Ntabwo nashakaga kuvuga.” Yoo mbega. Munteze amatwi.

244 “Yoo, we, nari nicaraye hirya y’ameza ye. Ya—yari afite amaso meza!” Murareba? Yoo mbega. Murareba? Ni byo.

245 Shitani ikora ikintu kimwe. “Yewe, muganga yambwiye ko ntashobora gukira, nuko rero . . .” Murankurikiye, ikintu kimwe, murareba, intambara ikomeye itarigeze kurwanwa.

246 “Ni byiza, barambwira . . . Nabonye *kanaka-na-kanaka* bavuga ko bafite Umwuka Wera.” Yego, warebye indyarya zishaje. Tuvuge iki kuri bo bari bawufite koko? Aha-ah. Yego. Satani azakwereka inyoni zishaje, ariko ntazakwereka inuma nyayo. Aha-ah. Ni byo. Ntazakwereka ibyo, kandi azakomeza kubahuma amaso.

247 Yewe, ni umurwany, nawe, ibuka. Ariko ukomeye ni uwacu . . . “Ukomeye ni We uri muri mwe, kuruta uri mw’isi.” Ariko mugume mw’Ijambo ry’Imana; muryizere, mwebwe batware b’ingabo muri hano. Mushikame, bene Data. Ni byo, mugume mu nshingano zanyu.

248 Noneho, rimwe nari mfite umukobwa muto hano. Umutegarugori ushobora kuba arimo hano. Izina rye yitwa Nellie Sanders. Kimwe mu bihe bya mbere nabonye satani yihagararaho. Twabayeho, noneho, niba gusa nashoboraga kubona umwanya; kandi nkaba byibuze hafi muri metero eshatu gusa ahongaho, hirya y’irimbi. Kandi nari nkimara kuba umubwiriza, nabwirizaga hano muri iki gice, nkorera n’amateraniro mw’ihema.

249 Kandi uriya mukobwa muto yari umwe mu babyinnyi beza. Yagiye mu mashuri yisumbuye hepfo aha, we na Lee Horn. Kandi benshi muri mwe hano mu mujiyi muzi Lee Horn hariya hepfo, ayobora icyumba cy’ubwogero. Nabo rero, we na Lee Horn, bari ababyinnyi beza bariho mu gihugu. Ni Umunyagatolika, we ubwe. Amasomo, idini ntacyo byababwiye, nuko rero . . . Nellie hamwe na bo. Rero, yari umubyinnyi ukomeye, kandi nawe yari we. Bari bafite iyi mbyino hano yitwa “black bottom,” na “jitterbugs,” n’ibindi byose nk’ibyo. Kandi yari u . . . Bombi uko ari babiri bari bakunzwe kuruta abandi mu gihugu.

250 Umunsi umwe, yahinze umushyitsi hano, ijoro rimwe, ajya mu materaniro. Agezeyo, yikubita hasi ku gicaniro, Nellie ukiri muto. Umutima we uhabwe umugisha we. Yagaramye aho ku gicaniro. Yegura umutwe. Ararira, amarira atemba ku matama. Aravuga ati: “Billy . . .” Yari anzi. Aravuga ati: “Ndashaka gukizwa, merewe nabi cyane.”

251 Nanjye ndavuga nti: “Nellie, ushobora gukizwa. Yesu yamaze kugucungura, mukobwa. Ugomba kubyemera ubungubu ukurikije Ijambo Rye.”

252 Aguma aho. Ararira, maze arasenga, maze abwira Imana ko atazongera kumva ibintu by'isi. Byose icyarimwe, amahoro meza ataha ku mutima we. Arahaguruka ava aho, asakuza kandi asingiza Imana, ahimbaza Imana.

253 Nuko nyuma y'amezi atandatu cyangwa umunani nyuma ibyo bibaye, yaje kumanuka mu gahanda ka Spring, ijoro rimwe.

254 Noneho, umwana muto w'umukobwa, yari akiri ingimbi, afite imyaka hafi cumi n'umunani. Aza aho ndi, arambwira ati: "Hope..." Uwo yari umugore wanjye, umwe witahiye. Aravuga ati: "Icyampa ngasa na Hope na Irene." Aravuga ati: "Urabizi, ntabwo bigeze bava kw'isi." Ati: "Isi igushyizeho ikimenyetso." Ati: "Nagize indoro mbi." Ati: "Noneho, naretse kwisiga amarangi n'ibindi, none ndasa nabi. Ndetse n'abakinnyi banjye, mu maso yanjye," ati: "Ndasa nabi." Aravuga ati: "Basa nk'abere kandi bafite ubwuzu." Aravuga ati: "Icyampa nkaba ntarigeze mbikora."

255 Ndavuga nti: "Nellie, Amaraso ya Yesu Kristo yeza ibyaha byose, mukundwa. Komeza, ubyizere."

256 Wayne Bledsoe, benshi muramuzi hano, inshuti yanjye y'inkoramutima, y'imyaka n'imyaka. Yari umusinzi. Yazamutse hano hamwe na mwene Data Edward. Yari yasinze aho mu muhanda, ndamwegura, 'kubera ko abapolisi bari bagiye kumufata. Namuzanye hano. Kandi nari umubwiriza mba hano, ku babyeyi banjye, mbere y'uko nshyingirwa. Naramufashe, mujyana mu buriri aho. Ndasinzira... naryamye ku gatanda gahinwa. Hari hariho itsinda rinini rya Branham, murabizi, twari icumi. Twari dufite ibyumba bigera kuri bine, kandi twagombaga kubikuba kabiri, gato. Noneho, nari mfite igitanda gihinwa gishaje naryamagaho. Naragisunitse nka *gutya*, Maze—Maze nzana Wayne kuryama hamwe nanjye. Umusinzi, byabaye ngombwa ko amuzana mu nzu aramusasira araryama.

257 Kandi nari ndyamye aho. Ndavuga nti: "Wayne, nta soni wowe ufite, gukora ibintu nk'ibyo?"

258 Na we ati: "Yoo, Billy, wimbwira *gutya*."

Hanyuma nshyira ikiganza cyanjye hejuru. Ndavuga nti: "Ngiye kugusengera, Wayne. Imana iguhe umugisha." Kandi nari nkijijwe vuba, yewe, ndakeka hashize, wenda nk'umwaka.

259 Hanyuma rero, byose icyarimwe, i—itagisi, yavuyeho urugi re'inyuma, maze umuntu arakomanga cyane. "Mwene Data Bill! Mwene Data Bill!" [Mwene Data Branham yakomanze ku ruhimi—Ubwanditsi.]

260 Ndibwira nti: "Mbega, Mana yanjye, umuntu agomba kuba agiye gupfa." Nasimbutse, umuryango; mfata ibintu byanjye bishaje ahongaho, njugunya ipinjama yanjye, nka *gutya*, nyifubika Wayne hejuru, nirukira ku muryango.

261 Ijwi ryumvikanaga nk'iry'umugore. Nakinguye urugi, uyu mukobwa ukiri muto ahagarara ku muryango. Aravuga ati: "Yoo, nshobora kwinjira?"

Ndavuda nti: "Injira." Maze ncana amatara.

262 Noneho yari arimo gutaka gutya, ati: "Yoo, Billy, Nda—Nda—Ndagiye! Ndagiye!"

263 Ndavuga nti: "Ikibazo ni ikihe, Nellie? Wafashwe n'i—n'indwara y'umutima?"

264 Aravuga ati: "Oya." Aravuga ati: "Mwene Data Bill, Namanukaga nerekeza Spring." Aravuga ati: "Mvugishije ukuri, Mwene Data Bill! Mvugishije ukuri, Mwene Data Bill, sinashakaga kuvuga ko ntagiriwe nabi. Sinashakaga kuvuga ko ntagiriwe nabi."

265 Ndamubaza nti: "Ikibazo ni ikihe?" Ndatekerezwa nti: "Ese ubu ngiye kumukorera iki?" Sinari nzi icyo nakora. Njye, umusore ukiri muto. Nanjye. . .

266 Ati: "Yoo, Mwene Data Bill," ati: "Ndi gusa—Ndi gusa—Gusa nacikaguritsemo ibice."

Ndavuga nti: "Noneho, ceceka, mushiki wanjye. Mbwira byose."

267 Na we ati: "Ni byo," ati: "Nari manutse mu muhanda, nerekeza kuri Redman's Hall. . ." Kandi bakundaga kugira akabyiniro ko kuwa Gatandatu nijoro. Na aravuga ati: "Nari mfite ikintu kimwe, ko ngiye mu rugo kwambara ikanzu." Nuko aravuga ati: "Numvise uwo muziki." Arakomeza ati: "Urabizi," ati: "Nabaye mpagaze umunota umwe." Aravuga ati: "Nakomeje kumererwa neza. Rero naratekereje nti: 'Urabizi, ntacyo byantwara ndamutse mpagaze hano.'"

268 Aho ni ho yakoshereje, ahagarara umwanya muto. Yateze ugutwi gusa.

269 Aravuga ati: "Ni byiza, ngiye gutekereza." Ati: "Yoo Mwami, uzi ko ngukunda, nyamara." Ati: "Uzi ko ngukunda, Mwami. Ariko nshobora kwibuka neza igihe nyewe na Lee twakundaga gutsindira i—ibikombe byose, n'ibindi." Ati: "Mbega, Ndibuka ko umuziki w'umuranzi wakundaga kunkurura. Ntabwo ari ubu gusa."

270 Yoo, mbega! Utekereza gusa ko atari byo. Wamaze kugutwara, aho ngaho. Ni byiza nk'uko abishaka, aho ngaho. Murareba?

271 Ni bangahe bazi Nellie Sanders? Ni byiza, ndakeka ko ari benshi muri mwe. Yego. Ni byo. Nabo—bari—bari. . .

272 Aravuga, aravuga ati: "Ni byiza, murabizi?" Ati: "Ahari niba ngenda ntera intambwe njya hejuru," ati: "wenda nazashobora gutanga ubuhamyi kuri bamwe muri bo."

273 Yoo! Murareba, uri neza mu bwatsi birindiro bya satani. Mwirinde. “Mwirinde ikibi n’igisa na cyo.”

274 Ariko arazamuka, yegera hejuru ku musozo, ahagarara iminota mike. Kandi ikintu cya mbere muzi, ni uko yari mu maboko y’umwana w’umuhungu, ku mbuga hanze.

275 Hanyuma araza. Kandi yari ahagaze aho, arira akomeza, ati: “Yoo, ndazimiye nonaha, kubw’ibyiza. Njye. . .”

276 Ndatekereza nti: “Ni byiza, sinzi byinshi kuri Bibiliya, ariko ndizera ko Yesu yavuze ibi ati: ‘Mw’Izina Ryanje bazirukana abadayimoni.’” Njewe. . .

277 Kandi Wayne yari yacecetse, gato, aricara, aritegereza. Murareba? Nanjye ndavuga nti, “Noneho, satani, sinzi uwo uri we, ariko ubu ndakubwiye, uyuri ni mushiki wanjye, kandi nta mpamvu yo kumugumana. Ntabwo yashakaga gukora ibyo. Yahagaritse umunota umwe gusa.” Aho ni ho yakoshereje, ni ko ntekereza. Ndavuga nti: “Ariko ugomba kumusohokamo. Uranyumva?”

278 Rero mfasha, Mana, ku Murongo w’Urubanza, birazwi. Urugi rwa ekara rutangira gufunguka no gufunga, rwo ubwarwo. “Rwihonda, rwihonda cyane,” hariya ku muryango. “Po, ngo-po, ngo-po.” Naratekereje.

Na we ati: “Bill, reba hano. Reba hano.”

Nanjye nti, “Yego. icyo ni igiki?”

Aravuga ati: “Sinkizi.”

Ndavuga nti: “Nanjye ntabwo nkizi.”

279 Urugi ruragenda “rwihonda-rwihonda, ngo-po,” rwifunga gutya. Ndatekereza nti: “Ni ikihe kibazo kiri hano? Ikibazo ni ikihe?”

280 Nongera kwitegereza, nka *kuriya*. Maze ndavuga nti: “Murekure, Satani! Mw’izina rya Yesu, musohokemo!”

281 Igihe nabivugaga gutyo, igisa n’agacurama kanini, karekare kangana nka *gutya*, karahagurutse gahagarara inyuma ye, gafite ubwoya burebure bumanutse ku maguru yako bugera ku majanja, ibintu nk’*ibyo*. Karagiye, “Ooooooh.” Yaratangiye aza ansanga, n’imbaraga mu buryo bwose bushoboka.

282 Ndavuga nti: “Mwami Mana, Amaraso ya Yesu Kristo arandinda ibyo.”

283 Wayne asimbukira mu buriri, aritegereza. Kandi hano byari bimeze, nk’igicucu kinini, kizengurutse, kiratambuka kimanuka inyuma y’igitanda. Wayne yasohotse mu buriri, ajya mu cyumba gikurikira, n’imbaraga uko ashoboye. Nuko natwe. . .

284 Nabonye Nellie mujyana imuhira. Maze ndagaruka, nuko sinabasha. . .

285 Mama yinjiyeyo, azunguza impapuro n'ibintu byose. Nta kintu na kimwe cyari muri ubwo buriri. Ni iki? Satani imuvamo. Byagenze bite? Yacetsetse akanya gato. Ibyo ari byo byose.

286 Ntuhagarike, rwose. Iyo Imana yinjije Ijambo Ryayo mu mutima wawe, fata iyo Nkota hanyuma utangire gusatura no gukata. Haleluya!

287 “Ntabwo nabonye umwanya wo gutegereza ikindi. Gusa narambutse, ntabwo nabonye umwanya wo gutuza.”

288 Yaravuze ati: “Ni byiza, fata inkoni yanjye uyirambike ku mwana. Niba kandi hari umuntu ukuvugishije, ntukanavugane nabo.”

289 Niba satani avuze ati: “Yoo, uzi icyo urwaye?” Ntukavugane na we. Komeza.

290 Satani, murabizi, satani aravuga ati: “Ariko se urabizi? Urabizi, *n'ibindi n'ibindi*, ubwo babonaga Umwuka Wera, muribuka bari—bari hafi guta umutwe.” Ntimukavugane na we. Mukomeze. Ntabwo muzi ibyerekeye *ibi n'ibi*.

291 Ni wowe n'Imana. Ni byo. Komezanya n'Imana. Yasize amavuta abagaragu Bayo. Nihuse. Imana yasize amavuta abakozi Bayo. Murareba?

292 Noneho ndabona hari inyandiko hano nshaka gusimbuka, ariko ndashaka kuvuga ibi. Hano, nimutege amatwi nonaha, mutuje.

293 Mugore muto muto, tega amatwi utuje muri aka kanya.

294 Hano turabona amayeri ya satani. Tubigenze dute? Noneho, Mfite Ibyanditswe byinshi hano, by'abahanuzi n'ibindi, yabasanze he, ari kumwe n'abantu batandukanye binyuze muri Bibiliya, kandi akora ikintu kimwe. Buri gihe ni yo mayeri ye, ni ukugerageza gutuma abantu batizera Ijambo ry'Imana. Mwumwe, mwebwe basirikare b'umusaraba. Iyo mutizera Ijambo rimwe rya Bibiliya yanditswe n'Imana, muba mwambuwe intwaro.

295 Urabyizeye, mukundwa?

296 Wambuwe intwaro. Wiyeguriye, urareremba mu mazi. Ambara intwaro zose z'Imana. Amina. Turi mu ntambara. Ibyo Imana yavuze ni ukuri. “Ijambo ry'umuntu wese ribe ikinyoma.” Murareba? Ariko mukanya... agutera kumva ikintu kimwe, ni yo mayeri ye, wambuwe intwaro.

297 Ni ibintu bingahe Eva yagombaga kumva? Kimwe. Icyo gihe yaje kwamburwa intwaro. Satani yakoze iki? Yinjiye mu bwenge bwe, mu mwuka we, kandi aho ni ho yagoretse. Ni byo? Yagoretse umunota nyawo aba yambuwe intwaro, igihe atizeraga Ijambo ry'Imana. Ni byo. Hano turabona amayeri ye.

298 Abasirikare b'Imana barategetswe ngo: “Mwambare intwaro zose z'Imana.” Ni byo? Noneho, niba mushaka kwandukura ibyo

Byanditswe, biboneka mu Befeso 6:10 n’uwa 13. Murareba? Twabisomye mu kanya kashize. Ni inyandiko yacu. Ni byo. icyitonderwa. “Mwambare intwaro zose z’Imana.” Reka... Mwabonye iminota mike? [Itorero riravuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Reka tugaruke hano umunota umwe gusa. Reka turebe gusa intwaro zuzuye z’Imana. Ni byo. Reka duhere ku murongo wa 10. Noneho, mwumve hano gato. Reka dushake intwaro zuzuye z’Imana. “Amaherezo, bavandimwe...” Noneho, nzi ko ngiye... Ndi...

²⁹⁹ Ni iminota makumyabiri, ubungubu, kugeza kuri cumi n’ibiri, hafi aho. Njye—njye ntabwo... Sinifuzaga kubigisha igihe kirekire, uyu muni, ariko njye—njye nshobora kuba ntafite ubundi butumwa bumwe bw’inyongera gusa kugeza igihe nzafatira urugendo rwanjye mu gihe cy’izuba, murabona.

³⁰⁰ Kandi muzi ibyo ari byo? Muzi impamvu nkora ibi? Nzayibabwira. Ejo bundi nagize inzozu. Ntabwo nashakaga kubivuga, ariko biri mu bitekerezo byanjye. Nshobora no kubikora, Uwiteka amaze kumpa ibisobanuro.

³⁰¹ Narose ndimo kwitegura kwambuka uruzi runini, kugira ngo nkore umurimo w’ivugabutumwa. Noneho, ubanza, nari mpari hariya hamwe n’umugore wanjye...

³⁰² Ni bangahe bazi George Smith, amasegonda atandatu Smith, hano mu muji? George Smith, umuhungu we ari mu gipolisi hano. We, nyagucwa George, ni umusinzi ubu. Ariko yari umwe mu barwanyi beza. Ni we wampaye imyitozo yanjye, mbere ndetse yagiye muri Y.M.C.A. n’ahantu hose. Yakundaga kudutoza. Kandi yarihutaga, yihuta cyane. Yari afite ibiro byinshi ugereranije, ku biro ijana na mirongo ine na bitanu. Kandi yarantoye. Yahagararaga aho, nuko agafata agafuni ke, nka *gurya*, akankubita mu nda, akanzamura hejuru akanyegeka ku rukuta, murareba, ariko, kandi ntabwo byambabazaga. Gusa yampataga imyitozo, nta kindi uretse imyitozo gusa.

³⁰³ Hanyuma njyewe—njyewe nijoro narose, nabonye Smith amasegonda- atandatu. Noneho, ntabwo ryari iyerekwa. Byari inzozu. Nabonye Smith amasegonda atandatu, umusore mugenzi we aza kumurwanya, mu mirwano. Kandi we, uriya musaza, hafi, yewe, ndakeka... Mfite imyaka mirongo itanu n’ibiri. Afite nka mirongo itanu n’umunani, hafi mirongo itandatu. Nta n’umwe muri abo abasore bato bashoboraga kumukoraho, mu buryo ubwo ari bwo bwose. Gusa yabahambiranya mw’ipfundo rimwe, nka *gutyo*, gusa akabarambika hasi abafashe n’amaboko ye.

³⁰⁴ Nuko ndatekereza nti: “Ibyo biratangaje.” Ntekereza ko umugore wanjye twari kumwe, ndavuga nti: “Ibyo biratangaje.” Ndavuga nti: “Urabizi, Meda? Yahoze ari umutoza wanjye.”

Aravuga ati: “Nda—ndabyibuka, ubimbwiraho.”

305 Ndavuga nti: “Yego mugenzi. N’amahugurwa ye meza, natsinze imirwano cumi n’itanu kinyamwuga, hanyuma ureke—akazi; ubwirize Ubutumwa bwiza.”

306 Muri ako kanya byarahindutse, kandi nari ntangiye kwambuka hakurya ya—y’amazi. Ariko igihe nagendaga, nanyuze mu bwato bw’amashanyarazi. Narebye hejuru, mbona abavandimwe banjye babiri bicaye aho, mu bwato, biteguye kujyana na njye. Ndavuga nti: “Ntimushobora gukora ibyo, bavandimwe. Yoo mbega. Ngomba kugenda nyenyine.”

307 Uwo mu bwato araza, ati: “Dore ubwato,” ubwato bwa pulasitike bwera.

Ndavuga nti: “Hoya. Aha-ah. Ntabwo ari ibyo.”

308 Aravuga ati: “Ni byiza, ushobora kubwirukamo muri *iyi* nzira, ibirometero mirongo itanu mw’isaha.”

Ndavuga nti: “Ariko ngomba kwambuka *iyi* nzira.” Murareba?

“Ni byo,” aravuga ati: “sanga *abo* basore.”

309 Ndavuga nti: “Ntabwo ari abatwara ubwato. Ntacyo babiziho bihagije. Barishimye. Ntibashobora kurasa. Bombi barohama hariya. Ntibashobora kubikora.”

Na we aravuga ati: “Uri . . . ushobora kwizera . . . ?”

310 Ndavuga nti: “Umva, njye—njye nzi byinshi ku bwato kubarusha, kandi ntabwo nagerageza kubwirukansa, ubwo bwoko bw’igikoresho.” Ndavuga nti: “Hagomba kuba ubwato bw’ingufu kugira ngo bwambuke.” Ndavuga nti: “Birasaba ikintu cy’imbaraga nyinshi kuruta kiriya.”

311 Nuko mbona arebye hirya no hino, kuri umwe mu bavandimwe, maze aravuga ati: “Waba uri umuntu utwara ubwato?”

Umuvandimwe aravuga ati: “Yego.” Murabona?

Ndavuga nti: “Si byo.”

312 Nuko utwara ubwato aragaruka. Aravuga ati: “Nkubwire icyo ukora.” Ati: “Baragukunda. Barakwizera. Ariko,” ati: “nugerageza kwambuka mu bwato bwa moteri, bazagerageza kugukurikira muri ubwo bwato. Bose bazapfa, murareba.” Aravuga ati: “Ntibashobora kugukurikira.”

Maze ndavuga nti: “Nkore iki?”

313 Kandi uyu muntu utwara ubwato ku kivuko, aravuga ati: “Urasubira inyuma *aho*.” Ati: “Hano hari inzu y’ububiko imwe gusa muri iki gihugu cyose, inzu y’ububiko ntoya imwe yonyine. Kandi hateretsemo ibintu byinshi,” ati: “rero baraza kuguma hano. Baza—bazaguma hano mu gihe—mu gihe wowe udahari. Ariko,” aravuga ati: “uraza gusabwa kuba ufite impamba.”

314 Kandi natumizaga gusa ubwoko bwose bw'amashu, na turinipe, na radisi, n'ibindi, nkabisekuriramo hariya nka gutya. Hanyuma nkabyuka.

315 Sinari nzi ibyo ari byo, ariko ubu ndabizi. Murareba, turyama mu bikoresho, bavandimwe. Ubu ni ubuzima mugomba kugendamo mwenyine.

316 Leo, uribuka inzozo warose icyo gihe ubwo wazaga hano bwa mbere? [Mwene Data Leo Mercier aravuga ati: "Amina."—Ubwanditsi.] Ku bijyanye na piramide, ukeka ko wari kwinjiramo hariya. Ndavuga nti: "Leo, nta muntu n'umwe uhagarara hano. Imana ni yo igomba gushyira umuntu hano. Wazamutse mu bice byose bigaragara ushoboye kuzamuka." Ndavuga nti: "None ntushobora kuza hano, Leo. Murareba? Subira hasi. Ubwire abantu gusa ko biva ku Mana." Murareba? Murareba?

317 Ni ikintu wowe—wowe udashobora kwishingikirizaho, nka bene Data na bashiki bacu, n'itorero ryanjye n'ibindi byose, ryiza nk'uko andi matorero ameze, n'abavandimwe, ahantu hose.

318 Ubu, sinshobora kwitandukanya n'itorero riri hariya. Umuntu aravuga ati: "Ni byiza, kuki musohokana n'abo bantu, bo mu bizera Ubutatu, *ibi* byose, *biriya*, *n'ibindi*, abemera Ubumwe, n'Izina rya Yesu, n'ibindi bintu byose biri aho? Kuki mwivanga nabo, rwose?" Ni abanjye. Ntitaye ku byo bakoze, ni abanjye. Ni abo ku ruhimbi rwanjye.

319 Igihe Isiraheli yakoraga ibibi, kugeza igihe Imana yavuganye na Mose, iravuga iti: "Witandukanye nabo. Nzatangira ubwoko—ubwoko bushya hamwe na we."

320 Mose yitambitse mu nzira, aravuga ati: "Mbere y'uko ubakoraho, umpereho nyewe."

321 Hatitawe ku cyo bakoze cyose, kuri bo ni ho noherejwe. Yohereje Umucyo, atari ukumurikira ahari Umucyo. Ahari umwijima, ni ho Umucyo ujya. Kandi ugomba kubana n'abantu. Ugomba guhagararana nabo, utitaye ko, wageze, mu bibi byabo.

322 Isiraheli yari yibeshye nk'uko byari biri. Baribeshye cyane kugeza igihe Imana yabaretse. Ariko, Mose, Nahoraga nibaza uburyo ibyo bizagenda, ariko Umwuka wa Kristo wari muri Mose. Murareba?

323 Murareba, twese turibeshya. Yaduhagarariraga twese mu gihe twari mu makosa yacu.

324 N'ubwo baba baribeshye gute, reka ntitukareke gusabana cyangwa ngo twitandukanye na buri kintu. Igihe cyose dushobora gutsindira ubugingo, reka tugendane "amakenga nk'inzoka, no kutirwanirira nk'inuma," murareba, kandi tugerageze gutsindira buri bugingo uko dushoboye.

325 Noneho, ibi ni byo navuga muri iki gitondo, ni ukubika Ibiryo. Kubika Ibiryo, kugira ngo mwizigamire ibyo kurya,

kugira ngo muzagire Ibyo kubatunga. Mubitunge kuri kaseti zanyu. Mubishyire ahabugenewe mu cyumba. Birashoboka ko, iyo ndi kure cyane, mukomeza kwibuka ko ibi bintu ari ukuri. Mubishyire mu cyumba cyanyu maze mubyumve. Murareba? Kandi ibi ni Ibiryoyi, mubibike, mu bubiko. Sinzi aho urugendo rugeze, ariko, aho ari ho hose, Azi aho atuganisha; Njye simpazi, ndamukurikira gusa.

326 Noneho, yavuze ngo iki hano? Mwumve neza.

Hanyuma, bene Data, mukomere mu Mwami, no mu mbaraga ze.

. . . mukomere . . . mu bubasha bw'imbaraga ze.

Mwambare intwari zose z'Imana, kugira ngo mubashye guhagarara mushikamye imbere y'amayeri ya satani.

Kubera ko tudakirana n'abafite inyama n'amaraso, . . .

Kurasa amasasu no gutera ibyuma, murareba, ntabwo ari byo.

. . . ahubwo dukirana n'abatware, n'abafite ubushobozi, n'abatega . . . iyi si y'umwijima . . .

327 “Abatega b'umwijima.” Ni inde utegeka isi? Satani. Rwose. Ni inde ugenga ibyoyi bintu byose, ibyoyi bintu byose bitubaha Imana birimo kuba, hirya no hino, Kandi ubwo buyobozi, n'ibindi? Byose ni satani. Bibiliya Irabivugaga. Satani ayobora muri Amerika. Satani agenzura Ubudage. Satani ayobora amahanga yose kw'isi. Ndaza kubigarukaho, mu minota mike, kandi turaza kumenya niba abikora, cyangwa atabikora. Niba . . . Ubwami bwose buriho kandi buzahoraho, kugeza igihe Imana izashyiraho ubwami Bwayo, bugenzurwa na satani.

328 Simvuye ko abantu bose bayirimo ari aba satani, ubungubu. Hari abantu bubaha Imana mu—mu biro bya Leta.

329 Hano haraza kuba hari umwe hano mu majoro make, hano neza, turerekana ifoto hano hamwe na Dwene Data Arganbright, ahantu hano. Yabaye umudipolomate kuri ba Perezida batanu batandukanye, Mwene Data Rowe. Kandi ara . . . Araza kuba ari hano, ngira ngo ni ku cyumweru cya kabiri muri Mata. Mwene Data Neville azabitangaza. Kandi ni umuntu mwiza cyane.

330 Yavuze ko ashobora kuvugaga mu ndimi umunani zitandukanye, ndizera. Ariko ubwo yakiraga Umwuka Wera, nta rurimi na rumwe yari afite yashoboraga kuvugana n'Umwami, Uwitwaga rero amuha rumwe gusa, aravugaga ngo, urwo ni rwo avugana na We. Amuha urushya, atarigeze agerageza kurukoresha. Ni byo.

. . . n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.

Nuko rero . . .

331 Noneho nimwumve mwese basirikare nonaha, mbere y'uko dutangira umurongo w'amasengesho.

... mutware ... kuri mwebwe (z-o-s-e) mwese (ntabwo ari igice cyazo gusa) ... intwari zose z'Imana, kugira ngo mubashe gukomera ku munsu mubi, ...

Ni yo minsi turimo.

...kandi murangije byose mubashe guhagarara mudatsinzwe.

Hagarara ...

³³² Amina. Mubigereho? Murareba, bakundwa? Iyo mumaze gukora ibyo mushoboye byose, murahagarara, hanyuma mugashikama. Ntimunyeganyeye.

Muhagarare mushikamye mukenyeye ukuri ...

³³³ Nimutege amatwi ibi. Nimwumve hano, mwumve ibyo ari byo. "Ikibuno cyawe." Ni cyo gice cyawe cyo hagati no hagati, hano, murareba.

... mukenyeye ukuri, ...

³³⁴ Ukuri ni iki? Ni Ijambo ry'Imana. Ni byo. "Ijambo Ryawe ni ukuri." Ni byo.

...mwambaye gukiranuka nk'icyuma gikingira igituza;

³³⁵ Ni ukuvuga ngo: "Mukore igikwiye." Mufate Ijambo ry'Imana muri mwe, mukore igikwiye. "Igituza cyo gukiranuka."

mukwese inkweto ari bwo butumwa bwiza bu'amahoro bubiteguza;

³³⁶ Mujye aho ari ho hose, ahantu hose, igihe icyo ari cyo cyose, ibirenge byambaye Ubutumwa bwiza. Murareba? Kandi murebe:

Kandi ikigeretse kuri ibyo mutware kwizera nk'ingabo, ...

³³⁷ Ngicyo igikuramo imyambi, murareba, "Ingabo yo kwizera."

...ariko muzashobozwa kuzimisha imyambi ya wa mubi yose yaka umuriro.

Kandi mwakire agakiza kabe ingofero, ...

³³⁸ Ubwo ni bwo bugingo... Ubwenge i—ibitekerezo, hano, umutwe; bitwikiriye umutwe.

...kandi mwakire n'inkota y'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana:

³³⁹ Ni gute muzareka iyi ngofero, ikora iki? Ni uburinzi. Ingofero ikozwe mu ki? Umuringa. Umuringa ntushobora no gutwarwa; urakomeye, urakomeye kuruta icyuma. Umutwe w'umuringa, (ni iki?) agakiza, ubumenyi bwo kumenya ibi, "Kandi gukora kwanjye guturuka ku Mana. Agakiza kanjye kava ku Mana. Ubunararibonye bwanjye buhuye n'Ijambo Ryayo, ntabwo ari igitekerezo cy'amatorero; ni Ijambo!" Amina. Muranyumva. Bitwikiriwe, no kurindwa, ingofero y'agakiza, no gutabarwa.

Itwaze ibyo, hanyuma ukomeze imbere. Yego, ubungubu, ubu ni byo tugomba gukora. Ingabo za Satani. . .

³⁴⁰ Noneho murebe, ubu, twe. . . Mpise nihuta, ariko ngi—ngiye kubigeraho.

³⁴¹ Ingabo za satani zizana indwara. Ni cyo Satani ari cyo, ni ugutsemba. Satani, ubwami bwose bwa Satani, ni uburwayi, urupfu, n'agahinda, no guhindagurika, no guhangayika, byose kuri Satani.

Imana ni Ubuzima, kwizera, umunezero, amahoro, hejuru *hano*. Murareba?

³⁴² Noneho, izo ni zo mbaraga ebyiri zikomeye zihurira hamwe nonaha. Barwana. Barwanira hano mu nyubako ubungubu. Bararwana, umunsi ku muni, hamwe na we, imbaraga zose.

³⁴³ Satani, aragukurikiye, uwo murwanyi ukomeye, umwami, n'umutambyi Goliyati agera agerageza kugutera ubwoba. Ari mu ukuri, ariko Imana. . .

³⁴⁴ Mwongerewe imbaraga, amina, hamwe n'ubutumwa bwiza, hamwe n'ijambo ry'ukuri ribazengurutse. Ushimwe! Umubwiriza, ni byo. Ingofero y'agakiza; ingabo yo kwizera; n'Inkota, uyizunguza mu ntoki! "Satani, ndaje guhura na we. Uhuye na nje mw'izina ry'ubuhanga. Uhuye nanjye mw'izina rya—ry'umuco. Uhuye na nje mw'izina ry'umuryango. Uhuye na nje mw'izina ry'ibi, *biriya*, cyangwa *ibindi*. Ariko ndagusanze mw'Izina ry'Umwami Imana ya Isiraheli. Nje ngukurikiye. Tanga inzira!" Ndetse n'urupfu ubwabwo ntirushobora kwihagararaho. Muboneze munyure impande zose. Ni byo.

³⁴⁵ Ingabo za satani zizana indwara, ariko ingabo z'Imana zishinzwe kuzirukana. Amina. Murakurikiye. Igihe cyose Satani atereye ikintu cyose, kuri wowe, ingabo z'Imana ni zo zimwirukana. Amina. Kwirukana!

³⁴⁶ Ubu ni bwo buhanga nyine Imana yakoresheje. Satani yakoresheje ingabo zo kurimbura, kugira ngo atemera Ijambo ry'Imana, imushyiriraho ubwami bwiza kuruta ubwo Mikayeli yari afite, Imana iramwirukana.

³⁴⁷ Uburyo bw'Imana, ni, ukwirukana ikibi. Mureke gutekereza. Muhagarike imiziririzo. Muhagarike imihangayiko. Muhagarike indwara. Muhagarike icyaha. Amina. Muri hejuru yacyo, mwazutse muri Kristo Yesu, abashyira ahantu ho mw'Ijuru, amadayimoni yose ayashyira muni y'ibirenge byanyu. Niba rero atangiye kwinjizamo umutwe we, ni iki. . .

³⁴⁸ Murabizi, mwapfuye. Ubuzima bwanyu burihishe. Ni iki *cyapfuye*? Mwapfuye ibyumviro byanyu. Mwapfuye umutimanama wanyu. Ubushake bwanyu bwa muntu bwavuga buti: "Ni byo, ndakeka ko na. . ." Mwapfuye ku bitekerezo byanyu. mwapfuye kuri ibyo bintu byose. Kandi mwashyinguwe

mw'Izina rya Yesu Kristo; Maze muzukana na We. Kandi aho Ari hose, namwe ni ho muri.

³⁴⁹ Byagenze bite igihe, umwe muri bo yagize gushidikanya, ageze mw'Ijuru? Imana yaramwirukanye. None se ni iki yabwiye abasirikare bazukiye muri Kristo? "Niba satani aje, mumwirukane. Mumwirukane." Igihe Yesu yatozaga ingabo Ze, akabashinga kugenda bakagera hose ku mpera z'isi ati: "Nimugende mw'isi yose, mwamamaze Ubutumwa bwiza mu biremwa byose. Uwizera akabatizwa azakizwa; utizera azacirwaho iteka. Kandi dore ibimenyetso bizagendana n'abizera, abasirikare Banjye. Mw'Izina Ryanjye bazirukana abadayimoni; bazavuga n'indimi nshya; bazafata inzoka, cyangwa nibanywa ikintu cyica, ntacyo kizabatwara; nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira."

Mukomeze imbere, basirikare ba Kristo!
Mukomeze mu ntambara,
Mufashe umusaraba wa Yesu
Mukomeze muje mbere.

³⁵⁰ "Nabambanywe na We, nyamara ndaho; ntabwo ari nje uriho, ahubwo ni We uriho muri nje." Ijambo rirakomeza, mbere y'uko, Imana itemesha, inkota Yayo ityaye y'amugi abili.

³⁵¹ Noneho, ntibitangaje, igihe Grant yafataga Richmond, kandi uriya mugore muto wo mu majyepfo yabonye Grant yinjira, afatwa no guhumekerwa. maze aravuga ati:

Amaso yanjye yabonye icyubahiro cyo kuza
k'Umwami;
Arimo gukandagira umuzabibu aho inzabya
z'umujinya zibitswe;
Yohereje imirabyo y'inkuba iteye ubwoba
hamwe n'Inkota Ye iteye ubwoba;
Ingabo Ze zirakomeje.

³⁵² Amina. Ni gute Grant yatwaye Richmond? Nk'uko yabigenje. Amina. Ni bwo buryo yafashemo Richmond.

³⁵³ Nguko uko abasirikare b'Imana bafata icyaha, indwara; neza ni uko bayigabaho igitero. Amina. Ni bwo buryo bwo gutsinda gushidikanya, n'ubwoba, n'ibindi. Iyo umuntu ahagurutse, baramwicaza. "Nimuve mu nzira!" Yoo, mbega! Ni byo. Imana irabirukana, nk'uko yabikoze mw'Ijuru. Umuyobozi Mukuru wacu ukomeye yatweretse uko byagenze. Amina.

³⁵⁴ Roy Roberson na Mwene Data Funk, benshi muri abo basaza hano, muzi kapiteni nyawe icyo ari cyo.

³⁵⁵ Igihe kimwe na...iri shami rishinzwe umuriro rya Jeffersonville hepfo aha. Ikibanza cya Pfau cyafashwe n'inkongi y'umuriro. Kandi hano hari ishami rishinzwe kuzimya umuriro i Jeffersonville rihagaze aho, maze kapiteni aragenda, aravuga ati: "Musukeho amazi make *hano*." "Shi-shi-shi-shiii,"

nk'umupira wuhira imyaka ahongaho. Hano haza Clarksville, "Suka amazi make *hano*." "Shi-shi-shiiii." Inyubako ya Pfau yari yahiye.

³⁵⁶ Bahamagaye Louisville. Hano haza abagabo batowewe. Yoo, mbega ukuntu amasirene yumvikanye aho hose!

³⁵⁷ Kandi hano hari abayobozi bakuru, muri iri shami rishinzwe kuzimya umuriro, bavuga bati: "Suka amazi make *hano*. Suka amazi make *hano*." Abagabo batatowe.

³⁵⁸ Mwene Data, iyo moteri ikimara guhagarara, ni inde wari uhagarariye igikorwa? Kapiteni. Ubwo bazamuraga urwego, yajyanye narwo. Amaze gukubita idirishya, yari atararigeraho. Afata ishoka ayijugunya kw'idirishya, ati: "Nimuze, bahungu mwe." Umuriro urazima, mu minota mike. Kapiteni!

³⁵⁹ Ntabwo ari Kapiteni, aravuga ati: "Suka amazi make *hano*. Gerageza gato *hano*."

³⁶⁰ Ariko, "Nimuze, bahungu mwe!" Amina. Yerekanye inzira. Yatweretse uko bikorwa.

³⁶¹ Naratekereje nti: "Urwego rushinzwe kuzimya umuriro rwatowe neza, bazimya umuriro mu minota mike." Kubera iki? Bafite kapitene wari uzi icyo akora.

³⁶² Bene Data, muvuge kuri tewolojiya yanyu yose mushaka. Amadini yanyu yakozwe n'abantu, amashyirahamwe yanyu: Mukine na byo.

Nabonye Kapiteni Mukuru wambwira uko nabikora.

Aravuga ati: "Ni byiza, niba nshobora kubyumva, kubyumva." Yoo, ntibyumvikana!

³⁶³ *Hano* hari uburyo Kapiteni Mukuru yavuze ko byakozwemo, muri Luka igice cya 4. Ntabwo mwanya mfite wo kubisoma. Musome, mwebwe ubwanyu. Ni byiza. Luka igice cya 4, guhera ku murongo wa 1.

³⁶⁴ Ntiyigeze avuga ati: "Noneho reka nkubwire. nuramuka uje *hano* urakora ishyirahamwe rikomeye. Murabona abaperesipiteriyani, n'abadiyakoni, cyangwa se urabona abakaridinari, n'abasenyeri, urabona *aba*." Ntiyigeze avuga atyo.

³⁶⁵ Igihe Satani yamusangaga, yaravuze ati: "Rero urashonje. Hindura aya mabuye umugati."

Aravuga ati: "Handitswe ngo . . ."

³⁶⁶ Aravuga ati: "Hejuru hariya, turahakujyana maze tukwereke ikintu."

"Ariko handitswe ngo . . ."

"Ndakora *ibi*, Wowe nubikora."

"Handitswe ngo . . ."

367 Nguko uko Kapiteni mukuru yavuze ko byagenze. Bikorwa bite, mushiki wanjye? “Handitswe ngo, ‘Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.’” “Handitswe ngo: ‘Mw’Izina Ryanjye bazirukana abadayimoni.’” Amina. Ni iki? “Handitswe ngo!” Ngayo amabwiriza ya Kapiteni. “Handitswe ngo, ‘Umuntu wese wumva Amagambo yanjye akizera Uwantumye, afite Ubugingo buhoraho.’ Handitswe! Handitswe! Handitswe!” Ngayo—ngayo amabwiriza. Nguwo umusirikare. Iyo ni yo nzira. Ni intwari nini dukoresha.

368 Yakoze iki? Yagiye ahongaho, agera kuri Goliyati. Yerekanye i... Ni gute Dawidi yeretse ingabo uko byagenze? Ni gute Dawidi yeretse Isiraheli uko byagenze? Dawidi bisobanura ngo: “mukundwa, umukiza.” Murareba? Dawidi yabigenje ate? Yaravuze ati: “Dore uburyo bigenda. Izere Ijambo ry’Uwiteka.”

369 Goliyati asohoka aho, aravuga ati: “Urabizi? Ndagusongozza iri cumu, kandi ndakugaburira ibisiga.”

370 Aravuga ati: “Unteye uri nk’ishyirahamwe. Unteye uri nk’umuhanga ugezweho mu by’ubuhanga. Unteye witwaje inkota yawe y’igikurankota ya metero cumi n’enye. Unteye ufite ingofero y’umuringa, hamwe n’igice cy’umutwe w’ingabo ntashobora no guhangara. Unteye uri nk’umurwanyu watojwe. Witwaje impamyabumenyi y’ikirenga Ph.D., na L.L.D., kandi ukubye kabiri-L.D. Unteye witwaje ibyo byose. Ariko njye nje mw’Izina ry’Umwami Imana ya Isiraheli, none uyu munsu ndaguka umutwe mpereye mu bitugu byawe.” Amina. Ako gahungu gato gasohoka hariya kurwanya kiriya gihangange, ariko kari kazi aho gahagaze.

Isiraheli, iranyeganyega gusa, “Yoo, ka nyagucwa.”

Goliyati ati: “Ndakwereka uko nkugira.” Nuko araza.

371 Yari afite k-w-i-z-e-ra, murareba, m-u-r-i Y-e-s-u, amabuye atanu, amabuye atanu. Ibuye rito muri yo, kubwo gutangira. Mu kuzunguruka gutya, Umwuka Wera yeguye ibuye, riraboneza. Goliyati yikubise hasi. Ni ubwo buryo bikorwamo.

372 Ni ubwo buryo Yesu yavuzemo, ni cyo Yavuze. “Noneho, niba mwebwe bene Data mugiyeye mu kibuga, niba mushaka kumenya uko banesha amadayimoni, ndaza kubereka uko bikorwa.”

373 Satani Yaravuze ati: “Ndabonana na we.” Goliyati: “Ndakwereka icyo nshoboye gukora. Urashonje. Niba uri Umwana w’Imana, nzakurwanya. Uragira uti Uri Umwana w’Imana. Nzakurwanya. Niba uri Umwana w’Imana, hindura aya mabuye umugati. Urye; Urashonje. Niba kandi uri Umwana w’Imana, ufite imbaraga zo kubikora.”

374 Aravuga ati: “Ariko, noneho handitswe ngo: ‘Umuntu ntashobora kubaho atunzwe n’umugati gusa.’” Yoo, burya ni bwo buryo Kapiteni Mukuru yabikoze.

Yamujiyanye hejuru ku munara w'urusengero. Aravuga ati: "Ngaho ijugunye hasi," ati: "Uzi ko handitswe ngo..."

³⁷⁵ Aravuga ati: "Yego." Ati: "Handitswe na none ngo: 'Ntukagerageze Uwiteka Imana yawe.'" Murareba icyo yiyise? "Uwiteka Imana yawe." Aha-ah. "Ntukagerageze Uwiteka Imana yawe, 'handitswe, na none nka gutyo.'" Murareba? Yoo, mbega!

³⁷⁶ Yakoze iki? Yaramutsinze, akoresheje Ijambo ry'Imana. Amayeri ya satani ni ukugutera kutizera Ijambo ry'Imana. Na Kapiteni Mukuru aravuga ati: "Fata Ijambo ry'Imana kandi ubikore. Mw'Izina ryanjye bazirukana abadayimoni."

³⁷⁷ Yoo, Satani, umutware wabo mukuru, yoo, yego, murabizi, amwe muri ayo madini agerageza kubemeza ko afite ibinono binini, murabizi, n'umurizo wacitsemu ibice, n'ibindi byose. Ntimukabyizere. Ntabwo ari byo. Oya, Mugenzi, mwene Data. Ni indyarya. Ntimwizere ko ibyo abifite. Gusa babikora kugira ngo babatere ubwoba. Iyo si satani. Satani ntabwo ifite ibinono, duhereye aho; Ndabishidikanya cyane. Ni umwuka gusa. Satani ni umwuka. Ntabwo yatuye inzara n'ibindi, nk'uko mugerageza kumushushanya. Oya, oya.

³⁷⁸ Ariko, afite ubwenge. Mwene Data, ni umunyabwenge nyawe, wize ahantu, buri gihe, mu bwenge bw'isi. Yego, yego. Ni mwiza. Ategura ingabo ze n'ubwenge bw'isi, kugeza, bene Data, mbese ntimugerageza—mugerageze kuvuga amagambo ynyu. Muzi neza ibyo muvuga iyo muhuye n'umwe muri aba basore, bavuga bati: "Iminsi y'ibitangaza yararangiyeye." Oya, ntashobora kubona—ntashobora kubona ibinono byacitsemu ibice. Ariko, yoo, a—a—avuye mw'iseminari ako kanya. Afite isuku, mwene Data. Ndashaka kuvuga ko, afite ubwenge, impamyabumenyi y'ikirenga Ph.D., L.L.D., Q.U.S.T., n'ibindi byose. Murareba? Byose birahari, afite ubwenge nk'uko ashoboye. Umunyabwenge, byanze bikunze, ni inzoka, y'inyaryenge kurusha izindi. Umusatsi waragabanutse, mwene Data, kandi, ndashaka kuvuga, kwambara, kandi ntabwo ari umukunjo kw'ikoti. Ubwenge, nk'indyarya n'inyaryenge uko ashoboye. Ni byo.

³⁷⁹ Ntimugakine na we keretse niba muzi ibyo muvuga. Ni byo. Yego, ariko tuzi ibya kera—amayeri ye ashaje. Tuzi icyo agerageza gukora: ashaka ko tutizera Ijambo ry'Imana.

³⁸⁰ Kandi ntabwo afite ibinono. Oya, oya, oya. Noneho, tubona ko adafite ibinono ubwo, rero agomba kuba ari ikindi kintu. Ni indyarya. Ni umutware, yarize, afite gahunda mu byo akora. Mwene Data, afite ingabo ze rero.

³⁸¹ Nimurebe, igihe kimwe, haruguru hariya mu Busuwisi. Gusa sinshobora kubona aho mpagararikira, nshuti zanjye. Hano hari i—i...Hirya no hino mu Busuwisi, haje izo ngabo z'Abadage, mar...n'ibivejuru byazanye nabo. Kubera iki,

byasaga n'urukuta rw'amatafari; umuntu wese yaratojwe, icumu ryose ripanze *gutya*, muri metero umunani cyangwa icumi imbere. Kandi bazamuka aho hejuru ba nyagucwa b'Abasuwisi, bari bafite iki? Bari bitwaje intwaro hamwe—hamwe n'inkerezo zikwikiye, inkoni n'amabuye, nuko bahagarara aho. Barabazengurutse. Hafi y'umusozi hari amazu yabo. Hano ingabo z'Ubusuwisi zagiye kubasanganira. Ntacyo bari barabakoreye. Barinjiye gusa bafata igihugu cyabo.

³⁸² Ni iki kw'isi uyu mwana yakoze, umwana gusa? Satani, uwo ni we, wamwambura ubuzima niba abishoboye. Rwose. Aho ni ho ari; imburagihe. Murareba?

³⁸³ Abasuwisi ntacyo bari bakoze. Bari abantu beza. Bageragezaga kurengera amazu yabo, ariko bahagaze aho kugira ngo bayarengere. Nyuma y'igihe gito, hariho umwe uzwi kw'izina rya Arnold von Winkelried. Hano haje izi ngabo. Bose bari bazengurutse. Baravuga bati: "Twakora iki?"

³⁸⁴ Ahantu hose, inyanja y'abagabo gusa, batojwe neza. Ni muri ubwo buryo Satani abikora. Yatojwe neza, icumu rye aritunze mu kirere neza, buri mugabo mu ntambwe: imwe, ebyili; imwe, ebyiri; gusa baza basanga uyu mutwe w'ingabo muto. Gusa—gusa byari bibahagije gukomeza kugenda, ni byo bagombaga gukora, hanyuma bakabatunga, buri wese, ku nkota ye. Amacumu yarabahinguranyaga. Ibyo byari kurangiza ingabo z'Ubusuwisi. Ibyo byari kubarangiza bose. Hafi y'umusozi hari amazu yabo n'imiryango yabo. Abagore babo baba barahohotewe kandi bafatwa ku ngufu, n'abakobwa babo bakiri bato, n'abana bakicwa, n'amazu agatwikwa, n'ibintu byose, ibiryo bigafatwa, inka n'ibindi, bigashimutwa. Aho ni ho bari bageze.

³⁸⁵ Byagenze bite? Igitekerezo cyaje kuri umwe wari uzwi kw'izina rya Arnold von Winkelried. Aravuga ati: "Bagabo b'Ubusuwisi, uyu muni ndapfira Ubusuwisi." Amina. "Uyu muni ndapfira Ubusuwisi."

Baravuga bati: "Urakora iki?"

³⁸⁶ Aravuga ati: "Munkurikire gusa murwane n'uwo muhuye wese." Ahaguruka aho; ajugunya icumu rye, inkoni nto yari ayifite mu ntoki, nka *gutya*. Nuko avuza induru, amaboko ye ari hejuru, nka *gutya*, yiruka yerekeza hariya, atera hejuru ati: "Mukore inzira yo kwishyira mukizana!" Mwiruke uko mushoboye, iburyo bw'ingabo. Amaze kubikora, afata amacumu yose ashoboye, maze ayatera mu gituza cye *gutya*, arapfa.

³⁸⁷ Yarababwiye, 'mbere y'uho agenda. Ati: "Hano hari akazu gato haruguru aha, nsize umugore n'abana bamwe, n'inzu nto nari maze kugura." Maze aravuga ati: "Nda—ndabakunda, ariko, uyu muni, ndapfira Ubusuwisi. Yampaye..." Aravuga ati: "Ntanze ubuzima bwanjye kugira ngo nkize igihugu."

Kandi yari intwari. Kuva icyo gihe nta ntambara bafite. Ibyo, byarayirangije.

³⁸⁸ Yayoboze izo ngabo, hamwe n'ubutwari bwerekanwe cyane, kugeza ubwo ntacyasigaye... I—ingabo zari mu rujijo. Abasuwiye babateye amabuye, babirukana mu gihugu; kandi ntabwo bongeye kugaruka uhereye ubwo. Ibyo hashize imyaka amagana bibaye. Murareba? Kubera iki? Icyo cyari igikorwa gikomeye.

³⁸⁹ Ariko, yewe, mwene Data, umunsi umwe, iyo ubujiji, imiziririzo, gushidikanya, guhindagurika, n'ubwoba, biteye abantu b'Imana basubizwa mu mfuruka, hariho Umwe witwa Yesu Kristo wavuze ati:: "Uyu munsi ndapfira abantu." Ni byo.

³⁹⁰ Ni iki yabwiye ingabo ze? "Mukurikire kandi murwane n'imbaraga zanyu zose. Niba mufite umunyafu, murwanishe uwo munyafu. Ntimutinye. Mufite inkoni, murwanishe iyo inkoni. Mufite ibuye, murwanishe iryo buye, icyo mufite cyose."

³⁹¹ Ibyo ni byo Kapiteni Mukuru wacu avuga uyu munsi. "Nafashe Ijambo ry'Imana, maze kunesha satani n'imbaraga ze." Yamucagaguyemo ibice, amina, hamwe n'iri Jambo. Noneho, ibyo mwaba mufite byose, niba mufite Ijambo rimwe gusa, "Umwami Imana yanyu irabakiza," mumucagagure. Mukurikire. Amina. Mukurikire Kapiteni wacu. Yego, mugenzi. Yaramujanjaguye.

³⁹² Satani, hamwe n'ubwami bwe bugari, bwiza, burenze ubwiza, n'ibindi byose, byose bigezweho. Ntiyagira icyo adutwara. Ni byo. Aracyafite amayeri arute ay'inyamaswa zose zo mu gasozi. Yego, mugenzi. Yesu yavuze ko abana b'iyi si ari abanyabwenge kurusha abana bo mu Bwami bw'Imana.

³⁹³ Noneho, aya makimbirane abiri arakomeye. Tugiye... Nabonye... tugomba gufunga. Aya makimbirane abiri akomeye arahurira hamwe nonaha. Kuri ubu ni isaha y'uburwayi n'ibindi bintu byibasiye isi, kugeza ubuhanga bw'ubuvuzi buhagaritswe, kandi byose biraneshwa. Nta kintu na kimwe, kandi—kandi tuzabikora gusa... Kandi ingabo, ingabo nto z'Imana, zisubizwa mu mfuruka n'ibintu byose. Muvandimwe, igihe kirageze ngo haze undi Arnold von Winkelried. Igihe kirageze, igihe kirageze kugira ngo undi mugabo w'Imana agaragare. Igihe kirageze ngo Eliya agaragare. Igihe kirageze ngo ikintu kibeho.

³⁹⁴ Ingabo z'Imana, muhagarike ibitekerezo byanyu. Ntimugahagarare umunota n'umwe, ngo mutekereze ku bintu byose satani ashaka kubaha binyuze mu bitekerezo byanyu. Ariko mwibuke, Ijambo ry'Imana ntirishobora na rimwe kuneshwa.

³⁹⁵ Izi ngabo zombi zikomeye! ubwo umwanzi azakubita nk'umwuzure, nk'uko bimeze uyu munsi, Imana yavuze ko izakora iki? "Umwuka w'Imana yazamuye amahame yo kubirwanya." Uri umwe muri bo? Yego, mugenzi.

³⁹⁶ Twigishijwe muri Yakobo 4: 7, simfite umwanya wo kubisoma, Yakobo 4: 7, kugeza, “Murwanye satani, kandi,” gusa ntashaka kugenda, ariko, “azabahunga.” “Murwanye satani.” Ni gute mushobora kurwanya satani? Nkuko Kapiteni mukuru wacu yatubwiye kubikora. Mufate Ijambo ry’Imana. Ni bwo buryo bwo kurwanya satani, ni kubw’Ijambo ry’Imana. Kapiteni mukuru yatubwiye uko byagenze. Byose.

³⁹⁷ Noneho, mu gusoza, ndashaka kuvuga kuri ibi. Uwo satani w’ibihe, ubungubu, mutekereza ko yiyubaha. Muratekereza ko azatera umwana? Azatera ikintu icyo ari cyo cyose. Yibasiye Yesu Kristo. Yaje aho ari, afite ibitero bitatu byo mu gasozi. Mwari mubizi? Satani ntabwo yagabye igitero rimwe gusa. Azabatera indwara, hanyuma noneho agaruke abatere, ababwire ngo: “Iminsi y’ibitangaza yararangiyeye. Ntabwo wakize. Ntacyo bimaze.” Uzi ko ari byo?

³⁹⁸ Yibasiye Yesu inshuro eshatu. Ibitero bitatu byo mu gasozi, yiruka kuri Yesu, hamwe no kutizera Ijambo ry’Imana kwe. Yesu yari Ijambo. Ni byo, ntabwo yigeze abyizera. “Niba uri... Niba uri...” Hano araje, agabye ibitero byo mw’ishyamba, nk’uko umwanzi abigenza rimwe na rimwe uyu muni. Hano baraje, baravuga bati: “Niba uri Umwana w’Imana, twereke igitangaza. Bikore ubitwereke.” Mwene Data, ibitero bitatu byo mu gasozi yarabigabye, “Niba Uri... Niba Uri...”

³⁹⁹ None, Yesu yakoze iki? Yesu yari Ijambo ry’Imana. Yari Ijambo. Yifashishije Ijambo. Shimwa! Njye—ndimo kubona... gusa ndumva nguwe neza, kubwiriza nonaha, nk’uko ndi umunyakuri. Ni byo. Yesu ni Ijambo. “Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo uwo yahoranye n’Imana, kandi Jambo yari Imana. Kandi Ijambo ryaratuye, rihindurwa umubiri, riratura...” Yesu yari Ijambo. Yakoze iki? Yaramujanjaguye. Yoo, mbega! Ngiye kubireka. Yesu yakoze iki? Yari Ijambo. Rero, hamwe n’Ijambo, Yajanjaguye Satani n’igitero cye gikaze. Yagurukiyeyo nk’agatsiko kabapara-, bamanuka mu ndege, cyangwa ikindi kintu nk’icyo, yasimbukiye kuri Yesu, Ijambo, nka gutyo. Maze Yesu afata iryo Jambo, nuko aramujanjagura. Haleluya! Ni ukuri, kumujanjaguramo ibice, kumunesha n’Ijambo.

⁴⁰⁰ Nimurebe igitero cye? Murareba, mwumve neza, muri uku gusoza. Igitero cye ni ikihe? Ni ukutizera Ijambo ry’Imana, ni cyo gitero cye. Ngaho, mbese murabona intambara ikomeye itarigeze kurwanwa? Hariho imbaraga ebyiri gusa: Satani n’Imana. Mbese ni iyihe ntwaro satani akoresha mu kubarwanya? Ni ukugerageza kubemerera kutizera Intwaro yanyu. Arayibambura. Mureke—mureke dutege amatwi dutuje rwose. Nimwumve. Niba ashobora kubatera kutizera Intwaro yanyu birangana, niba abemereye kwizera ko Intwaro yanyu idakomeye bihagije, aba yabambuye intwaro.

401 Yoo, mwene Data Neville, ndizera ko ibyo tutazabyizera na gato.

402 Nimurebe, yabambuye intwaro ubwo yabonaga ko mutizera iyo Ntwaro. Iyo mufashije Iyo ntwaro hasi, bisoza urugamba rwanyu, muba mururangije. Mufate iyo Ntwaro, ntimukayirambike hasi. Turabona kutizera kwe. Reka. . .

Hari ikindi kintu kimwe nshaka kuvuga nonaha, mu munota umwe.

403 Uburusiya. Ndashaka kubivuga kubw'inyungu z'abasezerewe mu ngabo, n'ibindi n'ibindi, hano, hamwe na mwe abanyeshuri ba Bibiliya. Kubera iki mwabuze amahoro no kuvugishwa ku byerekeye Uburusiya? Yoo! Ntimunyumva iyo mbabwira ngo mukore ubwirinzi bwo mu kirere, murabikora? Kuki murimo gusebanya ku byerekeye Uburusiya? Uburusiya ntacyo buri cyo. Ntabwo bazatsinda intambara. Ntabwo bagiye gutsinda isi. Ubukomunisiti ntabwo bugiye gutsinda isi. Ni iki kitagenda ku bantu? Mbese Ijambo ry'Imana rishobora kuneshwa?

404 Mutege amatwi, ibi kuri kaseti nonaha, kw'isi, ndavuga, cyangwa aho kaseti zose zishobora kugera. Namwe bantu muri hano, uko byagenda kose, ibi murabyizera.

405 Uburusiya, ubukomunisiti, ntacyo buzageraho. Ijambo ry'Imana ntirishobora kuneshwa. Uburomani bugiye kwigarurira isi.

406 Reka dufate intumbero ya Daniel. Iryo ni Ijambo ry'Imana. "Wowe, Daniyeli. . ." "Wowe, Mwami Nebukadinezari, uri uyu mutwe wa zahabu," Babuloni. "Ubundi bwami buzagusimbura, ari bwo ifeza," murareba, yari Ubumedi-n'Ubugereki. Ubundi bwari Ubugereki, Alexandre le Grand. Igikurikira ni, injira, Roma. Kandi nta kintu na kimwe cyavuzwe kijyanye n'ubukomunisiti. Roma yigaruriye isi.

407 Yesu Kristo yavukiye mu bwami bw'Abaroma, nuko aratotezwa, Bwa mbere aje hano, n'ubwami bw'Abaroma. Kandi mu kugaruka kwe kwa kabiri, kuza ubu, Ubutumwa Bwe burimo gutotezwa n'amadini y'Abaroma, akaba nyina wa buri ryose muri yo. Kandi nagaruka, Azagaruka gukuraho ubwo bwami bw'Abaroma, uwo Abayahudi bahoraga bashakisha ngo Aze ahanagure ubwami bw'Abaroma.

408 Inzego za Gatolika hamwe n'amadini yose yo kw'isi, ubungubu zishyize hamwe nk'umuryango, ihuriro ry'amatorero yishyira hamwe. Ntabwo ari Uburusiya. Ni Roma. UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Yego. Munyereke Ibyanditswe aho ubukomunisiti, cyangwa ikindi kintu cyose uretse Roma, kizategeka.

409 Ese Abamedi n'Abaperesi basimbuye Nebukadinezari? Ni byo. Ubugereki bwarabasimbuye? Yego. Mbese Roma

yarabajyanye, uhereye aho? Yacitsemu ibice icumi bya Ottoman nk'uko tubibona ubu?

410 Mbese *Eisenhower*, bivuze ngo: “icyuma,” *Khrushchev* bisobanura “ibumba,” bakoreye inama yabo hano? *Khrushchev* yakuyemo inkweto, [Mwene Data Branham akomanga ku ruhimbi—Ubwanditsi.] kugira ngo byumvikane, kandi bisobanuke, akubita ku meza, nka *gutyo*, kugira ngo yereke abantu. [Mwene Data Branham akomanga ku ruhimbi.]

411 Ni byiza, abantu bafite iki muri iki gihe? Ukwizera guhagaze he? Kuki, mutizera ko Ijambo ry’Imana ari Ukuri? Kandi icyo kintu ntabwo kirimo *Hano*. Ni ikihe kibazo kiri mu babwiriza muri iki gihe? “Ubukomunisiti!” Umuvugabutumwa wese uri hanze aha agerageza kurwanya abakomunisiti. Ubukomunisiti, ntacyo buri cyo!

412 Igihari, ni uko satani abahenurira izuru, maze ntimubimenye; ni Uburomani, ni ikidini. Kandi Roma ni yo nyina w’amadini. Bibiliya iravuga iti: “Yari maraya, abakobwa be bari indaya,” barwanya Imana, barwanya Ijambo Ryayo.

413 Basirikare, mufate Ijambo. Abamalayika buje imbabazi, mugumane n’iryo Jambo. Nzarimbuka umunsi umwe, ariko iri Jambo ntirishobora kurimbuka. Namwe rubyiruko, niba bitabaye mu gisekuru cyanyje, muzabibona. Hariho ikintu.

414 Wigeze wumva amakuru muri iki gitondo? Madamu Kennedy agenda, abonye papa, none se papa yavuze ngo iki? Murareba, amadini yose yo kw’isi! Yoo! Ni byiza, birashoboka ko tubona bike muri byo, ku Cyumweru gitaha.

415 Murareba, ntimugahangayikishwe n’Uburusiya. Uburusiya ni ibuye rito riri ku mucanga. Ntimugahangayikishijwe n’ubukomunisiti. Murareba Uburomani igihe buzahuza amatorero. Nta kintu na kimwe cyanditswe mu Byanditswe kivuga ku bukomunisiti butegeka isi.

416 Kandi ngendana n’Ijambo, ntitaye ku bindi byose bigenda. Ni Ijambo nizera. Ni Uburomani bufata isi. Kandi Uburomani ni nyina w’amadini. Nta dini ryigeze ribaho kugeza kuri Roma, kandi buri dini ryose ni ho ryaturutse. Kandi Bibiliya yarabivuze, ko “Yari nyina wa ba maraya.” Nshobora kumara igice cy’umunsi, nanone, ariko ndakeka ko nshobora no gukomeza.

417 Iyo umwanzi aduteye, noneho, “Yoo, ndababwiye, mugomba kuza kwifatanya natwe...” Ni iki mugiyeye gukora, gusubira inyuma, kutugambanira? Ntabwo mwaba muri abasirikare nyabo, ntimwabikora. Oya, mugenzi.

418 Icyo gihe dukora iki? Igitekerezo, “Reka igitekerezo cyari muri Kristo...” Ni byo Bibiliya yavuze? “Igitekerezo cyari muri Kristo, kibe muri wowe.” We Yari afite igitekerezo bwoko ki? Kugumana n’Ijambo. Ni byo. Mugumane n’Ijambo, Ijambo rya

Data, kandi mutsinde umwanzi igihe cyose. Noneho iyo umwanzi ateye akagerageza kuvuga ko mwahawe gukora *ibi* no gukora *biriya*, mwakora iki? Mugumane n'Ijambo. Ni byo.

419 Ni iki mushaka gukora noneho? Mufate Ijambo. Ijambo ni irihe? Hano Bibiliya yararivuze. Turabisoma gusa. Kubera Umwuka w'Imana, kandi Ijambo ry'Imana. Murabona? Murebe hano. "Fata ingofero y'agakiza, n'Inkota, Inkota y'Umwuka." Inkota y'Umwuka! Ni ibiki? Umwuka uza mu bitekerezo byanyu ukababinjiramo, kandi Inkota y'uwo Mwuka ni Ijambo ry'Imana.

420 Ni iki uwo Mwuka urwana na cyo? Umwuka Wera arwana n'iki? Ibyiyumvo? uko Wiyumva? Ijambo; umutima! Yoo! Himbaza! Urwana n'iki? Ibyiyumvo? Ijambo! Ijambo! Mureke tubivuge, Ijambo! Ijambo! Ijambo ry'Imana ni ryo Umwuka arwanisha.

421 Umwuka w'Imana agenda hejuru ya satani, akavuga ati: "Handitswe ngo!" Amina! "Handitswe ngo!" Kandi satani azabahunga.

422 Dukore iki? Dufate Inkota, ari ryo Jambo ry'Imana, dukurure dukoresheje (iki?) ikiganza cyo kwizera, ikiganza gikomeye cyo kwizera, Inkota itemera ahabili. Bibiliya iravuga, mu Baheburayo 4, iti: "Ni—ni Inkota itemera ahabili," itema amajya n'amaza.

423 Mwene Data, wakora iki? Fata Ijambo. Fata Umwuka, reka Umwuka aze mu mutima wawe. Fungura ibitekerezo byawe, vuga, uti: "Ijambo Ryawe ni ukuri." Noneho, ba ariko ubigenza, mushiki wanjye. "Ijambo Ryawe ni ukuri."

424 "Mwami, ntabwo ngiye kwitwara uko mbyumva, n'uko umuntu wese, wenyine yavuga. Ndahagaritse, ndimo gusohora ibindimo byose, ibihungabanya byose, no gushidikanya, no kutizera nigeze kugira. Ibyiyumvo byose nigeze kugira, uburwayi bwose nigeze kugira, ibindi byose nigeze kugira, ndabihanagura byose. Ndimu kurenga ibyo byose. Ndaje neza neza ku mutima wanjye. Mwami, manuka. Wavuze ko wangize umukozi w'imburamumaro."

"Uri, umwana Wanjye."

425 "Ni byiza, mfunguye umutima wanjye n'ubwenge bwanjye. Injira, Mwami Yesu."

426 Kandi ugate Kwizera, iyo Nkota y'UMwuka, UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Murangurure, muti: "Haleluya!" Amina. Noneho mugabanye abanzi bose imbere yanyu. Amina. Hano. Mugabanye buri mwanzi wese. Niba hari u—umwuka ubatera ubwoba utuma mwumva byose. . . Mutandukane na wo, mwifashishe Ijambo ry'Uwiteka.

Ariko imbaraga zacu, ni, "Umunezero w'Umwami ni wo mbaraga zanjye."

427 “Mubigendere kure.” Mushikame! Mumuce mwifashishije Ijambo. Yaba ari abadayimoni, yaba umwanzi, yaba ari uburwayi, yaba ari indwara, ibyo ari byo byose, mufate iryo Jambo hanyuma murikururisha Inkota. Niba kandi muyicumise bwa mbere, mukabona itanyeganyega, mwongere muyicumite, mwongere mucumite, mwongere mucumite. Kandi muyicumite kugeza mucukuye umwobo, nk’uko inkoko ntoya yicukurira; cyangwa ikizu, icyo ari cyo cyose. Mwitonde neza munyure muri kiriya gikonoshwa cy’uburwayi. Mugabanye inzira zanyu, hanyuma muvuge muti: “Haleluya! Igikurikiye kiri he?” Amina. Iyo ni yo ntambara. Uwo ni we musirikare. Nguwo umusirikare w’umusaraba. Yego mugenzi. Mukureho umwanzi wese.

428 Kubera iki? Kubera iki? Twebwe, abatoranyijwe, Imbutu ya cyami ya Aburahamu. Igihe Aburahamu yahakanaga ibintu byose binyuranyije n’Ijambo ry’Imana, yaciye inzira anyura mu nzitizi zose zari imbere ye. Baravuga bati: “Umugore wawe arashaje cyane.” Gusa yakuye ikintu mu nzira. Satani ati: “Ntushobora gukora *ibi*. Ntushobora gukora *biriya*.” Aburahamu yabikuye mu nzira. Yarayikubise, arayikubita, kugeza igihe icitsemo ibice.

“Ni iki gikurikiyeho, Mwami?”

429 “Zamura ihema ryawe *hano*.” Arazamuka, amwubakira igicaniro hejuru.

430 Haguruka, Satani araza, aravuga ati: “Noneho, ndakubwiye, aha ntabwo ari ahantu hakwiriye.”

“Nzaguma hano. Kuraho impamvu zanjye.” Aravuga ati: “Haleluya!”

431 Loti ati: “Byaba byiza umanutse hano. Turimo kugira ibihe byiza hano. Twese twakuye ishyirahamwe ryacu hano. Kuki, umugore wanjye ni umuyobozi w’ishyirahamwe ry’ubuvanganzo n’ibindi byose, mu mujyi. Ndabibabwiye, mugomba kuza hano.”

Sara Aravuga ati: “Aburahamu . . .”

432 “Ceceka, Sara.” Haleluya! “Hagarara hano. Aha ni ho Imana yanshyize. Hano ni ho mpagaze.”

433 Dore aho Imana yanshyize:

Bose bashimira imbaraga z’Izina rya Yesu!
 Abamalayika bese nibace bugufi
 bamwunamire;
 Muzane ikamba ry’Ubwami,
 Maze muryambike Umwami wa bese.

Kuri Kristo, We Rutare rukomeye, ni ho
 nishingikirije;
 Naho ibindi byose ni umusenyi utumuka,
 Ahandi hose ni umusenyi utumuka.

434 Ndetse n'urupfu ubwarwo, n'ibindi byose, ni umusenyi utumuka. Kuri Kristo, We Rutare rukomeye, ni ho mpagaze.

435 “Imbuto y'Ubwami bwa Aburahamu.” Imbuto y'Ubwami! Kubera iki, ingabo zatoranijwe mu Bwongereza ni ubwami bw'Ubwongereza, amaraso y'umwami, n'ibindi. Kandi imbuto y'Ubwami bwa Kristo ni Umwuka Wera, yuzuye Umwuka Wera. Ni ibiki? Imbuto y'Umwami, kubw'amasezerano, ntabwo ari kubw'ibiyumvo. Ariko, kubw'amasezerano y'Imana, bahagarara kw'Ijambo ry'Imana, bagaca inzira, basakuza, bati: “Haleluya!”

Ndetse n'urupfu ruraza rukavuga ngo: “Ibyago byawe bikugezeho.”

436 Muvuge muti: “Tanga inzira, yewe Yorodani. Ndashaka kwambuka.” Muce inzira yanyu mutambuke, mugana mu Gihugu cy'isezerano. Amina.

437 Bigenda bite iyo intambara irangiye? Ndimo gufunga nonaha, byanze bikunze. Iyo intambara irangiye, abera batashye mu Rugo, ndashaka kukubaza ikintu kimwe, byagenze bite?

438 Byagenze bite igihe Hitler yinjiraga mu Bufaransa? Kubera iki, bavuze ko utashoboraga no kubona n'ikirere, igihe gito, indege. Intambwe y'imbata yo mu Budage. [Mwene Data Branham yigana intambwe y'imbata—Ubwanditsi.] Murareba, bari bahagaze, batambuka, bishimira intsinzi.

439 Igihe Stalin yageraga mu Burusiya, nyuma yo gukora ibirometero byinshi, buri modoka y'intambara yari ishoreranye n'iyindi, gusa zateye ibisasu i Berlin kugeza ubwo nta kintu na kimwe cyari gisigaye. Ibyo ari byo byose. Kandi ubwo bagendaga, n'aba Badage...Aba basirikare b'Abarusiya barishimye, babyinjiranyemo, murabizi, kiriya kintu gito gisekeje bakoze. Narabibonye ku mashusho, igihe kimwe i Londres, uko binjiye, ishusho nyayo y'ikintu aho, ibyabaye, binjira, babyishimiye. Yoo, mbega!

440 Tumaze kumva ko intambara irangiye, twararanguruye, tuvuye amafirimbi. Intwari zitabarutse, twabasanze haruguru hariya. Barangurura. Bavuza akaruru. Nari mfite mubyara wanjye wari muri bo, aravuga, igihe yari agarutse, ngo abasaza bose... Abahoze ku rugerero bari barakomeretse cyane, ntibashoboraga kubyuka, nuko barabinjiza babashyira mu bwato hejuru, kugira ngo babone Ikibumbano cy'Ubwigenge gihagaze. Baravuga bati: “Nabo bantu bakomeye bahagaze aho, bavuze induru gusa, bagwa bahirima nka *gutya*, ubwo babonaga icyo Kibumbano cy'Ubwigenge.” Kuba kure y'urugo imyaka ine, urwana, utungurwa n'intambara, n'ibindi byose. Ariko bari bazi uwo mugore, n'umukunzi wabo, na nyina, papa, n'abana, ndetse n'abo bakundaga bose, bari inyuma y'icyo gishushanyo cy'ubwigenge. Cyashushanyaga icyo barwaniraga. Yoo, ifirimbi

yaravugijwe, New York ivuza induru, ibyo ari byo byose, izo ntwari zabo zari zitabarutse. Ibyo nyamara ni ibintu bito.

⁴⁴¹ Igihe kimwe ubwo Sezari, nyuma y'intambara ikomeye, yaugaga ati: “Ndashaka ko umurwanyu wanjye uzwi cyane atambuka imbere yanjye muri ibi birori bikomeye byo gutsinda umwanzi.” Buri wese mu basirikare bakomeye batunganya ingofero zabo, maze bazamura ingabo zabo zirabagirana, bakagenda ku murongo, murabizi, nka gutyo, nka—nk’abasirikare nyabo nka gutyo. Nyuma y’igihe gito, umusaza, muto muto mugenzi wabo araza, abacamo. Mbega! Gusa yarebye hejuru, atangira, nka *gutyo*. Sezari aravuga ati: “Tegereza gato. Tegereza gato. Wowe,” nta n’ubwo wambaye nk’u—umusirikare, aravuga ati: “ngwino hano.” Ati: “Izo nkovu wazikuye he?”

Aravuga ati: “Ku rugamba.”

⁴⁴² Ati: “Zamuka hano. Uri umusore nshaka ko ujya iruhande rwanjye.” Kubera iki? Yerekanye ko yari ku rugamba.

⁴⁴³ Mana we, girira imbabazi umuntu ushobora gucika ikiganza cy’e arimo gufungura saridine akabona umurongo. Ndashaka kugira inkovu z’urugamba. Nk’uko Pawulo yabivuze ati: “Mfite ku mubiri wanjye ibimenyetso bya Yesu Kristo.” Ni yo mpamvu nshaka kurwanira mu kibuga cy’imirwano.

⁴⁴⁴ Umunsi umwe, ubwo Kapiteni wacu Mukuru azaza, ari We waduhaye intwari, Ari we uduha intwari z’Imana, Umwuka Wera, aduha Ijambo Ryayo ryo kurwanisha, duhagarara aho; iyo Kapiteni Mukuru wacu ukomeye aje agendera kw’ifarashi, nshaka kurira ikimodoka cy’intambara maze nkazamukana na We mu Rugo, mwe si ko bimeze? Noneho iyo mfashe akaboko umugore wanjye muto ukuze, hanyuma nkitegereza abavandimwe banjye n’abagore babo, n’abana babo, iyo dutangiye kugenda muri iyo paradizo y’Imana, n’abamalayika buzuye ikirere n’indirimo zubahiriza igihugu, hejuru nka gutyo, zivuga iby’ibirori!

⁴⁴⁵ Kandi ubwo intambara zizarangira, tuzambara ikamba. Yoo, mbega! Yemwe, basirikare b’umusaraba, muri iki gitondo, murambure ikiganza cyo kwizera, hanyuma mufate iyi Ntwari.

⁴⁴⁶ None se, mushiki wanjye, uriteguye? Kuramo iyo Ntwari, uvuge uti: “Mana, sinitaye kubyo—ibyo satani yambwiye, sinitaye ku byo abandi bese bavuze, muri iki gitondo, ndizeye, ndizeye.”

⁴⁴⁷ Nk’uko nabivuze ejubundi, gato... Ndatekereza ko ku Cyumweru gishize, hari umugabo wabonye inzozo. Yarose idayimoni ari akantu gato gashaje, kirukaga kamusanga. Aravuga ati: “Boo!” Ahita asubira inyuma, dayimoni ihinduka nini. “Boo!” Ahita arongerera asubira inyuma, dayimoni ihinduka nini. Amaherezo, dayimoni yabaye nini ingana na we, ishaka kumurusha imbaraga. Yari azi ko agomba

kuyirwanya akoresheje ikintu runaka, nuko areba hirya no hino. Ntiyagira icyo abona cyo kumurwanya. Yafashe Bibiliya gusa. Dayimoni iti: “Boo!” Yaravuze ati: “Boo!” inyuma ye neza, maze dayimoni igenda iba ntoya, ntoya, ntoya cyane. Nuko, amaherezo, yarayikubiswe kugeza ipfuye yifashishije Ijambo.

448 Uri umusirikare, si byo, mugenzi? Fata iryo Jambo maze uvuge uti: “Handitswe ngo.” Amina. “Ntabwo ngipfuye. Ndabaho. Nzaguma neza muri iri hema kandi nsingize Imana ku bw’ibizya Byayo, hamwe n’abandi.”

449 Mbese ibyo murabyizera, abera? Amina.

Mureke twunamishe imitwe yacu.

450 Mwami Mana, Muremyi w’ijuru n’isi, bimenyekane uyu munsu ko Wowe ukiri Imana. N’ubwo nabwiriza bingana iki, ibintu byinshi navuga, Mwami, Ijambo rivuye muri Wowe rirabikemura.

451 Ibi bitambaro birambitse hano, byerekana abarwayi. Ndagusenga, Data wo mw’Ijuru, kugira ngo imigisha Yawe n’imbaraga Zawe bibe kuri buri wese muri bo, nk’uko mbarambitseho ibiganza. Mana, mw’Izina rya Yesu Kristo, ndasenze ngo Uzasigishe amavuta ibi bitambaro Kuboneka Kwawe kwera, kuko byanditswe mw’Ijambo. Nta kintu kirwanya Ijambo. Ariko byaravuzwe mw’Ijambo, ngo: “Bafataga ibitambaro n’imyeda yabaga yakoze ku mubiri wa Pawulo. Maze imyuka ihumanya igasohoka mu bantu, bagakira indwara zitandukanye.” Noneho, ntabwo turi Pawulo Mutagatifu, ariko Uracyari Imana, kandi Uracyari Umwuka Wera. Nashyize ibiganza byanjye kuri ibi bitambaro, mw’Izina ry’Umwami Yesu, ngo ngusabe Ubihe umugisha kandi ukize buri wese.

452 Kandi, Mana, uyu urambaraye hano ku buriri, uyu ugaramye hano, nta kindi uretse kuba ari umwana, umukobwa muto gusa. Ntashobora kubaho, Mwami. Satani yamuteye ngo amugirire nabi. Kandi abaganga bakundwa kw’isi baragerageje cyane, nta gushidikanya, gukiza uyu mwana. Ntibabashije kubigeraho. Bageze aho ubwenge bwabo bugarukira. Nta kindi babashije gukora. Ariko, Mwami, Nishimiye cyane ko hari ikindi gice cyanditswe. Dushobora guhindura urundi rupapuro, kandi kuri iyi page turabona Umuganga Ukomeye yinjije. Turimo kumuhamagarira kuza mu nama muri iki gitondo.

453 Noneho, Mwami, mbese ntibyanditswe hano mw’Ijambo Ryawe, ngo: “Dore ibimenyetso bizagendana n’abizera”? Mwami, niba ntari umwizera, mpindura mbe we nonaha. Niba uyu mwana w’umukobwa atari uwizera, mugire we nonaha. “Dore ibimenyetso bizagendana n’abizera ngibi; nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.” Handitswe kandi ngo: “Mw’Izina Ryanjye bazirukana abadayimoni.” Mwami, ayo—ni Amagambo Yawe. Ni Ayawe. Ni Ijambo Ryawe. Noneho nk’Umugaragu wawe...

454 Nk'uko Wabivuze, “Nihabaho babiri cyangwa batatu bateraniye hamwe, nzaba ndi hagati yabo; kandi niba muhuriye hamwe, mugasaba ikintu kimwe, muzagihabwa.”

455 Mana, uyu mwana birashoboka ko ari we muntu urwaye cyane kurusha abandi muri iyi nyubako muri iki gitondo, kubera ko adashobora kubaho utari kumwe na we, igihe kinini cyane, kandi ni we urwaye cyane kurusha abandi. Twese rero, twese turabyemera, nk'umusirikare wese uhagaze hano. Kandi muri iri tsinda hahagazemo Imbuto ya cyami ya Aburahamu.

456 Turimo gukurikirana Satani nonaha. Kandi mu gihe twiteguye kugenda, Satani, 'kubera ko intwari zacu zirabagirana, amabara arigaragaza; abagabo n'abagore bafashe Inkota, banyura imbere yawe, kubw'uyu mwana w'umukobwa. Sohoka muri we, Satani. Reka uwo mwana. Nk'ingabo z'Imana nzima, turakwirukanye. Musohokemo, mw'Izina rya Yesu Kristo.

457 Ngiye kumurambikaho ibiganza. Kandi, Satani, wahambiriye uyu mwana, wakoze iki gikorwa kibi. Nzi ko urenze utakwigereranya n'ikiremwa muntu, ariko ntabwo wakwigereranya n'Umwami wanjye, rero nje mw'Izina Rye. Musohokemo, wowe mwuka w'amadayimoni. Wowe mudayimoni w'uburwayi, sohoka muri uyu mwana, maze umurekure, guhera uyu muni. Ibi mbivuze, mw'Izina rya Yesu Kristo.

458 Noneho, Mwami Mana, Wowe Wazuye abapfuye kandi ukerekana ko Uri Imana, ongera uzamure uyu mukobwa ukiri muto umuhe ubuzima bwe n'imbaraga, kugira ngo ahagarare muri iyi nyubako hano. Satani yamuvuyemo!...?... agiye kumererwa neza. Nabeho kubwo gusingizwa n'icyubahiro cy'Imana.

Bya—byaravuzwe, none reka bikorwe.

459 Hano hari abandi bashaka kuzamura ibiganza bakavuga bati: “Ndashaka gusengerwa. Ndarwaye. Nkeneye Imana”? Sinzi igihe dufite. Dufite umwanya uhagije wo kureka abantu bakanyura hano. Gusa ndumva mpamirijwe rwose muri iki gitondo. Yego. Yego. Ndashaka ko umanuka hano, Billy, hanyuma ugafata wenda iki gice kimwe hano, kuri *uru* ruhande hano, wenyine. Reka noneho iki gice kize imbere, hanyuma dufate igice cy'inyuma nyuma yacyo, gusa kugeza kuri *kariya* kayira. Noneho turabafata gutya gusa, noneho ntiba. . .

460 Noneho ndashaka ko mwene Data Neville na bamwe muri bene Data dusangiye umurimo bahagarara hano iruhande rwanjye, hano, mushobora rero kongera mukabajyana hepfo y'inzira. Ni byo. Ni byo. Noneho nda. . .

461 Ni bangahe muri mwe bafite ibirwanisho?

462 (Bagiye guhinduka nonaha. Nimujye mu rugo, mwumve muguwe neza, mukire.)

463 Amina. Yoo, mbega! Yemwe basirikare mwese, mukure Inkota. Mukure Inkota, basirikare b'umusaraba, mukomeze, mugende.

Kuri Kristo, Rutare rukomeye, ni ho mpagaze.
Ahandi hose ni umusenyi utumuka.

464 Ni byo, muze neza, iburyo hepfo ku ruhande. Abantu bose mu masengesho ubungubu, uko batambuka.

Mw'Izina ry'Umwami Yesu, kiza uyu mugore. Amina.

Kura Inkota yawe nonaha. Komeza iburyo bwawe, urangurura.

465 [Mwene Data Branham akomeje gusengera abantu, amagambo ye menshi ntiyumvikana—Ubwanditsi.]. . . ? . . .

Mujye mbere, basirikare b'Abakristo!
Mugende ku rugamba,
Hamwe n'umusaraba wa Yesu
Mukomeze imbere.

466 Tanga inzira, Satani! Ikibazo ni ikige, basirikare? Ntutekereza ko dushobora kunesha? We yaranesheje. Turi abarenze kunesha muri Kristo Yesu! Buri dayimoni turayirukanye, n'ibindi byose. Amina.

Muze hano, bakundwa! . . . ? . . .

Ndagusengera ngo ukire. . . ? . . .

Kiza mwene Data, Doc; mukize, Data, mw'Izina rya Yesu.

Mw'Izina rya Yesu Kristo, kiza uriya mugore. Ngwino. . . ? . . .

467 Noneho yafashe. . . Ndashaka kubaza bene Data bari inyuma. Aho bari hose, Mwami. . . ? . . .

468 Yoo Mwami Mana, Muremyi w'ijuru n'isi! Yoo Mana, uzi ibiri mu mutima we. Uzi byose byerekeranye na byo. Ndasengera mama na papa. Mw'izina rya Yesu Kristo, ndabyiyemeje. . . ? . . .

Mw'izina rya Yesu Kristo, nda. . . ? . . .

Mw'izina rya Yesu Kristo, nda. . . ? . . .

469 Mana, ubane na mushiki wanjye. Turabizi, imyaka itangiye gushira kandi bitera urupfu gushaka kuza gufata umubiri w'uyu mugore. Noneho, mw'Izina rya Yesu. . . ? . . .

470 Mw'izina rya Yesu Kristo, ha umugisha uyu mwana w'umukobwa, Mwami. Intambara zacu kw'ishuri hariya, nzi ibyo anyuramo. Ndagusenze ngo Umuhe umugisha. Reka akure iyo Nkota, muri iki gitondo, maze atere imbere! . . . ? . . . Ha umugisha uyu mwana muto, Mwami; araje, ahamagara Izina Ryawe, muri iki gitondo; Ndagusenze ngo Ugendane na we. . . ? . . .

471 Mana, ha umugisha mwene Data, usubize icyifuzo cye. Mw'Izina ry'Umwami wacu Yesu, ndabisabye!...?...

Mw'Izina rya Yesu Kristo, tukweguriye iri sengesho.

Mw'Izina rya Yesu Kristo, tukweguriye iri sengesho.

Mw'Izina rya Yesu Kristo, tukweguriye iri sengesho.

Mw'Izina rya Yesu Kristo, tu...?...?

Mw'Izina rya Yesu Kristo, Tukweguriye iri sengesho.

Mw'Izina rya Yesu Kristo...?...?

Mw'Izina rya Yesu Kristo...?...?

Mw'Izina rya Yesu Kristo, kiza mwene Data.

Mw'Izina rya Yesu Kristo...?...?

Mw'Izina rya Yesu Kristo!

Mw'Izina rya Yesu Kristo!

Mw'Izina rya Yesu Kristo!

Mw'Izina rya Yesu Kristo!

Mw'Izina rya Yesu Kristo!

472 [Umuntu umwe aravuga ati: "Data yarapfuye."—Ubwanditsi.] Mana, mufashe, mw'Izina rya Yesu.

Mana, mw'Izina rya Yesu Kristo, tu...?...?

Mana, mw'Izina rya Yesu!

Mw'Izina rya Yesu Kristo...?...?

Mw'Izina rya Yesu Kristo, kiza mwene Data.

Mw'Izina rya Yesu...?...?

Urabyumva noneho?

Yoo Mana, ibi bivanaho...?...?

473 Mw'Izina rya Yesu Kristo, turasenze!...?...Ha mushiki wacu...?...?

474 Yoo Mana, uzi uriya mubyeyi muto w'agaciro, unyura muri ibyo bibazo byose, Ndasenze, Mana, ngo Uzabikore...?...?... ubimukorere.

Kura iyo Nkota, Ed, hanyuma ujye mbere, mw' Izina rya Yesu.

475 Yoo Mana, kiza umugore. Emera icyifuzo cye. Reka afate iyo Nkota iri imbere ye, mu gihe cy'ingorabahizi.

Yoo Mana...?...muri iki gitondo. Ndagusenze ngo Ubikore...?...?

476 Data Mana, ndagusenze ngo Ukize mwene Data kandi utume amererwa neza. Mw'Izina rya Yesu Kristo...?...?

477 Mana, ndagusenze ngo Ukize mushiki wacu, umukize neza, mw'Izina rya Yesu Kristo.

478 Data Mana, ndagusenze ngo—ngo ukize umuvandimwe wacu.

Kiza mushiki wacu, Mwami!...?...

Data, mw'Izina rya Yesu, kiza ibi, mushiki wacu, Data.

479 Data,...?...tubisabye mw'Izina rya Yesu. Mana, kiza uyu mugore.

Yoo Mana, ndagusenze ngo...?...

480 Yoo Mana, umuhe umugisha, Data!...?...Ukuntu dukunda abo basaza bene Data, Mwami. Kandi ndagusenze ngo Usubize icyifuzo cy'e!...?...

481 Data wo mw'Ijuru, ndasenze ngo mwene Data...?...Yoo Mana,...?...we, Yoo Mana...?...umusirikare w'umugaraba. Araza gukura icyo Nkota, muri iki gitondo, maze atere imbere.

Mana, twe...?...Biduhe, Mwami, icyifuzo cy'e.

482 Mana, ha umugisha mwene Data...?...Ndagusenze ngo Uze kumukiza, Mwami!...?...Muhe icyifuzo cy'umutima we, mw'Izina rya Yesu Kristo.

483 Data wo mw'Ijuru, uyu mukozi muto w'Ubutumwa bwiza, umuhogo we...?...Aho yakarabiye mw'ibase...?...Mana, ndagusenze ngo uzamu...?...Mu gihe ingabo zikomeye z'Imana zigenda zigera imbere nonaha, Inkota izamuye, muhe intsinzi, Mwami. Umugabo we muto muto hano, Mwami, wazanywe muri kiriya gitanda cy'abarwayi ba kanseri aho yari aranywe, yenda gupfa azize kanseri, n'abaganga bamuhunga, uko ubuzima bwe bugana mu marembera. Kandi ari hano, muri iki gitondo, umusirikare muto w'umugaraba. Mukomeze, Mwami, kubw'umurimo Wawe, dusenze, mw'Izina rya Yesu.

484 Ndashaka uriya mudamu muto...Hano hari ikindi kintu hamwe n'uyu mubwiriza muto uri hano. Ngwino hano, mwene Data Kidd. Uyu mugabo yoherejwe mu rugo avuye mu bitaro, vuba aha, yenda gupfa, aribwa na kanseri. [Mushiki wacu Kidd aravugaga ati: "Umwaka urashize."—Ubwanditsi.] Umwaka urashize. ["Ibiri."] Imyaka ibiri irashize, afite porositati. Mugabo we amuha gusa iminsi mike yo kubaho. Umunsi umwe mu gitondo, twazamutse hariya, kare kare, tuzamura isengesho ku bwe, kimwe n'iryo twabasengeye, kandi ntibashoboye no kubona ibisobanuro byaryo. Yarakize. Amina. Ya—ya... ["Byagombaga kwemezwa."] Yari afite ibiro byinshi kuruta ibyo yigeze kugira. We n'umugore we muto babaye mu Butumwa bwiza, ahari mbere y'uko mvuka. Ari hano ubu...[Mwene Data Kidd aravugaga at: "Imyaka mirongo itanu n'itanu."] Imyaka mirongo itanu n'itanu. Mbere y'uko nza kw'isi, babwirizaga Ubutumwa bwiza. Kandi hano ari, yarakize, afite imyaka igera kuri mirongo irindwi n'itanu, cyangwa, ["Mirongo inani n'umwe."] mirongo inani n'umwe. ["Twagize ububutse, amateraniryo y'ibyumweru bibiri, tubwiriza buri

joro.”] Ibyumweru bibiri by’ububuyutse, ibyumweru bibiri gusa by’ububuyutse, kandi tubwiriza buri joro. Imyaka mirongo inani n’umwe, yarakize, yari arwaye kanseri, mu gihe yari ashaje.

⁴⁸⁵ Ni byo, mushiki wacu, ni igihe cyawe nonaha. Urizeye? *Mujye mbere, Basirikare b’Abakristo*. Ni byo, mushiki wanjye. Mwebwe, kuri buri wese muri mwe, tugiye gukora iki? UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Dukore iki, tugume hano?

⁴⁸⁶ Satani, warazimiye. Turaje nonaha. Turimo kugana mu Gihugu cyasezeranijwe. Ibyo ni ibiki? “Wa musozi we wiyita iki, imbere ya Zerubabeli? Ni inde, uhagaze imbere yawo? Uzahinduka ikibaya.” Kubera iki? Hamwe n’Inkota itemera ahabili, tuzamujanjagura. Ni byo. Rwose.

Mujye mbere, basirikare b’Abakristo!
 Mwerekeze mu ntambara,
 Hamwe n’umugaraba wa Yesu
 Mukomeze mujye mbere;
 Kristo, Umuyobozi w’ubwami,
 Arayobora mu kurwanya abanzi; (Hamwe
 n’Ijambo Rye.)
 Imbere ku rugamba,
 Mwitagereze, amabendera Ye aragenda!
 Mujye mbere, basirikare b’Abakristo!
 Mwerekeze mu ntambara,
 Hamwe n’umugaraba wa Yesu
 Mukomeze mujye mbere.

⁴⁸⁷ Haleluya! Bakoze iki? Ikintu cya mbere cyagiye hanze, ku rugamba, kubwa Isiraheli, ni ikihe kintu cya mbere? Abaririmbyi barasohotse, mbere. Ni iki cyakurikiyeho? Isanduku y’isezerano. Hanyuma urugamba. Ni byo. Murabyizera ibyo nonaha? Turimo turirimba tuti, *Tujye mbere, Basirikare b’Abakristo*. Turimo gukuraho gushidikanya. Twashinguye ibirenge ubu, tujya ku rugamba.

Reka duhagarare nonaha, buri wese.

Mujye mbere, basirikare b’Abakristo!
 Mwerekeze mu ntambara,
 Hamwe n’umugaraba wa Yesu
 Mukomeze mujye mbere;
 Kristo, Umuyobozi w’ubwami,
 Arayobora mu kurwanya umwanzi;

Ni gute dushobora kumunesha? Hamwe n’Ijambo.

Mujye mbere ku rugamba,
 Mwitagereze, amabendera Ye aragenda!
 Mujye mbere, basirikare b’Abakristo!
 Mwerekeze ku rugamba,
 Hamwe n’umugaraba wa Yesu
 Mukomeze mujye mbere.

Ntabwo twacitsemo ibice,
 Turi umubiri umwe twese;
 Umwe mu byiringiro n'Inyigisho,
 Umwe mu rukundo.

⁴⁸⁸ Abizera bose ubu, baravuga bati: “Amina.” [Itorero riravuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Halleluya! Murabyizeye? Turi abanesheje. Umubisha wacu yava he? Ari muni y'ibirenge byacu. Turi iki uyu muni? Duhagaze muri Kristo!

⁴⁸⁹ Noneho, byarangiye, mushiki wacu. Urabyizeye? Taha mu rugo nonaha. Urumva umeze neza? Aravuga ko ubu yumva amereye neza. Byose ni byiza.

⁴⁹⁰ Ni bangahe bari hano bumva bamereye neza? Kandi ubwo basakuzaga, urukuta rwarahirimye, amina, barawufata. Amina. Bafata umugi. Amina! Amina! Muramwizeye?

⁴⁹¹ Noneho, ntimwibagirwe umurimo w'uyu mugoroba. Mwene Data Neville araza kuba ari hano muri iri joro, aratuzanira ubutumwa bwiza. Ku Cyumweru, ku Cyumweru gitaha, Uwiteka nabishaka, muzabe muri hano.

⁴⁹² Noneho mureke tugende, uko tugenda. Noneho, tuve mu nyubako, mureke tugende, turirimba ngo, *Mukomeze imbere, Basirikare b'Abakristo*. Kuva uyu muni, guhera ubu, ntimuzongere gusubiza iyo Nkota mu rwubati. Muyikuremo. Dutsinde urugamba. “Barasohoka, baratsinda, kandi baratsinze.” Byose, na none, kuri uwo murongo wa mbere.

Mujye mbere, basirikare b'Abakristo!
 Mwerekeza mu ntambara,
 Hamwe n'umusaraba wa Yesu
 Mukomeze mujye mbere. 

62-0311 Intambara Ikomeye Itarigeze Kurwanwa
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org